



REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
P.o. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 4 - 2019
Ukuboza, 2019




RWANDA LAW REPORTS

Law Report, V. 4 - 2019
December, 2019



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

**Icyegeranyo V. 4 - 2019
Ukuboza, 2019**



RWANDA LAW REPORTS

**Law Report , V. 4 - 2019
December, 2019**

**ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO
BY'INKIKO**

IKINYARWANDA

ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI	iii
IRIBURIRO	vii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO.....	viii
INYITO.....	viii
AMATEGEKO YASHINGIWEHO	ix
IMANZA ZIFASHISHIJE	xii
AMAGAMBO MPINE	xiii
ABAZUNGURA BA MUKAGAHIMA v. NGARAMBE	1
MUTONI v NIWENSHUTI N’UNDI	23
EXPERTS CONSULTANTS UNITED INC, UGANDA Ltd (ECU) v. ROYAL HASKONING DHV(Pty) Ltd	53
MININTCO Ltd v. DOBUSJES Ltd.....	75
UMUJYI WA KIGALI v NDAKENGERRWA GASANA.....	99
UBUSHINJACYAHA v. Col. BYABAGAMBA N’ABANDI	127

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

**ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE
IMANZA**

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

MWIHOREZE Claudine

KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	:	Perezida wa Komite Umucamanza mu Rukiko rw’Ubujurire
Dr. MUHIRE G. Yves	:	Visi Perezida wa Komite Umwalimu muri Kaminuza y’u Rwanda
BUKUBA Claire	:	Umunyamabanga wa Komite Umugenzuzi w’Inkiko
Dr. KARIMUNDA M. Aimé	:	Perezida w’Urukiko rw’Ubujurire
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	:	Umucamanza mu Rukiko rw’Ikirenga
NDAHAYO Xavier	:	Perezida w’Urukiko Rukuru
RUTAZANA Angeline	:	Umugenzuzi Mukuru w’Inkiko
KALIWABO Charles	:	Umucamanza mu Rukiko rw’Ubujurire
Dr. KAYIHURA Didas	:	Umuyobozi wa ILPD

BWIZA N. Blanche	:	Umugenzuzi w'Inkiko
KIBUKA Jean Luc	:	Umucamanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi
HABARUREMA Jean Pierre	:	Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
BUNYOYE Grace	:	Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
KABIBI Specioza	:	Intumwa ya Leta
MUREREREHE Saouda	:	Umucamanza mu Rukiko Rukuru
Lt. col. MADUDU A. Charles	:	Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
GIRANEZA Clémentine	:	Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
UWANTEGE Yvette	:	Perezida wu Rukiko Rwisumbuye
BAGABO Faustin	:	Avoka mu Rugaga rw'Abavoka

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Iyi nimeru IV [2019] niyo isoza umwaka wa 2019. Muri uyu mwaka, twishimiye uburyo mwagiye mugaragaza ko icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko kibageraho kandi kikabagirira akamaro mu mirimo yanyu ya buri muni.

Muri iyi numero murasangamo imanza esheshatu (6) zikubiyemo ebyiri (2) z'imbonezamubano, ebyiri (2) z'ubucuruza, rumwe (1) rw'ubutegetsi na rumwe (1) rw'inshinjabyaha.

Tuboneyeho no kubibutsa ko imanza ziri muri iki Cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga ruborohera kubona urubanza mukeneye mu buryo bwihuse, kuri <http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na

Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga, Urukiko rw’Ubujurire n’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2019] 4 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015,

ingingo ya 13 n'ya 29.....102

ingingo ya 14 (1), (2), iya 21 n'ya 22.....130

Itegeko Ngenga N°11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N° 61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, ingingo ya 2 n'ya 3.....102

Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10/12/1948, ingingo ya 25, igika cya mbere.....130

Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Imbonezamubano na Politiki yo ku wa 19/12/1966 yashyizweho umukono n'u Rwanda ku wa 12/02/1975, ingingo ya 7, n'ya 10, igika cya mbere.....131

Amasezerano Mpuzamahanga ajyanye n'Uburenganzira mu by'Ubukungu, Imibereho y'Abantu n'Umuco yo ku wa 19/12/1966 u Rwanda rwemeje ku wa 12/02/1975, ingingo ya 12.....131

Amasezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage yo ku wa 27/06/1981, u Rwanda rwashyizweho umukono ku wa 11/11/1981, rukayemeza ku wa 17/05/1983, ingingo ya 16, igika cya mbere.....131

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 64.....102

Itegeko N° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange y'Abakozi ba Leta, ingingo ya 3,76,78, 80,81, n'ya 98.....102

Itegeko N° 43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 10.....3

<i>Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano mu Rwanda, ingingo ya 64 n'ya 66.....</i>	<i>57</i>
<i>Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera iby'umutungo bwite mu by'ubwenge (ryavuguruwe), ingingo ya 284.....</i>	<i>78</i>
<i>Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39.....</i>	<i>27</i>
<i>Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 9 n'ya 31.....</i>	<i>58</i>
<i>Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo,</i>	
<i> ingingo ya 3.....</i>	<i>27</i>
<i> ingingo ya 106 n'ya 162.....</i>	<i>3</i>
<i>Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 4/3/2014 rigenga uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta, ingingo ya 5, ya 7, n'ya 12.....</i>	<i>102</i>
<i>Amabwiriza Mpuzamahanga agenga uburyo abagororwa bafatwamo yitiriwe Mandela (Nelson Mandela rules), ingingo ya 10, iya 37 n'ya 44.....</i>	<i>131</i>
<i>Itegeko Ngenga N°01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko (ryahinduwe), ingingo ya 176.....</i>	<i>130</i>
<i>Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha(ryahinduwe), ingingo ya 139.....</i>	<i>3</i>

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegets, ingingo ya 2.....78

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuzza Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura (ryahinduwe), ingingo ya 27 n'iya 28.....3

Itegeko ryo ku wa 10/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa (ryahinduwe), ingingo ya 25.....3

IMANZA ZIFASHISHIJE

<i>Ahishakiye Jean na Namagabira Venantie, urubanza N°RCAA0048/14/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 11/03/2016.....</i>	<i>27</i>
<i>Bagosora v. the Prosecutor, ICTR, Case No. ICTR-98-41-A, Decision on Aloys Ntabakuze’s Motions for Provisional Release and Leave to File Corrigendum, 2 September 2009.....</i>	<i>131</i>
<i>Baumgartener v Baumgartner [1987], rwaciwe n’Urukiko Rukuru rwa Australia.....</i>	<i>27</i>
<i>Gatera Johnson na Kabarisa Teddy N° RS/Inconst/Pén.0003/10/CS rwaciwe ku wa 07/01/2011 n’Urukiko rw’Ikirenga.....</i>	<i>27</i>
<i>Karemera et al. v. the Prosecutor, ICTR, Case No. ICTR-98-44-A, Decision on Mathiew Ngirumpatse’s Motion for Provisional Release, 11 December 2012.....</i>	<i>131</i>
<i>Lothar Pettkus V. Rosa Becker [1980] rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga rwa Canada.....</i>	<i>27</i>
<i>Nyirakamana n’abandi na. Mukasharangabo n’abandi N° RS/REV/INJUST CIV 0007/15/CS rwaciwe ku wa 04/12/2015 n’Urukiko rw’Ikirenga.....</i>	<i>27</i>
<i>Prosecutor v. Rašić, ICTY, Case No. IT-98-32/1-R77.2-A, Judgement, 16 November 2012.....</i>	<i>131</i>
<i>Ramirez Sanchez v. France, European Court of Human rights, application N° 59450/00.....</i>	<i>131</i>
<i>Rhode v. Denmark, European Court of Human rights, application N°10263/83.....</i>	<i>131</i>
<i>Twahirwa Ahmed na Kaligirwa Rehema N°RCAA0036/15/CS rwaciwe ku wa 17/11/2017 n’Urukiko rw’Ikirenga.....</i>	<i>27</i>

AMAGAMBO MPINE

Amategeko agamije kurengera iby’umutungo bwite mu by’ubwenge – Uburenganzira bwo kuregera ikirango – Sosiyete yanditseho ikirango ifite uburenganzira busesuye bwo kurega uwacyiganye cyangwa umucuruzi ufite ikirango gitera urujijo ku gicuruzwa cye.

MININTCO Ltd v. DOBUSJES Ltd.....75

Gusenya igicuruzwa cyigana ikindi gicuruzwa – Urukiko ntago rutegetswe byanze bikunze gutegeka ko igicurizwa gifite ikirango cy’ikiganano gisenywa, rushobora ahubwo gutegeka ko gisenywa cyangwa kikavanwa kw’isoko ryo mu gihugu mu bushishozi bwarwo – Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera iby’umutungo bwite mu by’ubwenge. ingingo ya 284.

MININTCO Ltd v. DOBUSJES Ltd.....75

Amategeko agenga amasezerano – amasezerano y’impano – Impano ishobora gukorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo – Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy’urwunge rw’amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe, impano n’izungura, ingingo ya 27.

ABAZUNGURA BA MUKAGAHIMA v. NGARAMBE.....1

Amasezerano – Inenge y’imyandikire ntiyashingirwaho mu gutesha agaciro amasezerano impande zombi zumvikanyweho

EXPERTS CONSULTANTS UNITED INC, UGANDA Ltd(ECU) v. ROYAL HASKONING DHV(Pty) Ltd...53

Amategeko agenga imanza z'ubutegets – Ibihano mu rwego rw'akazi – Uburyozwe bw'icyaha – Kuba Ubushinjacyaha bushyinguye dosiye bwari bukurikiranyeho umukozi mu rwego rw'inshinjabyaha ntibikuraho kuba yahanwa mu rwego rw'akazi.

UMUJYI WA KIGALI v NDAKENGURWA GASANA.....99

Ikosa rikomeye – Impamvu yongera uburemere bw'ikosa – Kuba umukozi wakoze ikosa ari umuyobozi ukuriye abandi, wagombye kubabera urugero mu kwirinda ibikorwa byose bishobora gusebya umukoresha we, ni impamvu yongera uburemere bw'ikosa

UMUJYI WA KIGALI v NDAKENGURWA GASANA.....99

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha – Ikirego cy'indishyi – Gutanga ikirego cy'imbonezamubano gisaba guteshya agaciro inyandiko ntaho gihuriye n'ikirego cy'indishyi gitanzwe hisunzwe ubushinjacyaha – Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha (ryarahiduwe), ingingo ya 139.

ABAZUNGURA BA MUKAGAHIMA v. NGARAMBE.....1

Amategeko agenga umuryango – Ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ikimenyetso – Ikimenyetso kishingirwaho kwemeza ko abantu babanaga nk' umugabo n'umugore – Iyo imibanire bwite hagati y'abantu idasaba ibimenyetso byihariye, uburyo bwose bushoboka bwagaragaza ko umugore n'umugabo babanye bwashingirwaho mu gufata icyemezo – Icyemezo cy'ubuyobozi bw'aho batuye cyangwa inyemezabuguzi

y'amasezerano y'ubukode agaragaza ko babaga mu nzu imwe nibimwe mu bimenyetso byashingirwaho mu kwemeza ko abantu babanaga nk' umugabo n'umugore.

MUTONI v NIWENSHUTI N'UNDI.....23

Ababanaga batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Umutungo – Kugabana umutungo wababanaga nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko – Ntabwo ari ngombwa ko buri wese agomba kugaragaza ingano (quantité) y'ibyo yakozze kugira ngo umutungo ubeho cyangwa ngo yerekane ibyo yawushyizeho kugira ngo wiyongere agaciro, ahubwo uwo mutungo ugomba kuba warabonetse muri cya gihe kidashidikanywaho bombi babanaga kuko icya ngombwa ari uko muri iyo mibanire buri wese aba afite ibyakora mu guteza imbere urugo kabone niyo umwe muri bo atabasha kugaragaza mu buryo burondoye (détaille/details) ibyo yakozze kugirango uboneke cyangwa utubuke.

MUTONI v NIWENSHUTI N'UNDI.....23

Amategeko mpanabyaha – Igihano cy'igifungo – Iyicarubozo – Kuba ufunze afungiwe ahantu ha wenyine, ubwabyo ntibyakwitwa iyicarubozo mu gihe uburyo afunzwemo bwubahirije uburenganzira bw'ikiremhamuntu.

UBUSHINJACYAHA v. Col. BYABAGAMBA N'ABANDI.....127

Ubukemurampaka – Ingingo iteganya ubukemurampaka mu masezerano – icyemezo cy'ubukemurampaka – Ingingo iteganya ubukemurampaka, nk'igice kimwe kigize amasezerano y'ibanze y'ubucuruzi, ifatwa nk'amasezerano ukwayo, hatitawe kubindi biteganywa muri ayo masezerano y'ibanze – Iyo icyumvikanyweho n'imapande zombi kidakurikijwe mu bijyanye n'imiburanishirize

y'ubukemurampaka, iba ari imwe mu mpamvu zashingirwaho zatumye icyemezo cy'ubukemurampaka cyatashywe agaciro – Itegeko N° 005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 9 n'ya 31.

EXPERTS CONSULTANTS UNITED INC, UGANDA Ltd(ECU) v. ROYAL HASKONING DHV(Pty) Ltd...53

Ubwishingizi bw'indwara – Ubwishingizi bw'indwara bukoreshwa ku muntu ufunze – Ku byerekeye ubwishingizi bukoreshwa mu kwivuka icyangombwa si ubwoko bw'ubwishingizi bukoreshwa ahubwo icyangombwa ni ukumenya niba ufunze avurwa uko bikwiye, kuba hadakoreshwa ubwishingizi ufunzwe yifuza gukoresha, ubwabyo ntibyafatwa nk' impamvu yo gufungurwa by'agateganyo.

UBUSHINJACYAHA v. Col. BYABAGAMBA N'ABANDI.....127

IMANZA ZACIWE MU MIZI



**IMANZA
Z'IMBONEZAMUBANO**

ABAZUNGURA BA MUKAGAHIMA v. NGARAMBE

[RWANDA URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA0039/15/CS
(Mugenzi P.J, Nyirandabaruta na Gakwaya J.) 06 Nyakanga
2018]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha – Ikirego cy'indishyi – Gutanga ikirego cy'imbonezamubano gisaba gutesha agaciro inyandiko ntaho gihuriye n'ikirego cy'indishyi gitanzwe hisunzwe ubushinjacyaha – Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 139.

Amategeko agenga amasezerano – Amasezerano y'impano – Impano ishobora gukorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo – Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 27.

Incamate y'ikibazo: Ngarambe yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, asaba gutesha agaciro ibyangombwa by'ubutaka byashyingiweho Mukagahima ahabwa “acte de notoriété” y'inzu Ngarambe avuga ko ari iye, asaba Urukiko gutegeka ko iyo nzu imwandikwaho, na Mukagahima akamuha indishyi, inyungu yahombye n'igihembo cya Avoka.

Mukagahima we akavuga ko ikirego cya Ngarambe kidakwiye kwakirwa kuko ibyo amurega yabiburanye mu rundi rubanza nshinjabyaha ararutsinda, Ngarambe nawe yari yaruregeyemo

indishyi ariko ikirego cye nticyasuzumwe kubera ko Mukagahima yagizwe umwere. Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza rwemeza ko ikirego cya Ngarambe nta shingiro gifite.

Ngarambe yajuririye mu Rukiko Rukuru, avuga ko Urukiko rwanze gusuzuma ikirego cye rushingiye ku rubanza rw'inshinjabyaha kandi rutagomba guhuzwa n'urw'imbenezamubano kuko ababuranyi n'ikiburanwa atari bimwe. Urwo Rukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ubujurire bwa Ngarambe bufite ishingiro.

Mukagahimana ntiyishimiye imikirize y'urubanza, arujuririra mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko Rukuru rutagombaga kwakira ikirego, ko rwirengagije ibimenyetso bihamya inkomoko y'umutungo ndetse ko rwirengagije ko yabanye na Ngarambe nk'umugore n'umugabo.

Mukagahima yaje kwitaba Imana, Urukiko rubanza gusuzuma ikibazo cy'abana be batarageza ku myaka y'ubukure, ku bijyanye n'uburyo bagomba bahagararirwa mu rubanza. Urukiko rwemeje ko abana batarageza ku myaka y'ubukure bashakirwa umwishingizi mu buryo buteganywa n'Itegeko rigenga abantu n'umuryango.

Ngarambe avuga ko ingingo ya 139 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha itabuza umuntu gutanga ikirego cy'imbenezamubano ku mpamvu zitandukanye n'izo yashingiyeho atanga ikirego cy'indishyi mu rubanza nshinjabyaha. Avuga kandi ko abajuriye bivuguruza, kuko bavuga ko Ngarambe yatanze impano, kandi bagahakana aho yakuye umutungo.

Incamake y'icyemezo: 1. Gutanga ikirego cy'imbonezamubano gisaba gutesha agaciro inyandiko ntaho gihuriye n'ikirego cy'indishyi gitanzwe hisunzwe ubushinjacyaha, bityo iki kirego kigomba kwakirwa.

2. Impano ishobora gukorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo.

**Ubujurire bufite ishingiro;
Urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, ingingo ya 10.

Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 139.

Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 106 n'iya 162.

Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 27 n'iya 28.

Itegeko ryo ku wa 10/07/1888 rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 258.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ngarambe Jean yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, asaba gutesha agaciro ibyangombwa by'ubutaka byatanzwe n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze byashingiweho Mukagahima Génèreuse ahabwa “acte de notoriété” y'umutungo ugizwe n'inzu Ngarambe Jean avuga ko ari uwe, asaba Urukiko ko rwategeka ko iyo nzu imwandikwaho, na Mukagahima Génèreuse akamwishyura indishyi, inyungu yahombye n'igihembo cya Avoka.

[2] Mukagahima Génèreuse yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Ngarambe Jean kubera ko ibyo amurega babiburanye mu rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, rwaciye ku wa 10/07/2014, aho Mukagahima Génèreuse yaregwaga icyaha cyo kwihesha ku bw'uburiganya ibyemezo bitangwa n'inzego zabigenewe no gukoresha inyandiko zitavugisha ukuri, Ngarambe Jean nawe akaruregeramo indishyi ariko ikirego cye ntigisuzumwe kubera ko Mukagahima Génèreuse yagizwe umwere ku byo yaregwaga bisa n'ibyo aregwa mu rubanza mbonezamubano.

[3] Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RC0742/14/TGI/Nyge ku wa 24/03/2015, rwemeza ko ikirego cya Ngarambe Jean nta shingiro gifite, kubera ko rwasanze mu rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, Urukiko rwaremeje ko Mukagahima Génèreuse atagize uburiganya mu kwihesha ibyemezo no gukoresha inyandiko itavugisha ukuri, rwanzura ko ntaho rwahera rwemeza ko biteshwa agaciro kandi byaratanzwe mu buryo bukurikije amategeko, rutegeka Ngarambe Jean guha

Mukagahima Génèreuse 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka, indishyi zo gushorwa mu manza no gukurikirana urubanza.

[4] Ngarambe Jean yajuririye Urukiko Rukuru, avuga ko Urukiko rwanze gusuzuma ikirego cye rushingiye ku rubanza rw'inshinjabyaha kandi rutagomba guhuzwa n'urw'imbonezamubano, kandi ko ababuranyi n'ikiburanwa atari bimwe. Urwo Rukiko rwaciye urubanza RCA0174/15/HC/KIG, ku wa 23/10/2015, rwemeza ko ubujurire bwa Ngarambe Jean bufite ishingiro, rutegeka ko ibyemezo byatanzwe n'Inzego z'Ibanze harimo icyemezo cyo ku wa 30/02/2009, icyo ku wa 28/08/2004, icyemezo cy'umutungo N° 1253//2004 na "*acte de notoriété*" yo ku wa 27/07/2010, byatanzwe mu izina rya Mukagahima Génèreuse biteshejwe agaciro, inzu iburanwa ikaba igomba kwandikwa kuri Ngarambe Jean, rutegeka Mukagahima Génèreuse guha Ngarambe Jean 1.225.000 Frw y'indishyi n'amagarama y'urubanza.

[5] Mukagahimana Génèreuse ntiyishimiye imikirize y'urubanza, arujuririra muri uru Rukiko, avuga ko Urukiko Rukuru rutagombaga kwakira ikirego ndetse ngo rwirengagize ibimenyetso bihamya inkomoko y'umutungo no kuba yarabanye na Ngarambe Jean nk'umugore n'umugabo, indishyi yaciwe zikaba zidafite ishingiro kuko hari ibyo yakoze ku nzu.

[6] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 11/10/2016, ku wa 10/01/2017 no ku wa 18/4/2017, hasuzumwa ikibazo cy'abagomba gukomeza urubanza ku ruhande rwa Mukagahima Génèreuse witabye Imana ku wa 31/07/2016, Me Mugabonabandi Jean Maurice ahagarariye bamwe mu bazungura ba Mukagahima Génèreuse, naho Ngarambe Jean yunganiwe na Me Kayitana Evode, impaka zikomereza ku buryo abana batarageza ku myaka y'ubukure bahagararirwa mu rubanza.

[7] Ku itariki ya 19/05/2017, Urukiko rwafashe icyemezo ko abana Ngarambe Bruce Kevin na Ngarambe Chris, batarageza ku myaka y'ubukure bashakirwa umwishingizi mu buryo buteganywa n'Itegeko n° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016, rigenga abantu n'umuryango, babifashijwemo n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Remera.

[8] Iburanisha ry'urubanza mu mizi ryabereye mu ruhame ku itariki ya 22/05/2018, Me Mugabonabandi Jean Maurice ahagarariye Mugabo Aimé Fernand, Umulisa Murielle na Ndayisenga Sandrine (Umwishingizi wa Ngarambe Bruce Kevin), Me Bizimana Emmanuel na Me Safari Kizito bahagarariye Ngarambe Jean naho Me Uwamahoro Marie Grâce ahagarariye Nzabandora Ildephonse, umwishingizi wa Ngarambe Chris. Abazungura ba Mukagahima Génèreuse basobanuye impamvu z'ubujurire, abahagarariye Ngarambe Jean bazireguraho. Kuri uwo munsu, Urukiko rwemeza ko iburanisha ribaye risubitswe kugira ngo ruzagere aho ikiburanwa kiri.

[9] Iperereza ryabaye ku itariki ya 21/03/2018, mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Rukiri I, Umurenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ahari ikiburanwa, Urukiko rukaba rwarabajije abatangabuhamya bo ku mpande zombi, iburanisha ry'urubanza risubukurwa ku wa 22/05/2018, ababuranyi bunganiwe nka mbere, bahabwa umwanya kugira ngo bagire icyo bavuga ku byavuye mu iperereza no ku mvugo z'abatangabuhamya.

II. BIBAZO BIRI MURI URU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

1. Kumenya niba ikirego cya Ngarambe Jean kitaragombaga kwakirwa

[10] Me Mugabonabandi Jean Maurice, uhagarariye Mugabo Aimé Fernand, Umulisa Murielle na Ndayisenga Sandrine (Umwishingizi wa Ngarambe Bruce Kevin), bavuga ko ikirego cya Ngarambe Jean kitagombaga kwakirwa n'inkiko zibanza kuko ingingo ya 139 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ibuza umuntu gutanga ikirego mu rukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha ngo anagitange mu ruburanisha imanza z'imbonezamubano, ikindi akaba ari uko muri dosiye harimo urubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE rwabaye itegeko, aho Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwashingiye ku bimenyetso by'amakuru yatanzwe n'abari Abayobozi b'inzego z'ibanze bemeza ko umutungo wanditswe kuri Mukagahima Génèreuse bisabwe na Ngarambe Jean, ibyo bituma Mukagahima Génèreuse agirwa umwere, bituma n'indishyi Ngarambe Jean yari yasabye zidasuzumwa.

[11] Me Mugabonabandi Jean Maurice avuga ko initizi batanze atari ikirego gishya bayitanze no mu nkiko zo hasi, kandi ko iyo nzitizi ishobora gutangwa aho urubanza rwaba rugeze hose; ko Ngarambe Jean yategereje ko urubanza ruba itegeko ntarujuririre, nyuma akajya gutanga ikirego gisa n'icyo yaregeye mu rubanza rw'inshinjabyaha mu Rukiko mbonezamubano kandi itegeko ribimubuza.

[12] Me Uwamahoro Marie Grâce, uhagarariye Nzabandora Ildephonse avuga ko ingingo ya 139 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ikoreshwa igihe

ikirego cy'indishyi cyakiriwe kigasuzumwa, ikirego cya Ngarambe Jean kikaba kitarasuzumwe kuko Mukagahima Génèreuse yari yagizwe umwere, akaba yumva nta cyabuza ko gitangwa mu rubanza mbonezamubano, kuko amategeko mbonezamubano n'ay'inshinjabyaha buri kimwe kigenga, kandi umucamanza w'imbonezamubano akaba adategetswe gukora ibyo umucamanza w'imanza z'inshinjabyaha yakoze, ko ikirego cy'indishyi kigomba gukurikiza amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano.

[13] Me Bizimana Emmanuel, uhagarariye Ngarambe Jean, avuga ko iyi ngingo y'ubujurire bw'abazungura ba Mukagahima Génèreuse idakwiriye gusuzumwa kuko ari ikirego gishya gitanzwe mu bujurire kitigeze kiburanwaho mu rwego rwo hasi, akabihuza n'ingingo ivuga ko umuburanyi ajurira inenge iri mu rubanza, kuba mu nkiko zabanje nta cyemezo cyafashwe cyo kutakira ikirego, akaba atabona inenge iri mu rubanza, ko Urukiko rubibonye ukundi, rwakwemeza ko iyi ngingo y'ubujurire nta shingiro ifite kuko ababuranyi mu rubanza nshinjabyaha batandukanye n'ababuranyi mu rubanza rw'imbonezamubano, ndetse ko ikirego cy'indishyi kitigeze gisuzumwa.

[14] Me Bizimana Emmanuel akomeza avuga ko ingingo ya 139 y'Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ibuza umuntu wasabye indishyi yisunze ubushinjacyaha, kuba na none yasaba indishyi zishingiye kuri cya cyaha mu rubanza rw'imbonezamubano, ariko ko idashobora kubuza umuntu gutanga ikirego ku mpamvu zitandukanye n'iza mbere. Naho ku cy'uko urubanza rw'inshinjabyaha rwabaye itegeko kandi batigeze barujuririra, Me Bizimana Emmanuel

avuga ko atari ibyo kuko ibyo basaba Urukiko mu rubanza rw'inshinjabyaha bitigeze bisuzumwa ngo bifatweho icyemezo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[15] Ingingo ya 139 y'Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko "Uwangirijwe n'icyaha wifuza kuregera indishyi ashobora guhitamo kuregera urukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha cyangwa urukiko ruburanisha imanza z'imbenezamubano. Icyakora, iyo yahisemo urukiko aregera, yaba urw'inshinjabyaha cyangwa urw'imbenezamubano, ntashobora guhindukira ngo atange nanone ikirego cye mu rundi rukiko ku kirego kimwe".

[16] Ingingo ya 106 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko "Ububasha bw'urubanza rwabaye indakuka bugarukira gusa ku cyaburanwe kigakiranurwa. Ikintu cyaburanywe kigomba kuba kimwe, ikirego kigomba kuba gishingiye ku mpamvu imwe, icyo kirego kigomba kuba cyerekeye ababuranyi bamwe kandi bakiburana mu izina ryabo rya mbere".

[17] Dosiye y'urubanza igaragaza ko mu rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, Mukagahima Génèreuse yarezwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, icyaha cyo kwihesha ku bw'uburiganya ibyemezo bitangwa n'inzego zabigenewe no gukoresha abizi inyandiko itavugisha ukuri, Twiringiyimana Célestin nawe aregwa muri urwo rubanza icyaha cyo kwiha ububasha ku mirimo itariye, muri urwo rubanza kandi Ngarambe Jean akaba yararuregeyemo indishyi, Urukiko mu gufata

icyemezo ku itariki ya 10/07/2014, rwemeza ko Mukagahima Génèreuse na Twiringiyimana Célestin badahamwa n'ibyaha baregwa, runemeza ko ikirego cy'indishyi cyatanzwe na Ngarambe Jean kidasuzumwe.

[18] Dosiye y'urubanza igaragaza na none ko Ngarambe Jean nyuma y'urwo rubanza yaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, mu rubanza RC0742/14/TGI/NYGE, asaba gutesha agaciro ibyangombwa byo mu Buyobozi bw'Ibanze biha uburenganzira bwo kwandikwaho umutungo ugizwe n'inzu ye kuri Mukagahima Génèreuse, asaba ko inzu ishyirwa mu mazina ye, kwishyurwa indishyi zijyanye no kuvutswa uburenganzira ndetse n'inyungu yahombye zo kutagira uburenganzira ku nzu ye n'igihembo cya Avoka.

[19] Urukiko rurasanga icyo ingingo ya 139 y'Itegeko N° 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryavuzwe haruguru ibuza, ari uko iyo umuntu afashe inzira yo gutanga ikirego cy'indishyi mu Rukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha, adashobora guhindura ngo agitange mu Rukiko ruburanisha imanza z'imbonezamubano, ibi akaba atari byo Ngarambe Jean yakoze, kuko ikirego yatanze mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge mu rubanza rw'imbonezamubano cyo gutesha agaciro ibyangombwa byo mu Buyobozi bw'Ibanze, ntaho gihuriye n'ikirego cy'indishyi yatanze yisunze ubushinjacyaha mu rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, igihe Mukagahima Génèreuse yari akurikiranyweho n'Ubushinjacyaha mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, ku cyaha cyo kwihesha ku bw'uburiganya ibyemezo bitangwa n'inzego zabigenewe no gukoresha abizi inyandiko itavugisha ukuri. Rurasanga rero ibyo Me Mugabonabandi Jean Maurice avuga ko ikirego cya Ngarambe Jean kitagombaga kwakirwa n'inkiko zibanza kuko

yatanze ikirego mu rukiko ruburanisha imanza z'inshinjabyaha nyuma akagitanga mu ruburanisha imanza z'imbonezamubano nta shingiro ifite.

[20] Urukiko rurasanga kandi nk'uko byagaragajwe harugururu, kugira ngo hiyambazwe ihame ry'uko hari urubanza rwabaye itegeko, ari uko haba hari ikirego gishingiye ku kiburanwa kimwe, hagati y'ababuranyi bamwe kandi bakiburana mu izina ryabo rya mbere. Nta wavuga rero ko inkiko zabanje zirengagije iryo hame ku bijyanye n'urwo rubanza, kuko urubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE rw'inshinjabyaha Mukagahima Génèreuse yaburanye n'Ubushinjacyaha rutandukanye n'uru haba kuri kamere yazo kuko rumwe ari urw'inshinjabyaha urundi rukaba urw'imbonezamubano, haba ku kiburanwa ndetse no ku baburanyi, bityo, ibyo uhagarariye Mugabo Aimé Fernand, Umulisa Murielle na Ndayisenga Sandrine (Umwishingizi wa Ngarambe Bruce Kevin), avuga ko hirengagijwe urubanza rwabaye itegeko bikaba nta shingiro bifite.

[21] Ku bijyanye n'ibivugwa na Me Bizimana Emmanuel ko iyi ngingo y'ubujurire irebana n'inzitizi yatanzwe n'abazungura ba Mukagahima Génèreuse yo kutakira ikirego cyatanzwe na Ngarambe Jean idakwiriye gusuzumwa kuko ari ikirego gishya, Urukiko rw'Ikirenga rurasanga iyi ngingo atari ubwa mbere isuzumwe, kuko yanagarutsweho mu Rukiko Rukuru, urwo Rukiko rukaba rwarayifasheho umwanzuro mu gika cya 12, bityo rero iyo nzitizi ikaba itafatwa nk'ikirego gishya gitanzwe bwa mbere muri uru Rukiko.

2. Kumenya nyiri umutungo uburanwa

[22] Me Mugabonabandi Jean Maurice avuga ko mu gika cya 18 na 19 cy'urubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, Urukiko

Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwagaragaje inkomoko y'umutungo nk'uko byemejwe n'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze, ko rero kuba hari urubanza nshinjabyaha rwemeje inkomoko y'umutungo, rutakurwaho n'urubanza rw'imbonezamubano.

[23] Me Mugabonabandi Jean Maurice akomeza avuga ko Urukiko Rukuru rwashingiye icyemezo cyarwo ku nyandiko yo mu mwaka wa 1995 yatanze na Ngarambe Jean nk'inkomoko y'umutungo kandi baragaragaje inenge zitandukanye iyo nyandiko ifite; ko umuntu uvugwa muri iyo nyandiko ari Ngarambe Jean Pierre, akaba atari Ngarambe Jean, ndetse ko n'impano bayinenga kuko uvuga ko yayitanze atigeze asinya ku nyandiko. Asobanura ko aho bavugaga ko ari igikumwe yateye atari byo, kuko ari nk'umuti w'ikaramu wamenetsemo, ndetse nta n'umukono w'uwahawe ugaragara kuri iyo nyandiko, kandi n'uwatanze akaba atagaragaza ikibanza yatanze aho giherereye.

[24] Me Mugabonabandi Jean Maurice avuga kandi ko ibivugwa n'abahagarariye Ngarambe Jean ko niba koko Ngarambe Jean yarahaye Mukagahima Génèreuse umutungo uburanwa hagombye kuba hari inyandiko ibigaragaza, atari byo, kuko itegeko ry'izungura rivuga ko impano ishobora gutangwa ishyikirijwe gusa nyiri ukuyihabwa, ko ntaho biteganyijwe ko impano igihe cyose igomba kuba yanditse. Akomeza avuga ko ibyo Ngarambe Jean avuga ko Mukagahima Génèreuse yiyandikishijeho uwo mutungo mu mwaka wa 2009 na 2010, igihe yari yafunzwe, atari byo, kuko kuva mu mwaka wa 2004, iyo mitungo yari yanditse kuri Mukagahima Génèreuse kandi we na Ngarambe Jean babana mu nzu imwe, bityo akaba asaba Urukiko gushingira ku nyandiko yo mu mwaka wa 2000 igaragaza ko umukecuru Ntacyobazi Anastasie yahaye

Mukagahima Génèreuse na Ngarambe Jean icyo kibanza kiburanwa.

[25] Ku mvugo z’abatangabuhamya babajijwe mu iperereza ryo ku wa 21/03/2018, Me Mugobonabandi Jean Maurice avuga ko icyo umutangabuhamya Izere Valentine yavuze cyafasha Urukiko ari uko ibyangombwa Ngarambe Jean asaba ko biteshwa agaciro Mukagahima Génèreuse yabibonye nta manyanga akoreshejwe, bityo ko bidakwiriye guteshwa agaciro mu gihe yabibonye mu buryo bukurikije amategeko; ko umutangabuhamya Twiringiyimana Célestin yavuze neza ko yari muri komite y’Umudugudu kuva mu mwaka wa 2003 kugeza mu mwaka wa 2006, yongera kuyigarukamo mu mwaka wa 2009 kugeza uyu munsu, akaba yarasobanuye ko Ngarambe Jean ubwe yigiriye mu buyobozi asaba ko umutungo wandikwa kuri Mukagahima Génèreuse, bikaba bihuje n’ibiri mu rubanza rw’inshinjabyaha bashyikirije Urukiko; naho Bakina akaba yaragaragaje ko azi amateka y’ahaburanwa kuko yavuze ko hahabwa Ngarambe Jean na Mukagahima Génèreuse abizi ndetse ko yasinye ku masezeranoy’impano.

[26] Me Mugobonabandi Jean Maurice akomeza avuga ko atemera ibyo abandi batangabuhamya bavuze, kuko Nzabandora Jimmy avukana na Ngarambe Jean kuri se na nyina, akaba ashobora kubogama kubera isano y’amaraso bafitanye, ikindi akaba ari uko avuga ko Ngarambe Jean ahabwa ikibanza cyarimo inzu yabanaga na Mukagahima Génèreuse, ariko Ngarambe Jean akavuga ko batabanaga, bakaba bavuguruzanya kandi Ngarambe Jean ariwe wamwitangiye; ko ku mutangabuhamya Kanani icyo Urukiko rwareba ari ukuntu Ngarambe Jean nk’umuntu ujijutse (Ingénieur) yafashe umuyede (aide-maçon) w’imyaka cumi n’itanu (15) y’amavuko, utazi kwandika neza, amugira

umutangabuhamya n'umwanditsi w'inyandiko yita ikimenyetso cy'ibyo aburana; naho ku mutangabuhamya Mukampabuka Hélène akaba avuga ko mu murima harimo ubunyobwa, akanyuranya na Kanani uvuga ko harimo ibyatsi byitwa ibyicamahirwe kandi bose bari bahari; Radjab nawe akavuga ko yatangiye kubaka mu 1999, binyuranye n'ibyo ababuranyi bavuga.

[27] Me Uwamahoro Marie Grâce avuga ko Ngarambe Jean agaragaza ko ubutaka yabuhawe na Ntacyobazi Anastasie, bityo umutungo ukaba ari uwe, naho ku bijyanye n'amazina ya Ngarambe Jean-Pierre, avuga ko habayeho kwibeshya ku mazina, kandi ko bitari gushoboka ko Ngarambe Jean aha impano Mukagahima Génèreuse atabyanditse ngo anabisinyire; ikindi ko impano zombi Ngarambe Jean yari yahawe zari mu nyandiko, impano bavuga ko yahaye Mukagahima Génèreuse, ikaba itari gutangwa mu magambo gusa.

[28] Me Uwamahoro Marie Grâce avuga ko ibyo uruhande rwajuriye ruvuga ko ku nyandiko y'impano nta mukono w'uwatanze uriho, ataribyo kuko hariho igikumwe, naho ku by'uko Mukagahima Génèreuse yari afite umutungo uburanwa kuva mu mwaka wa 2004, avuga ko Urukiko rw'Ikirenga rusanze umutungo uburanwa ari uwa Ngarambe Jean, Mukagahima Génèreuse yazongera kuregera uburenganzira bwe.

[29] Me Uwamahoro Marie Grâce yakomeje avuga ko hari ibimenyetso bigaragaza ko impano zatanze ari ebyiri, iya mbere Ntacyobazi Anastasie ikaba ari ubutaka bufite 20mx14m, yahaye Mukagahima Génèreuse na Ngarambe Jean, nyuma ubwo butaka Umujyi wa Kigali uza kubuha uwitwa Kizito Jean. Avuga ko impano ya kabiri igaragazwa n'inyandiko yo ku wa 27/02/1995, Ntacyobazi Anastasie yayihaye Ngarambe Jean wenyine, ikaba

ari nawo mutungo uburanwa muri uru rubanza, ko niba uhagarariye abazungura ba Mukagahima Génèreuse atemera ko Ngarambe Jean yahawe uwo mutungo, bagaragaza aho Ngarambe Jean yakuye ubutaka bavuga yamuhaye.

[30] Ku bijyanye n’iperereza, Me Uwamahoro Marie Grâce avuga ko ubuhamya bwa Izere Valentine ntacyo bwatanga kuko adasobanura uburyo Ngarambe Jean yahaye Mukagahima Génèreuse; ko Twiringiyimana Célestin nawe atasobanuye ipfundo ry’ikibazo kuko atavuze ko Ngarambe Jean yahaye Mukagahima Génèreuse, ahubwo aribyo yumvise; ko ubuhamya bwa Bakina butashingirwaho kuko yavuze ko yasanze amasezerano yabaye, bakamuha inzoga agasinya, naho Nzabandora Jimmy na Kanani bo bakaba berekana inkomoko y’umutungo, bakagaragaza ko ari uwa Ngarambe Jean, bityo akaba akwiye ku wandikwaho.

[31] Me Bizimana Emmanuel avuga ko abajuriye bivuguruza, kuko bavuga ko Ngarambe Jean yatanze impano, kandi bagahakana aho yakuye umutungo, ikindi akaba ari uko amatariki Mukagahima Génèreuse avuga ko yahereweho ibyangombwa, ahura n’amatariki Ngarambe Jean yari afunzwe. Avuga ko ibyo Me Mugabonabandi Jean Maurice asaba ko Ngarambe Jean na Mukagahima Génèreuse bagabanamo kabiri kuko babanye bakaba barafatanyije kubaka inzu, asanga ari ikirego gishya, ingingo ya 4 n’iya 7 z’Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’imbenezamubano zikaba zitabyemera, kuko batigeze basaba kugabana bakaba babivugiye bwa mbere mu Rukiko rw’Ikirenga. Naho ibijyanye no kumenya niba Ngarambe Jean ariwe Ngarambe Jean-Pierre uvugwa mu nyandiko yo mu mwaka wa 1995, avuga ko ariwe ndetse ko

yatanze ikimenyetso cy'ikarita ya Batisimu yerekana ko yitwa Jean-Pierre.

[32] Me Bizimana Emmanuel avuga kandi ko kuba Radjab ataragaragaje ikimenyetso cy'uko yari umufundi, atari cyo cyari kigambiriwe, bikaba bitatuma ibyo yavuze bidahabwa agaciro, naho kuba Kanani yari umuyede akagenda na "Ingenieur" nta tegeko ryishwe. Asoza avuga ko kuba inyandiko y'impano igaragaraho Ngarambe Jean bihagije, kuba nta nyandiko ihari ivuguruzwa iya mbere, Urukiko rukwiye kubiharaho, rwemeza ko umutungo ari uwa Ngarambe Jean.

[33] Me Safari Kizito avuga ko ku bijyanye n'inkomoko y'umutungo Bakina Bernard ntacyo yafasha Urukiko, kuko yasanze amasezerano yarangiye bakamuha inzoga agasinya, Twiringiyimana Célestin akaba atavugisha ukuri kuko yaregwaga mu rubanza rw'inshinjabyaha hamwe na Mukagahima Génèreuse; Nzabandora Jimmy ibyo yasobanuye ko Ngarambe Jean ariwe wahawe wenyine bikaba aribyo, ubuhamya bwe bukaba butateshwa agaciro kubera ko avukana na Ngarambe Jean; naho kuri Kanani na Mukampabuka Hélène kuba umwe yabona ubunyobwa, undi akabona ikindi biterwa n'ibyo buri wese akunda, naho Radjab akaba yaravuze ko atazi inkomoko y'ubutaka, ko yatangiye kubaka mu mwaka wa 1999, kandi akaba avuga ko umuntu yabonaga akaba ari Ngarambe Jean wenyine, nabyo bikaba bikwiye guhabwa agaciro.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[34] Ingingo ya 162 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004, ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko "Ubuhamya ari ibivugwa mu rukiko bivuzwe

n’umuntu wabibonye cyangwa wabyumvise ubwe ku byerekeye ikiburanwa”.

[35] Ingingo ya 27 y’Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryuzuza Igitabo cya mbere cy’Urwunge rw’amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y’umutungo w’abashyingiranywe, impano n’izungura yateganyaga ko “Impano zikorera inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite cyangwa igashyikirizwa gusa nyirayo”. Naho ingingo ya 28 y’iryo Tegeko igateganya ko “impano itangira kugira agaciro ku munsu yemewe n’uyihawe. Kwemera impano bishobora gukorwa mu nyandiko cyangwa mu mvugo”

[36] Dosiye y’urubanza igaragaza ko igihe Mukagahima Génèreuse yarezwe mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, mu rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE, icyaha cyo kwihesha ku bw’uburiganya ibyemezo bitangwa n’inzego zabigenewe no gukoresha abizi inyandiko itavugisha ukuri, Urukiko rwemeje ko ari umwere rushingiye ku mvugo z’abatangabuhamya barimo Twiringiyimana Célestin na Nibisekere Louis, bahamya ko ubwo bari Abayobozi mu nzego z’ibanze bakiriye Ngarambe Jean, abasaba ko Mukagahima Génèreuse ariwe wandikwaho umutungo, ngo kuko yavugaga ko agiye gutana n’umugore we wa mbere, akaba ashaka kuwandika kuri Mukagahima Génèreuse wari umugore we wa kabiri kugira ngo umwana bafitanye azabone ikimutunga, n’inyandiko yitwa isambu gakondo ivuga ko Ngarambe Jean na Mukagahima Génèreuse bahawe isambu irimo inzu gakondo na Ntacyobazi Anastasie, bityo ko kuba Ngarambe Jean ariwe wategetse inzego z’ibanze kwandikaho umutungo Mukagahima Génèreuse wenyine, nta kindi yari gukora usibye kubyemera.

[37] Ibyashingiweho muri urwo rubanza N° RP0295/14/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, bishimangirwa n'ibyo abatangabuhamya babwiye uru Rukiko ubwo rwakoraga iperereza, aho umutangabuhamya Bakina Bernard, yavuze ko umukecuru Ntacyobazi Anastasie yahaye ikibanza Ngarambe Jean n'umugore we Mukagahima Génèreuse kandi ko icyo gihe babanaga nk'umugabo n'umugore. Twiringiyimana Célestin, avuga ko kugira ngo ikibanza cyandikwe kuri Mukagahima Génèreuse, Ngarambe Jean yamuzanye, agasaba ko ikibanza cyandikwa ku mugore we ; Izere Valentine uvuga ko yari Umuyobozi w'Umudugudu kuva mu 2010, n'ubwo avuga ko atazi inkomoko y'umutungo, yavuze ko icyo azi ari uko Mukagahima Génèreuse yazanye icyemezo cy'umutungo kigaragaza ko ariwe wanditseho, akaba aricyo bashingiraho bamuha “acte de notoriété”.

[38] Urukiko rurasanga kuba Ngarambe Jean yarahaye Mukagahima Génèreuse impano akanasaba Inzego z'Ibanze kuyimwandikaho wenyine, uko kuyimwandikaho ubwabyo byari bihagije kandi bikaba bitanyuranyije n'ingingo ya 27 y'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ryavuzwe haruguru ryariho icyo gihe, kuko iyo ngingo iteganya ko impano ishobora gushyikirizwa gusa nyirayo, byumvikana rero ko mu gihe Ngarambe Jean yari ashyikirije umugore we Mukagahima Génèreuse impano ye abinyujije ku nzego z'ibanze kugira ngo ayandikweho, bitari ngombwa ko iyo mpano ikorerwa inyandiko mpamo cyangwa inyandiko bwite, bitandukanye n'ibyo Urukiko Rukuru rwemeje, bivuze ko ibivugwa n'uhagarariye Ngarambe Jean ko Mukagahima Génèreuse yahengereye afunzwe akiyandikishaho ikibanza n'inzu bye, atari byo.

[39] Urukiko rurasanga hakurikijwe ingingo ya 10 y'Itegeko N°43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda, ubutaka buburanwa Mukagahima Génèreuse yarabuhaweho impano, bityo akaba ari nta mpamvu ibyangombwa byo mu Buyobozi bw'Ibanze byamuhaga uburenganzira bwo kwandikwaho uwo mutungo byateshwa agaciro kuko yabibonye mu buryo bukurikije amategeko.

[40] Hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe haruguru, Urukiko rurasanga umutungo uburanwa wari uwa Mukagahima Génèreuse, ukaba ugomba guhabwa abafite uburenganzira bwo kumuzungura kuko atakiriho.

[41] Urukiko rurasanga rero, iby'uko Ntacyobazi Anastasie yahaye Ngarambe Jean wenyine umutungo uburanwa ntacyo byahindura kuko byagaragaye ko uwo mutungo yaweguriye Mukagahima Génèreuse awumuhayeho impano.

3. Kumenya niba abazungura ba Mukagahima Génèreuse bahabwa indishyi basaba

[42] Mu myanzuro Me Mugabonabandi Jean Maurice, uhagarariye abazungura ba Mukagahima Génèreuse, yashyikirije Urukiko, yavuze ko Urukiko rwageneye Ngarambe Jean indishyi zingana na 1.225.000 Frw zidafite aho zishingiye kuko atari we wagombaga gutsinda, ahubwo Ngarambe Jean akaba ariwe wagombye guha Mukagahima Génèreuse indishyi kuko ariwe umushora mu manza, asaba Urukiko rw'Ikirenga gukosora amakosa yakozwe n'Urukiko Rukuru, rukavanaho indishyi zatanzwe, ahubwo abazungura ba Mukagahima Génèreuse bakagenerwa indishyi yari yasabye mu nkiko zabanje, igihembo cya Avoka mu nzego zose yanyuzemo n'amafaranga

y'ikurikiranarubanza, indishyi zose basaba zikaba zihwanye na 5.000.000 Frw.

[43] Mu myanzuro Me Kizito Safari, uhagarariye Ngarambe Jean, nawe mu mwanzuro yashyikirije Urukiko, yavuze ko indishyi Ngarambe Jean yagenewe n'Urukiko Rukuru yari azikwiye kuko yavukijwe uburenganzira ku mutungo, bigatuma yitabaza ubutabera ngo arenganurwe, atanga ubujurire bwuririye ku bundi avuga ko indishyi zo kuvutswa uburenganzira ku nzu zingana na 100.000 Frw ari nkeya ugereranije n'akababaro ka Ngarambe Jean, asaba Urukiko rw'Ikirenga kumuha indishyi zose yasabye zingana na 3.000.000 Frw, indishyi mbonezamusaruro zingana na 200.000 Frw ku kwezi, uhareye mu mwaka wa 2010, amafaranga yo gukurikirana urubanza angana na 500.000 Frw n'igihembo cya Avoka kingana na 1.500.000 Frw yo kuri uru rwego, akiyongera ku yagenwe mu rubanza rujuririrwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[44] Ingingo ya 258 y'Igitabo cya gatatu cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano, iteganya ko "Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi, gitegeka nyir'ugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse".

[45] Urukiko rurasanga kuba byagaragajwe ko umutungo uburanwa wari uwa Mukagahima Génèreuse, byumvikana ko Ngarambe Jean nta burenganzira yavukijwe ku mutungo, bityo n'indishyi yagenewe n'Urukiko Rukuru zikaba zigomba kuvaho, ahubwo abazungura ba Mukagahima Génèreuse bakaba aribo bagomba guhawa indishyi, bagahabwa 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka kuri

uru rwego kuko ariyo ari mu kigero gikwiye, naho indishyi z'akababaro bakaba batazihabwa kuko batazisobanuye.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[46] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Mukagahima Génèreuse bukaburanwa n'abana be Mugabo Aimé Fernand, Umulisa Murielle, Ngarambe Bruce Kevin na Ngarambe Chris, bufite ishingiro;

[47] Rwemeje ko urubanza RCA0174/15/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, ku wa 23/10/2015 ruhindutse kuri byose;

[48] Rwemeje ko umutungo uburanwa wari uwa Mukagahima Génèreuse, ugomba guhabwa abana be Mugabo Aimé Fernand, Umulisa Murielle, Ngarambe Bruce Kevin na Ngarambe Chris, bafite uburenganzira bwo kumuzungura;

[49] Rutegetse Ngarambe Jean guha abazungura ba Mukagahima Génèreuse, indishyi zose hamwe zingana na 800.000 Frw nk'uko zasobanuwe haruguru;

[50] Rutegetse Ngarambe Jean kwishyura amagarama y'urubanza, angana na 100.000 Frw.

MUTONI v NIWENSHUTI N’UNDI

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RCAA 0014/15/CS
(Mutashya P.J., Nyirinkwaya na Karimunda, J.) 01 Ukuboza
2017]

Amategeko agenga umuryango – Ababana batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Ikimenyetso – Ikimenyetso gishingirwaho hemezwa ko abantu babanaga nk’ umugabo n’umugore – Iyo imibanire bwite hagati y’abantu ntisaba ibimenyetso byihariye, uburyo bwose bushoboka bwagaragaza ko umugore n’umugabo babanye bwasishingirwaho mu gufata icyemezo – Icyemezo cy’ubuyobozi bw’aho batuye cyangwa inyemezabuguzi y’amasezerano y’ubukode agaragaza ko babaga mu nzu imwe n’ibimwe mu bimenyetso byashingirwaho mu kwemeza ko abantu babanaga nk’ umugabo n’umugore.

Amategeko agenga umuryango – Ababanaga batarashakanye mu buryo bukurikije amategeko – Umutungo – Kugabana umutungo wababanaga nk’umugabo n’umugore batarashyingiranywe mu buryo byemewe n’amategeko – Ntabwo ari ngombwa ko buri wese agomba kugaragaza ingano (quantité) y’ibyo yakoze kugirango umutungo ubeho cyangwa ngo yerekane ibyo yawushyizeho kugirango wiyongere agaciro, ahubwo uwo mutungo ugomba kuba warabonetse muri cya gihe kidashidikanywaho bombi babanaga kuko icya ngombwa ari uko muri iyo mibanire buri wese aba afite ibyakora mu guteza imbere urugo kabone niyo umwe muri bo atabasha kugaragaza mu buryo burondoye (détaille/details) ibyo yakoze kugirango uboneke cyangwa utubuke.

Incamate y'ikibazo: Mutoni K. Jackline yatambamiye urubanza RC0615/12/TGI/NYGE aho Niwenshuti yareze Mukambuguje, asaba ko bagabana umutungo bashakanye buri wese akegukana kimwe cya kabiri ($\frac{1}{2}$) cy'amafaranga avuyemo, Mutoni K. Jackline yarutambamiye avuga ko nawe yabaye umugore wa Niwenshuti mu buryo butemewe n'amategeko, babyarana abana babiri, bafatanyaga kubaka iyo nzu.

Niwenshuti na mukambuguje batanze inzitizi yo kutakira ikirego bavugaga ko Mutoni K. Jackline yabyaranye gusa na Niwenshuti kandi bakaba bahuje n'akazi k'ubucuruzi bakoreraga hamwe ariko ko batigeze babana nk'umugore n'umugabo, urwo Urukiko rwasanze iyo inzitizi nta shingiro ifite kuko agaragaza inyungu afite mu rubanza ishingiye ku kuba Urukiko rwarategutse ko inzu yubakanye na Niwenshuti igurishwa.

Mu mizi y'urubanza, Urukiko rwasanze, uretse kugaragaza gusa ko Niwenshuti Aloys yishyuraga imisoro no kuba hari amasezerano y'ubukode yagiranye na ba nyir'inzu yacururizagamo, nta kindi kimenyetso cyerekana ko yafatanyije nawe kubaka inzu iburanwa, maze rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite, bityo ko urubanza yatambamiraga ruhamanye agaciro karwo, ntiyishimiye icyo cyemezo ajuririra mu Rukiko Rukuru, narwo rusanga nta kimenyetso agaragaza cy'uko yagize uruhare mw'iyubakwa ry'inzu iburanwa, uretse gukurikirana imirimo y'iyubakwa ryayo, maze rwemeza ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza rwajuririwe

Yongeye kandi ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga avugaga ko Urukiko Rukuru rwavuze ko Niwenshuti atabaye umugabo we ahubwo ko yamusuraga kenshi aje kwiruhukira, bituma rutabagabanya inzu bahahanye, nyamara uwari Umuyobozi w'Umudugudu wa Gatsata, babanje guturamo, Umuyobozi w'Umudugudu wa Gikondo, ndetse n'Umuyobozi

w'Umudugudu w'Umurava aho bagiye bimukira, bemeza ko yabanaga nawe nk'umugabo we, ari we wishyura ubukode. Asobanura avuga ko yamenyanye Niwenshuti yigira i Kabare muri Uganda, batangira kubana guhera ku wa 05/08/2005 abyarana abana babiri amuzanira n'icyemezo cy'ingaragu "attestation de célibat", bituma akomeza kumwizera, bajyana iwabo i Nyagatare, amukwa 1.000.000 Frw, nubwo nta mihango ikomeye yabaye kandi ko abasaza bakiriye iyo nkwan babihamya, asoza avuga ko ntacyo Mukambuguje yashyize ku nzu iburanwa kuko kugeza ubu atagaragaza icyo yakoraga cyari gutuma afatanyaga na Niwenshuti kubaka inzu iburanwa, ariyo mpamvu asaba kurenganurwa, agahabwa uruhare rwe ku nzu iburanwa.

Niwenshuti avuga ko yashakanye na Mukambuguje kandi ko intandaro yukugabana inzu ari uko Mukambuguje yanze kumusinyira kugirango afate amafaranga yitwaje ko yabyaye hanze, biramurakaza asaba ko iyo nzu bayigabana, asobanura ko yamenyanye na Mutoni K. Jackline guhera muri 2003, uyu azi ko afite undi mugore mu Gatsata kandi ko adahakana ko yitabiriye "collation des grades" ye muri Uganda nk'uko n'abandi bayitabiriye, ko muri ubwo bushuti babyaranye abana babiri kandi ko yamukodeshereje inzu agirango areke gukomeza kuba kwa musaza we. Asoza avuga ko kujya mu birori bisoza amashuri, kumutuma gushyira amafaranga kuri konti, kumukodoshereza inzu cyangwa ibivugwa n'abayobozi b'imidugudu ataribyo byashingirwaho hemezwa ko yari umugabo we.

Mukambuguje Alodie avuga ko intandaro y'amakimbirane ari inguzanyo ya kabiri Niwenshuti Aloys yashatse gufata akamwangira kuko yari amaze kumenya ko yabyaye hanze, ararakara, ata urugo, amara amezi atandatu ataragaruka, atanga

ikirego ari iyo yagiye asaba ko iyo nzu bayigabana, bamaze kugabana arigarura nawe aramwakira kuko ariwe wari nyir'amakosa kandi ko atumva uburyo Mutoni K. Jackline yamaze imyaka itandatu akodesha kandi yarubatse inzu. Asoza avuga ko uburyo umwe mu babanye batarashingiranywe agira uruhare ku mutungo w'umugabo cyangwa umugore babanaga ari ukugaragaza icyo yakoze kugirango uwo mutungo uboneke, bityo ko kuvuga gusa ko yabaye umugore utemewe n'amategeko wa Niwenshuti cyangwa ko babyaranye ataribyo byatuma agira uruhare ku nzu atubatse.

Incamake y'icyemezo: 1. Iyo imibanire bwite hagati y'abantu ntisaba ibimenyetso byihariye, uburyo bwose bushoboka bwagaragaza ko umugore n'umugabo babanye bashingirwaho mu gufata icyemezo.

2. Icyemezo cy'ubuyobozi bw'aho batuye cyangwa inyemezabuguzi y'amasezerano y'ubukode agaragaza ko babaga mu nzu imwe nibimwe mu bimenyetso byashingirwaho mu kwemeza ko abantu babanaga nk' umugabo n'umugore.

3. Iyo ababanaga nk'umugabo n'umugore batarashingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko bagiye kugabana umutungo ntabwo ari ngombwa ko buri wese agomba kugaragaza ingano (quantité) y'ibyo yakoze kugirango umutungo ubeho cyangwa ngo yerekane ibyo yawushyizeho kugirango wiyongere agaciro, ahubwo uwo mutungo ugomba kuba warabonetse muri cya gihe kidashidikanywaho bombi babanaga kuko icya ngombwa ari uko muri iyo mibanire buri wese aba afite ibyakora mu guteza imbere urugo.

4. Ingano y'ibyakozwe n'umugore cyangwa umugabo kugirango umutungo uburanwa uboneke cyangwa utubuke ubwayo atariyo ihesha umugore cyangwa umugabo uburenganzira bwo kugabana

umutungo uburanwa n'uwo avuga ko babanaga, ahubwo igomba kuza yiyongera ku bimenyetso by'uko uwo mutungo wabonetse cyangwa wongerewe agaciro bombi babana nk'umugore n'umugabo kabone niyo umwe muri bo atabasha kugaragaza mu buryo burondoye (détaille/details) ibyo yakoze kugirango uboneke cyangwa utubuke.

5. Kuva uwajuriye yari azi neza ko atasezeranye na Niwenshuti yari yiyemeje ko umubano wabo ushobora kurangira igihe icyo aricyo cyose, mu gihe ibyo yateganyaga bibaye akaba atahindukira ngo abifate nk'ikosa rikwiye kuryorezwa indishyi.

**Ubujurire bufite ishingiro;
Urubanza rwajuririwe ruhindutse mu ngingo zarwo zose;
Inzu iburanwa niya Niwenshuti Aloys, Mukambuguje
Alodie na Mutoni K. Jackline, buri wese akaba
ayifiteho uburenganzira bungana na 1/3;
Amagarama y'urubanza aherereye ku baregwa.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ingingo ya 39.

Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 3.

Imanza zifashishijwe:

Gatera Johnson na Kabarisa Teddy RS/Inconst/Pén.0003/10/CS rwaciwe ku wa 07/01/2011 n'Urukiko rw'Ikirenga.

Nyirakamana n'abandi na. Mukasharangabo n'abandi No RS/REV/INJUST CIV 0007/15/CS rwaciwe ku wa 04/12/2015 n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ahishakiye Jean na Namagabira Venantie Reba urubanza no RCAA0048/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 11/03/2016.

Twahirwa Ahmed na Kaligirwa Rehema RCAA0036/15/CS rwaciwe ku wa 17/11/2017 n'Urukiko rw'Ikirenga

Lothar Pettkus V. Rosa Becker [1980] rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada.

Baumgartener v Baumgartner [1987], rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwa Australia.

Inyandiko z'abahanga:

Francois Terré na Philippe Simler, Droit Civil: Les régimes matrimoniaux, Paris: Dalloz, 2015, p.734.

Memento Pratique, Droit de la Famille 2014-2015, Lavallos : Francis Lefebvre, 2014, p. 307.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, Niwenshuti Aloys arega Mukambuguje Alodie, asaba ko bagabana umutungo bashakanye buri wese akegukana kimwe cya kabiri ($\frac{1}{2}$) cy'amafaranga avuyemo.

[2] Mu rubanza RC0615/12/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 03/05/2013, Urukiko rwasanze nubwo ababuranyi bombi bemeranya ko babanye mu buryo butemewe n'amategeko, ubu batakibana, ariyo mpamvu umutungo ugizwe n'inzu iri mu kibanza no 753 bagomba kuwugabana mu buryo bungana hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 39, igika cya 2,

y'Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina cyane cyane ko igabana ry'umutungo riteganywa n'iyi ngingo ridashingiye k'uburenganzira buturuka ku masezerano yo gushyingirwa ahubwo ari uburenganzira ku mutungo umwe mu babanaga aba afite, bushingiye ku kuba barawuhahanye cyangwa bawusangiye nk'uko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/Inconst/Pén.0003/10/CS hagati ya Gatera Johnson na Kabarisa Teddy¹, rwanzura ko inzu igurishwa, kimwe cya kabiri (½) cy'igiciro kigahabwa Niwenshuti Aloys, ikindi kigahabwa Mukambuguje Alodie, uyu akishyura Niwenshuti Aloys 410.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'avoka.

[3] Mutoni K. Jackline yatambamiye urwo rubanza avuga ko nawe yabaye umugore wa Niwenshuti Aloys mu buryo butemewe n'amategeko, babyarana abana babiri, bafatanyaga kubaka iyo nzu, nyuma aza kumva ko hari icyemezo cy'urukiko cyemeje ko igabanywa Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie, kandi uyu ntacyo yayishyizeho, ariyo mpamvu yumva ari we ukwiye kuyigabana na Niwenshuti Aloys kuko ariwe bafatanyije kuyubaka.

[4] Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie babanje gutanga inzitizi yo kutakira ikirego cya Mutoni K. Jackline bavugaga ko yabyaranye gusa na Niwenshuti Aloys, bahujwe n'akazi k'ubucuruzi bakoreraga hamwe ariko ko batigeze babana nk'umugore n'umugabo.

¹ Reba urubanza N°RS/Inconst/Pén.0003/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/01/2011 hagati ya Gatera Johnson na Kabarisa Teddy, igika cya 6.

[5] Mu rubanza RC0632/13/TGI/NYGE rwaciwe ku wa 31/03/2014, Urukiko rwasanze inzitizi y'uko Mutoni K. Jackline nta bubasha afite bwo gutambamira urubanza rw'uwo yita umugabo we kuko batigeze bashakana mu buryo bwemewe n'amategeko nta shingiro ifite kuko agaragaza inyungu afite mu rubanza ishingiye ku kuba Urukiko rwarategetse ko inzu yubakanye na Niwenshuti Aloys igurishwa.

[6] Mu mizi y'urubanza, Urukiko rwasanze, uretse kugaragaza gusa ko Niwenshuti Aloys yishyuraga imisoro no kuba hari amasezerano y'ubukode yagiranye na ba nyir'inzu yacuririzagamo, nta kindi kimenyetso cyerekana ko yafatanyije nawe kubaka inzu iburanwa, rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite, bityo ko urubanza yatambamiraga ruhamanye agaciro karwo.

[7] Mutoni K. Jackline ntiyishimiye icyo cyemezo ajuririra mu Rukiko Rukuru avuga ko Urukiko rubanza rwemeje ko inzu ari iya Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie kandi ari we bayubakanye.

[8] Mu rubanza RCA0176/14/HC/KIG rwaciwe ku wa 27/02/2015, Urukiko rwasanze Mutoni K. Jackline nta kimenyetso agaragaza cy'uko yagize uruhare mw'iyubakwa ry'inzu iburanwa, uretse gukurikirana imirimo y'iyubakwa ryayo, maze rwemeza ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza rwajuririwe.

[9] Mutoni K. Jackline ntiyanyuzwe n'icyo cyemezo, ajuririra mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko:

- a. Yagaragarije Urukiko Rukuru inyandiko z'abatangababuhamya bemeza ko yari umugore wa

Niwenshuti Aloys mu gihe cy'imyaka umunani, babyarana abana babiri, ariko izo nyandiko ntizagaragara muri kopi y'urubanza ;

- b. Urukiko Rukuru rwagoretse ingingo ya 39, igika cya 2 y'Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, ruyiha ubusobanuro butari bwo;
- c. Urukiko Rukuru rwavuze ko Niwenshuti Aloys yakuraga amafaranga kuri konti agirango ayamugurize, rubyemza ntacyo rubishingiyeho ahubwo rwirengagije ibimenyetso bigaragaza ko yayavanaga kuri konti agiye kuyubakisha ;
- d. Urukiko Rukuru rwemeje ko Niwenshuti Aloys yasezeranye na Mukambuguje Alodie mu rwego rwo kuvugurura umubano wabo, nyamara barabikoze imanza zaratangiye bagamije kujijisha ubutabera ;
- e. Urukiko Rukuru rwabogamiye kuri Niwenshuti Aloys kuko rwemeje ko yibwe « plan original » y'umutungo uburanwa, « carnet des chèques » yuzuzwaga ubwo yabaga agiye kubikuza, kashe yakoreshwaga mu kazi, byose bibistwe na Mutoni K. Jackline, rubyemeza nta kimenyetso rubishingiyeho kuko nta kirego cy'ubujura Niwenshuti Aloys yigeze atanga ;
- f. Yategetswe kwishyura 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka byo gushora abaregwa mu manza nta mpamvu, Urukiko rwiye bagiza ko aribo bazimushoyemo ;

[10] Mutoni K. Jackline asaba kandi uru Rukiko kwemeza ko Niwenshuti Aloys yamutesheje agaciro, ntiyita ku burere

bw'abana bafitanye, anamubeshya ko nta wundi mugore afite, akaba abisabira indishyi za 4.000.000 Frw na 2.500.000 Frw y'igihembo cya avoka ku nzego zose.

[11] Iburanisha mu ruhame ryabaye ku wa 30/05/2017, Mutoni K. Jackline yunganiwe na Me Karangwayire Epiphane hamwe na Me Mukundamana Eric, Niwenshuti Aloys yunganiwe na Me Kimanuka John naho Mukambuguje Alodie aburanirwa na Me Karega Blaise Pascal, Urukiko rubanza gusuzuma inzitizi zazamuwe na Me Karega Blaise Pascal z'uko ubujurire budakwiye kwakirwa n'uru Rukiko kuko Mutoni K. Jackline yatsinzwe mu Nkiko zombi zibanza ku mpamvu zimwe, ariko ko niyo uru Rukiko rwasanga ataratsinzwe ku mpamvu zimwe, rwakwemeza ko kimwe cya gatatu (1/3) cy'inzu ifite agaciro ka 53.000.000 Frw yaregeye gituma ubujurire bwe butakirwa kuko kitageze nibura kuri 50.000.000 Frw, kandi ko niyo uru Rukiko rwakwemeza ko ubujurire buri mu bubasha bwarwo, rutabwakira kuko ari ubujurire bwa gatatu.

[12] Ku wa 30/06/2017, uru Rukiko rwasanze inzitizi zatanzwe nta shingiro zifite, rwemeza ko ubujurire buri mu bubasha bwarwo kandi ko bukwiye kwakirwa, rutegeka ko iburanisha rikomeza ku wa 26/09/2017. Uwo munsu ugeze, Urukiko rwasanze Niwenshuti Aloys yasabye ko iburanisha ryimurirwa undi munsu, atanga impamvu y'uko arwariye muri Uganda, naho Mukambuguje Alodie, Me Kimanuka John na Me Karega Blaise Pascal batitabye kandi nta mpamvu babitangiye.

[13] Urukiko rwasuzumye impamvu zatanzwe na Niwenshuti Aloys, uburana yunganiwe, rusanga nta shingiro zifite ahubwo ari uburyo bwo gutinza urubanza, rumuhanisha ihazabu mbonezamubano ya 100.000 Frw, naho Me Kimanuka John, umwunganira, na Me Karega Blaise Pascal, uhagarariye

Mukambuguje Alodie, buri wese ahanishwa ihazabu mbonezamubano ya 200.000 Frw, ariko mu nyungu z'ubutabera zishingiye ku kuba bikwiye ko urubanza ruburanishwa ababuranyi bose bahari, Urukiko rutegeka ko abaregwa mu bujurire bahamagarwa bihanangirijwe, iburanishwa ryimurirwa ku wa 24/10/2017.

[14] Uwo munsu iburanisha ryabereye mu ruhame, Mutoni K. Jackline yunganiwe nka mbere, Niwenshuti Aloys yunganiwe na Me Ruberwa Ngarukiye Silas, naho Mukambuguje Alodie yunganiwe na Me Kamushoshi Gandin.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

II. 1. Kumenya niba Mutoni K. Jackline yarabanye na Niwenshuti Aloys nk'umugore n'umugabo ku buryo bagabana inzu iburanwa.

[15] Mutoni K. Jackline avuga ko yajurijwe n'uko Urukiko Rukuru rwavuze ko Niwenshuti Aloys atabaye umugabo we ahubwo ko yamusuraga kenshi aje kwiruhukira, bituma rutabagabanya inzu bahahanye, nyamara Kalisa Théoneste wari Umuyobozi b'Umudugudu wa Gatsata, babanje guturamo, Habimana Ally, Umuyobozi w'Umudugudu wa Gikondo, ndetse na Ndagijimana Athanase, Umuyobozi w'Umudugudu w'Umurava, aho bagiye bimukira, bemeza ko yabanaga nawe nk'umugabo we, ari we wishyura ubukode. Asobanura ko yamenyanye na Niwenshuti Aloys yigira i Kabare muri Uganda, batangira kubana guhera ku wa 05/08/2005, ku wa 23/04/2006 babyarana umwana wa mbere, ku wa 20/11/2011 babyara uwa kabiri, muri 2012, Niwenshuti Aloys amuzanira “attestation de

célibat”, bituma akomeza kumwizera, bajyana iwabo i Nyagatare, amukwa 1.000.000 Frw, ko nubwo nta mihango ikomeye yabaye, abasaza bakiriye iyo nkwan babihamya.

[16] Asoza avuga ko ku wa 20/08/2012 Mukambuguje Alodie yabwiye Ubuyobozi bw'Akagali ka Niboye ko impamvu yimye Niwenshuti Aloys ibyangombwa by'inzu iburanwa ari uko yashatse undi mugore. Ku wa 13/11/2012, Niwenshuti Aloys yandikira abashinzwe ubutaka asaba kurenganurwa avuga ko Mukambuguje Alodie yamuciye inyuma yiyandikishaho inzu ye kandi batarasezeranye, bigeze mu rubanza RC0915/12/TGI/NYGE rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge ku wa 03/05/2013, Mukambuguje Alodie avuga ko Niwenshuti Aloys yamutaye, amuhoye ko batasezeranye, bisobanuye ko Mukambuguje Alodie ahamya ko Niwenshuti Aloys yari yarashatse undi mugore, ndetse na Niwenshuti Aloys agahamya ko ntacyo Mukambuguje Alodie yashyize ku nzu iburanwa, ibi bikongera bigashimangirwa n'uko kugeza ubu atagaragaza icyo yakoraga cyari gutuma afatanyaga na Niwenshuti Aloys kubaka inzu iburanwa, ariyo mpamvu asaba kurenganurwa, agahabwa uruhare rwe ku nzu iburanwa.

[17] Me Mukundamana Eric, umwunganira, avuga ko Niwenshuti Aloys yavanye Mutoni K. Jackline mu ishuri, aramutunga, bamarana imyaka umunani (8) babana nk'umugore n'umugabo, basangira ubucuruzi muri “*quartier commercial*” nk'uko byemezwaga n'abatangabuhamya, kugeza ubu imyenda ya Niwenshuti Aloys, inyandiko z'ubucuruzi, *chequier* n'igishushanyo mbonera (*plan*) cy'inzu iburanwa bikaba bikibitswe na Mutoni K. Jackline, uyu kandi akaba yarahaye Niwenshuti Aloys sheki ya 500.000 Frw, ibyo bimenyetso byose bigaragaza ko babanaga nk'umugore n'umugabo bikaba

byarirengagijwe n'Urukiko rubanza, bituma rudaha Mutoni K. Jackline uruhare rwe ku nzu iburanwa.

[18] Me Karangwayire Epiphane, nawe wunganira Mutoni K. Jackline, avuga ko Niwenshuti Aloys yihutiye gusezerana na Mukambuguje Alodie kuko yari abonye Mutoni K. Jackline atangiye kuburana uruhare rwe ku nzu bubakanye, Mutoni K. Jackline ahita atambamira ubwo bushyingiranwe kugirango imanza zibanze zirangire, bivuze ko mbere yo gusezerana yabanaga n'abagore babiri, ariyo mpamvu Mutoni K. Jackline akwiye kubona uruhare rwe ku nzu iburanwa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 39 y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryose rishingiye ku gitsina.

[19] Niwenshuti Aloys avuga ko yashakanye na Mukambuguje Alodie muri 1993, muri 1994 aratahuka, umuvandimwe we witwa Rutamu Diogène amuha ikibanza yubatsemo inzu iburanwa ku nguzanyo ya 8.000.000 Frw we na Mukambuguje Alodie bahawe na Banki y'Abaturage, amafaranga amubanye make Mukambuguje Alodie yanga kumusinyira kugirango afate andi yitwaje ko yabyaye hanze, biramurakaza asaba ko iyo nzu bayigabana. Asobanura ko yasezeranye na Mukambuguje Alodie yanga ko bakomeza kumwita inshoreke, ariko ko hagati aho yari yaramenyanye na Mutoni K. Jackline guhera muri 2003, uyu azi ko afite undi mugore mu Gatsata. Avuga ko adahakana ko yitabiriye “collation des grades” ye muri Uganda nk'uko n'abandi bayitabiriye, ko muri ubwo bushuti babyaranye abana babiri kandi ko yamukodeshereje inzu agirango areke gukomeza kuba kwa musaza we. Asoza avuga ko kujya mu birori bisoza amashuri, kumutuma gushyira amafaranga kuri konti, kumukodoshereza inzu cyangwa

ibivugwa n'abayobozi b'imidugudu ataribyo byashingirwaho hemezwa ko yari umugabo wa Mutoni K. Jackline, cyane cyane ko kubyemeza bitari mu nshingano z'abayobozi b'inzego z'ibanze, ariyo mpamvu asaba uru Rukiko kwemeza ko ubujirire nta shingiro bufite.

[20] Me Ruberwa Ngarukiye Silas, umwunganira, avuga ko ikigomba gusuzumwa muri uru rubanza atari ukumenya niba Mutoni K. Jackline yarabanye na Niwenshuti Aloys nk'umugore n'umugabo, kuko badahakana ko babyaranye cyangwa se ko bacururizaga mu nzu imwe buri wese afite ibyo acuruza, ahubwo ko ikibazo ari ukumenya niba hari icyo Mutoni K. Jackline yashyize ku nzu iburanwa. Asobanura ko dosiye igaragaza ko ikibanza cyatanze na Rutamu Diogène mu 2006, mu batangabuhamya hasinya Mukambuguje Alodie, ku wa 05/08/2007 Mukambuguje Alodie na Niwenshuti Aloys basaba inguzanyo hamwe muri Banki y'Abaturage, mu 2008, bombi biyumukiramo, byose biba Mutoni K. Jackline ahari, ntiyagira icyo akora, muri 2011 bayibaruzaho, na none ntiyabitambamira, akaba asanga Urukiko Rukuru rwarasesenguye ingingo ya 39, igika cya 2, y'Itegeko y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru uko bikwiye kuko kugeza ubu Mutoni K. Jackline atagaragaza icyo yashyize ku nzu iburanwa ku buryo yayigiraho uruhare.

[21] Mukambuguje Alodie avuga ko intandaro y'amakimbirane ari inguzanyo ya kabiri Niwenshuti Aloys yashatse gufata akamwangira kuko yari amaze kumenya ko yabyaye hanze, umugabo ararakara, ata urugo, amara amezi atandatu atagararuka, atanga ikirego ari iyo yagiye asaba ko iyo nzu bayigabana, bamaze kugabana arigarura nawe aramwakira kuko ariwe wari nyir'amakosa. Avuga ko atumva uburyo Mutoni

K. Jackline yamaze imyaka itandatu akodesha kandi yarubatse inzu, akaba asaba uru Rukiko guhamishaho imikirize y'urubanza rwajuririwe, rukemeza ko ubujurire nta shingiro bufite.

[22] Me Kamashoshi Gandin, umwunganira, avuga ko uburyo umwe mu babanye batashyiranywe agira uruhare ku mutungo w'umugabo cyangwa umugore babanaga ari ukugaragaza icyo yakoze kugirango uwo mutungo uboneke, ko ibyo aribyo biteganywa n'ingingo ya 39 y'Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru, akaba asanga ibyo Mutoni K. Jackline n'abamwunganira baburanisha ko uyu yabaye umugore utemewe n'amategeko wa Niwenshuti Aloys cyangwa ko babyaranye ataribyo byatuma agira uruhare ku nzu atubatse.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[23] Ingingo ya 39 y'Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina iteganya ko « ababanaga nk'umugore n'umugabo batashyiranywe mu buryo buteganywa n'amategeko, bashyirirwa hakurikijwe ihame ry'ubushyiriranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe. Mu gihe umwe mu barebwa n'ibivugwa mu gika kibanziriza iki, yabanaga n'abagore cyangwa abagabo benshi, abanza kugabana ku buryo bungana na buri wese mu bo babanaga, umutungo bari bafitanye cyangwa bahahanye mbere y'uko ashyingirwa ».

[24] Ingingo ya 3 y'Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko « Buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw'ibyo aburana ».

[25] Dosiye y'urubanza irimo icyemezo cy'Umuyobozi w'Umudugudu wa Nyakaliba, Kalisa Théoneste, wemeza ko Niwenshuti Aloys na Mutoni K. Jackline batuye muri uwo mudugudu nk'umugabo n'umugore kuva mu mwaka wa 2006 kugeza mu Ukuboza 2009; Nyamaswa Eugène, Umuyobozi w'Umudugudu wa Kabeza, avuga mu cyemezo cye cyo ku wa 17/09/2013, ko Niwenshuti Aloys n'umugore we Mutoni K. Jackline batuye mu nzu ya Gabiro Grégoire muri uwo mudugudu kuva ku wa 27/12/2010 kugeza ku wa 21/11/2012, hari kandi inyandiko y'abagize Komite y'Umudugudu w'Umurava bemeza ko Niwenshuti Aloys yashakanye na Mutoni K. Jackline kandi ko bafitanye abana babiri aribo Niwenshuti Patience na Niwenshuti Patrick, se akaba yarabataye, asanga undi mugore uri mu Mudugudu wa Mwijito muri Kicukiro. Dosiye irimo na none icyemezo cy'Ubuyobozi bwa Kigali Investment Company (KIC) cyemeza ko Mutoni K. Jackline yakoreye ubucuruzi mu iduka B2 35 ku masezerano y'ubukode yasinyweho na Niwenshuti Aloys, hakongera hakabamo amasezerano y'ubukode bw'inzu hagati ya Gabiro Grégoire na Niwenshuti Aloys yo ku wa 27/12/2010 ku mafaranga 100.000 Frw buri kwezi (cotes 26-30 na 115).

[26] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ku wa 27/12/2011, Mutoni K. Jackline yashyize kuri konti 403-1085982-11 ya Niwenshuti Aloys iri muri Banki y'Abaturage, ishami rya “quartier commercial” 1.600.000 Frw, ku wa 30/12/2011 ashiraho 2.300.000 Frw, ku wa 18/04/2012 ashiraho 140.000 Frw, ku wa 15/06/2012 ashiraho 150.000 Frw, naho ku wa 19/06/2013, asinyira Niwenshuti Aloys sheki ya 500.000 Frw (cotes 22-25 na 75).

[27] Dosiye y'urubanza irimo kandi amasezerano y'impano y'ikibanza yakorewe imbere ya Noteri hagati ya Rutamu Diogène

na Niwenshuti Aloys yo ku wa 15/01/2006, kuri ayo masezerano hakaba harasinyeho Umukundwa Chantal na Mukambuguje Alodie nk'abatangabuhamya; harimo kandi amasezerano y'iguriza (contrat de prêt 357/2007) ya 8.000.000 Frw hagati y'Abanki y'Abaturage na Niwenshuti Aloys afatanyije na Mukambuguje Alodie, umwenda ukaba waragombaga kwishyurwa bitarenze ku wa 05/07/2011 (cote 103), hakongera hakabamo amasezerano y'ubukode burambye N°0753/KIC/NIB yo ku wa 01/09/2011 agaragaza ko ikibanza UPI: 1/03/09/02/753 ari icya Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie.

[28] Dosiye y'urubanza irimo kandi inyandiko yo ku wa 30/07/2012, Niwenshuti Aloys yandikiye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Niboye avuga ko kubera ubwumvikane buke yagiranye na Mukambuguje Alodie, kandi uyu akaba ariwe ubitse ibyangombwa by'inzu ye, ayishinganishije kugirango atazayigurisha cyangwa akayitangaho ingwate atabizi, hari kandi inyandiko yo ku wa 13/11/2012, Niwenshuti Aloys yandikiye Perezida wa Komite ishinze iby'ubutaka mu Murenge wa Niboye amusaba kumukemurira ikibazo afitanye na Mukambuguje Alodie wibarujeho inzu yubatswe mu butaka yahawe n'umuvandimwe we, akaba avuga ko bayifatanyije kandi nta ruhare ayifiteho (cotes 19- 20).

[29] Dosiye y'urubanza irimo kandi inyandiko yitwa "Raporo y'ikemurwa ry'ikibazo hagati ya Niwenshuti n'umufasha we Alodie" yakozwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Niboye ku wa 20/08/2012, aho Mukambuguje Alodie yavuze ko impamvu yimye Niwenshuti Aloys ibyangombwa by'inzu ari uko batakibana neza bitewe n'uko yashatse undi mugore; naho raporo yakozwe na Havugimana

Cléophas, Umuyobozi ushinzwe ubukungu n'iterambere mu Mudugudu wa Nyamugari, ikemeza ko Niwenshuti Aloys yabanye n'umugore we Mutoni K. Jackline muri uwo mudugudu kuva muri 2006 kugeza muri 2010. Dosiye irimo kandi inyandiko-mvugo y'iburanisha mu Rukiko Rukuru yo ku wa 29/01/2015, Ndagijimana wabaye Umuyobozi w'Umudugudu w'Umurava mu Murenge wa Gisozi akaba yaravuze ko Mutoni K. Jackline “yabanaga n'umugabo we, niwe nyiri urugo, ... hagati ya 2011 na 2013..., uyu mugabo yaje kundegera ikibazo yagiranye n'uwari ubacumbikiye kandi urubanza rwabo narugiyemo, ... [ajya no kuhava] narabimenye... mbibwira ushinzwe umutekano ko Mutoni yaje kundebakumbwira ko umugabo yamutaye, inzara ikaba igiye kumwica n'abana kandi yazaga ku muganda agatanga amafaranga y'umutekano kandi mu manza z'abandi baturanyi hari igihe yadufashaga” (cotes 71, 102 na 129).

[30] Urukiko rurasanga ku bijyanye n'ikimenyetso cy'imibanire y'abagabo n'abagore batashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko, Francois Terré na Philippe Simler bavuga ko iyo mibanire bwite hagati y'abantu idisaba ibimenyetso byihariye, ahubwo ko uburyo bwose bushoboka kugirango bugaragaze ko umugore n'umugabo babanye bwashingirwaho mu gufata icyemezo,² igitabo cya Mémento Pratique Francis Lefebvre, *Droit de la Famille* nacyo kivuga ko mu kugaragaza ko abantu babiri babanye nk'umugabo n'umugore, hashobora gushingirwa ku kimenyetso icyo aricyo cyose harimo icyemezo cy'ubuyobozi bw'aho batuye cyangwa

²*Le concubinage est une situation de fait, dont la preuve est par conséquent libre...*” Francois Terré et Philippe Simler, *Droit Civil: Les régimes matrimoniaux*, Paris: Dalloz, 2015, p.734.

inyemezabuguzi y'amasezerano y'ubukode agaragaza ko babaga mu nzu imwe.³

[31] Urukiko rurasanga Niwenshuti Aloys yemera ko yamenyanye na Mutoni K. Jackline guhera muri 2003, icyo gihe Mutoni K. Jackline akaba yari umunyeshuri i Kabare muri Uganda, umunsi yarangije amashuri ye, amuherekeza kwizihiza ibirori byo kurangiza amashuri (collation des grades), hanyuma batangira gucururiza hamwe, inzu bakoreragamo yishyurwa na Niwenshuti Aloys, icyo gihe Mutoni K. Jackline aba kwa musaza we, ariko bigera aho amukodeshereza inzu, banabyarana abana babiri, amasezerano y'ubukode bw'inzu ya Gabiro Grégoire mu Mudugudu wa Kabeza akaba agaragaza ko Niwenshuti Aloys ari we wishyuraga ubukode, Umukuru w'uwo Mudugudu witwa Nyamaswa Eugène, ndetse na Kalisa Théoneste, Umukuru w'Umudugudu wa Nyakaliba aho babanje gutura, bakaba bemeza ko Niwenshuti Aloys na Mutoni K. Jackline bari babanye nk'umugabo n'umugore, bityo hakaba nta gushidikanya ko guhera muri 2005 babanye mu buryo buhoraho (stable) kandi bukomeza (continue) kugeza igihe batandukaniye.

[32] Urukiko rurasanga ikindi kigaragaza ko Niwenshuti Aloys na Mutoni K. Jackline babanye nk'umugore n'umugabo ari uko Mukambuguje Alodie ubwe yivugira ko Niwenshuti Aloys yigeze kumuta, amusiga wenyine n'abana kuko yari amwangiye kumusinyira kugirango afate inguzanyo ya kabiri

³ “ *S'agissant d'une situation de fait, la preuve du concubinage peut être apportée par tous moyens: certificate de concubinage obtenu auprès de la mairie du domicile des concubins, ... quittances des loyers ou factures établies aux deux noms, relevés des comptes bancaires indiquant la même adresse, etc.*” *Memento Pratique, Droit de la Famille 2014-2015*, Lavallos: Francis Lefebvre, 2014, p. 307.

ubwo yari amaze kumenya ko abana n'undi mugore babyaranye, Niwenshuti Aloys nawe akaba adahakana ko yabaye Mutoni K. Jackline hafi, nubwo avuga ko byari mu nyungu z'abana be, ntiyari gukomeza kumukodeshereza iduka acururizamo, inzu atuyemo, ngo yitabire umuganda w'aho Mutoni K. Jackline yari atuye, yishyure amafaranga y'umutekano, aje mu bakemura ibibazo by'abaturanyi, abitse Mutoni K. Jackline ibyangombwa bye birimo sheki, igishushanyo cy'inzu yubakaga, uyu aje ashyira amafaranga kuri konti ye batabana, ahubwo ikigaragarira Urukiko ni uko yahishe Mutoni K. Jackline ko afite undi mugore, abatunga bombi kugeza ubwo Urukiko rumugabanyije inzu iburanwa na Mukambuguje Alodie.

[33] Ku bijyanye no kumenya niba Mutoni K. Jackline hari uburenganzira afite ku nzu yubatswe abana na Niwenshuti Aloys, Urukiko rurasanga ibyo Me Ruberwa Ngarukiye Silas na Me Kamashosi Gandin baburanisha ko umurongo watanzwe n'uru Rukiko mu rubanza ku kirego cyo kvanaho ingingo y'itegeko inyuranye n'Itegeko-Nshinga cyatanzwe na Gatera Johnson na Kabarisa Teddy⁴ ari uko ababanaga batarashyiranywe, buri wese agomba kugaragaza uruhare rwe kugirango umutungo aaburana ubeho cyangwa wongererwe agaciro nta shingiro byahabwa, kuko muri urwo rubanza Urukiko rwavuze ko *“mu gihe ababanaga nk'umugabo n'umugore batarashyiranywe bahagaritse kubana, kugirango bagabane umutungo n'uko*

⁴ Reba urubanza RS/Inconst/Pén.0003/10/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 07/01/2011, Gatera Johnson na Kabarisa Teddy baregeye basaba kvanaho ingingo ya 39 y' Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina, kuko inyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu.

bagomba kuba bawufitanye cyangwa barawushakanye”,⁵ amagambo “bawufitanye” cyangwa “barawushakanye” akaba atavuga ko buri wese agomba kugaragaza ingano (quantité) y’ibyo yakoze kugirango umutungo ubeho cyangwa ngo yerekane ibyo yawushyizeho kugirango wiyongere agaciro, ahubwo uwo mutungo ugomba kuba warabonetse muri cya gihe kidashidikanywaho bombi babanaga kuko icya ngombwa ari uko muri iyo mibanire buri wese aba afite ibyakora mu guteza imbere urugo.

[34] Urukiko rurasanga, nk’uko bigaragara mu bika bya 9 kugeza kuri 13, Urukiko rw’Ikirenga rwashingiye uwo murongo ku rubanza rwa *Hayward v. Giordani* rwo muri New Zealand, urwa *Baumgartner v. Baumgartner*, urwa *Beaudouin Daigeault v. Ricahrd Paul Eugene* n’urwa *Pettkus v. Becker* zo muri Canada ndetse no kuri *Homesteads Acts* yo muri Manitoba (Canada), *Property (Relationships) Act 1976* yo muri New Zealand n’amategeko y’Intara za Australia, aya mategeko n’izi manza muri ibyo bihugu bikaba byemeza ko buri wese mu babanaga nk’umugore n’umugabo batarashingiranywe afite uburenganzira bungana n’ubwa mugenzi we ku mutungo bafitanye cyangwa bashakanye, by’umwihariko mu rubanza rwa *Pettkus v. Becker*, Rosa Becker akaba yarahawe n’Urukiko ½ cy’ubutaka n’imizinga y’inzuki kuko nawe hari ibyo yakoze mu guteza imbere urugo nko gushaka ibirutunga, gukora aho bororeraga inzuki ndetse no kwishyura ubokode bw’inzu yabanagamo na Lothar Pettkus, bityo mu gihe Niwenshuti Aloys adahakana ko mu mibanire ye na Mutoni K. Jackline, uyu yagiye amuha amafaranga kugirango bateze imbere urugo rwabo harimo no kubaka inzu iburanwa ndetse bakaba bari banahuriye ku bucuruzi

⁵ Reba igika cya 15 cy’urubanza.

bakoraga, nabyo bigaragaza ko koko babanaga nk'umugore n'umugabo, bikaba bikwiye ko bagabana umutungo bahahanye.

[35] Urukiko rurasanga kandi ingano y'ibyakozwe n'umugore cyangwa umugabo kugirango umutungo uburanwa uboneke cyangwa utubuke ubwayo atariyo ihesha umugore cyangwa umugabo uburenganzira bwo kugabana umutungo uburanwa n'uwo avuga ko babanaga, ahubwo igomba kuza yiyongera ku bimenyetso by'uko uwo mutungo wabonetse cyangwa wongerewe agaciro bombi babana nk'umugore n'umugabo kabone niyo umwe muri bo atabasha kugaragaza mu buryo burondoye (détaille/details) ibyo yakoze kugirango uboneke cyangwa utubuke. Uyu murongo kandi ukaba uhura n'uwemejwe n'uru Rukiko mu rubanza nyirakamana marciana na bagenzi be baburanaga na Mukasharangabo Eugénie na bagenzi be, aho rwemeje ko, nubwo Nyirakamana Marciana atari umugore w'isezerano, kuba yarabanye na Karimunda Gérard nk'umugore n'umugabo kuva ku wa 27/11/1970 kugeza apfuye mu mwaka wa 1994 bimuhesha uburenganzira bwo kwegukana $\frac{1}{2}$ cy'umutungo bari bafitanye cyangwa bahahanye,⁶ naho mu rubanza Ahishakiye Jean yaburanaga na Namagabira Venantie, uru Rukiko rusobanura ko kuba hari ibyo umugore yakoraga mu guteza imbere urugo, ni ukuvuga uruhare urwo arirwo rwose yaba yaragize, bihagije kugirango agabane n'umugabo umutungo bafitanye cyangwa bashakanye,⁷ nabyo bishimangira ko Mutoni

⁶ Reba urubanza RS/REV/INJUSTCIV0007/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 04/12/2015, igika cya 30.

⁷ Reba urubanza RCAA0048/14/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 11/03/2016, ibika bya 26 na 27. Reba kandi urubanza RCAA0036/15/CS hagati ya Twahirwa Ahmed na Kaligirwa Rehema rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 17/11/2017, igika cya 21.

K. Jackline afite uburenganzira ku mutungo yahahanye na Niwenshuti Aloys.

[36] Urukiko rurasanga kandi ubwo Niwenshuti Aloys yabanaga na Mutoni K. Jackline, yarakoranye na Rutamu Diogène amasezerano y'impano y'ikibanza ku wa 15/01/2006, Mukambuguje Alodie ayashyiraho umukono nk'umutangabuhamya, muri 2007, uyu afatanyije na Niwenshuti Aloys basaba umwenda wa 8.000.000 Frw yo kubaka iyo nzu, bombi bakaba bemeza ko bayimukiyemo muri 2008, ndetse bikaba binashimangirwa na Harerimana Gaspard, Umuyobozi w'Umudugudu wa Mwijuto uvuga ko *“Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie, inzu batuyemo hano [ni] iyabo, ... kuva yaturwamo uyu mugabo n'umugore n'abana babo batanu nibo tuzi baba muri iyo nzu.”* (Cote 2), bisobanuye ko hagati ya 2006 na 2012, Niwenshuti Aloys yari atunze abo bagore bombi, bityo bose bakaba bakwiye kugabana iyo nzu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 39, igika cya 2, y'Itegeko N° 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru.

[37] Hashingiwe kubyasobanuwe haruguru, Urukiko rurasanga Mutoni K. Jackline afite uburenganzira kuri kimwe cya gatatu (1/3) cy'inzu iri mu kibanza UPI: 1/03/09/02/753 kiri mu Mudugudu wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, ni ukuvuga 52.924.870 Frw/3 y'agaciro k'inzu yemejwe n'umuhanga washyizweho na Mukambuguje Alodie muri raporo yatanze ku wa 02/07/2012 (cotes 33-37), ariyo angana na 17.641.623Frw, agomba gutangwa na Niwenshuti Aloys afatanyije na Mukambuguje Alodie.

II.2. Kumenya niba indishyi zisabwa muri uru rubanza zifite ishingiro

[38] Mutoni K. Jackline asaba uru Rukiko kwemeza ko Niwenshuti Aloys yamutesheje agaciro, ntiyita ku burere bw'abana bafitanye, anamubeshya ko nta wundi mugore afite, akaba abisabira indishyi za 4.000.000 Frw hakiyongeraho igihembo cya Avoka ku nzego zose kingana na 2.500.000 Frw.

[39] Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie n'ababunganira bavuga ko izo ndishyi nta shingiro zifite kuko nta ruhare Mutoni K. Jackline yigeze agira ku nzu iburanwa. Basobanura ko Mutoni K. Jackline yashinganishije inzu ku buryo ibapfira ubusa, Niwenshuti Aloys akaba abisabira indishyi z'akababaro zingana na 3.000.000 Frw, na 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza, naho Mukambuguje Alodie avuga ko yadindirijwe imirimo, akaba abisabira indishyi za 3.000.000 Frw, bombi bakaba basaba kandi igihembo cya Avoka kingana na 2.000.000 Frw.

[40] Mutoni K. Jackline n'abamwunganira bavuga ko nta ndishyi akwiye kuryozwa kuko Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie aribo bishoye mu manza, bakaba batakwitwaza ko iyo nzu yabahombeye kandi batuye muri Uganda, bakazanwa mu Rwanda no kuburana. Basobanura ko, uretse n'ibyo, indishyi yacibwa atabona aho azikura kuko amafaranga make akorera ariyo atunze abana bitewe n'uko Niwenshuti Aloys yanze gutanga indezo y'abana.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[41] Urukiko rurasanga kuba Niwenshuti Aloys yariyemeje gutandukana na Mutoni K. Jackline kabone nubwo baba barabanye amubeshya ko nta wundi mugore afite, ubwabyo ntibyatangirwa indishyi kuko Mutoni K. Jackline kuva yari azi ko atasezeranye na Niwenshuti Aloys yari yiyemeje ko umubano wabo ushobora kurangira igihe icyo aricyo cyose, mu gihe ibyo yateganyaga bibaye akaba atahindukira ngo abifate nk'ikosa rikwiye kuryozwa indishyi.⁸

[42] Urukiko rurasanga kandi Mutoni K. Jackline atagaragaza uburyo Niwenshuti Aloys yamutesheje agaciro, ndetse n'ibyo avuga ko atita ku burere bw'abana bikaba bitasuzumirwa muri uru rubanza kuko ataribyo byaregewe.

[43] Urukiko rurasanga cyakora Niwenshuti Aloys yarirengagije ko yatanze abagore babiri mu buryo bunyuranije n'amategeko kandi ko, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 39 y'Itegeko N°59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryavuzwe haruguru, bombi bareshya imbere y'amategeko, bityo indishyi n'igihembo cya Avoka we na Mukambuguje Alodie basaba bikaba nta shingiro, naho amafaranga y'ikurikiranarubanza Niwenshuti Aloys asaba nayo akaba atayakwiriye kuko ari we watangije imanza kandi akaba atsinzwe.

⁸ *“Le concubinage est essentiellement précaire ; en ne se mariant pas, les concubins ont précisément voulu se réserver la liberté de rompre à leur gré cette liaison, chacun d’eux en s’y pretant, a accepté ce risqué, et ... celui qui le subit ne peut demander à l’autre d’en réparer les conséquences.”* Reba Francois Terré et Philippe Simler, *Droit Civil : Les régimes matrimoniaux*, Paris, Dalloz, p.741.

[44] Urukiko rurasanga Mutoni K. Jackline yarashowe mu manza na Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie, kuzizamo kugirango arengere uburenganzira bwe bikaba byari bifite ishingiro, bityo igihembo cya Avoka asaba akaba agikwiriye, cyakora kuba atagaragaza ko 2.500.000 Frw asaba ariyo yatanze ku nzego zose yaburaniyemo, akaba aganewe, mu bushishozi bw'Urukiko, 1.500.000 Frw ku nzego zose, agomba gutangwa na Niwenshuti aloys na Mukambuguje Alodie.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[45] Rwemeje ko ubujurire bwa Mutoni K. Jackline bufite ishingiro ;

[46] Rwemeje ko urubanza RCA0176/14/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 23/02/2015 ruhindutse mu ngingo zarwo zose ;

[47] Rwemeje ko inzu iri mu Kibanza UPI : 1/03/09/02/753 mu Mudugudu wa Mwijuto, Akagari ka Niboye, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicuro, Umujyi wa Kigali ari iya Niwenshuti Aloys, Mukambuguje Alodie na Mutoni K. Jackline, buri wese akaba ayifiteho uburenganzira bungana na 1/3 ;

[48] Rutegetse Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie guha Mutoni K. Jackline 17.641.623 Frw ahwanye na 1/3 y'agaciro k'inzu iri mu kibanza UPI : 1/03/09/02/753 mu Mudugudu wa Mwijuto, Akagari ka Niboye, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicuro, Umujyi wa Kigali ;

[49] Rutegetse Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie gufatanya kwishyura Mutoni K. Jackline 1.500.000 Frw y'igihembo cya Avoka ;

[50] Rutegetse Niwenshuti Aloys na Mukambuguje Alodie gufatanya kwishyura amagarama y'urubanza.



IMANZA Z'UBUCURUZI

EXPERTS CONSULTANTS UNITED INC, UGANDA Ltd (ECU) v. ROYAL HASKONING DHV(Pty) Ltd

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA –
RCOMA00007/2017/SC (Rugege, P.J., Cyanzayire na
Mutashya, J.) 07 Ukuboza 2018]

Amategako agenga amasezerano – Amasezerano – Inenge y'imyandikire ntiyashingirwaho mu gutesha agaciro amasezerano impande zombi zumvikanyweho.

Ubukemurampaka – Ingingo iteganya ubukemurampaka mu masezerano – icyemezo cy'ubukemurampaka – Ingingo iteganya ubukemurampaka, nk'igice kimwe kigize amasezerano y'ibanze y'ubucuruzi, ifatwa nk'amasezerano ukwayo, hatitawe kubindi biteganywa muri ayo masezerano y'ibanze – Iyo icyumvikanyweho n'imapande zombi kidakurikijwe mu bijyanye n'imiburanishirize y'ubukemurampaka, iba ari imwe mu mpamvu zashingirwaho zatumye icyemezo cy'ubukemurampaka cyatashywe agaciro – Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, ingingo ya 9 n'iya 31.

Incamake y'ikibazo: Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yagiranye amasezerano (sub consultancy) na Experts Consultants United INC, UGANDA Ltd yo kwishyira hamwe bapatana igice cy'imirimu Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd yagombaga gukorera Minisiteri y'Ibikorwa remezo mu Rwanda. Murayo masezerano bumvikana ko mu gihe havutse impaka hagati yabo baziambaza umukemurampaka umwe yabanje kumvikanwaho

n'impande zombi, akashyirwaho hakurikijwe itegeko ryo muri Africa y'Epfo, kandi ko imiburanishirize mu Bukemurampaka izumvikanwaho n'impande zombi, bumvikana kandi ko mu gihe hatabayeho kumvikana, hazakoreshwa amategeko mu miburanishirize yatangajwe n'Ishyirahanwe ry'Abakemurampaka azaba akurikizwa igihe umukemurampaka agiriyeho.

Nyuma yaho impaka zaravutse ku mpamvu yo kuba Experts Consultants United Inc, UGANDA Ltd itarishyuwe nk'uko amasezerano abiteganyaga, isaba Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd kuyiha izina ry'umukemurampaka wafatanyaga nuwayo maze irabyanga, bityo itanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi irusaba gushyiraho umukemurampaka wakemura icyo kibazo, maze uru rukiko rushyiraho umukemurampaka.

Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yatambamiye urwo rubanza, Urukiko rwemeza ko ikirego cyayo kitakiriwe kubera ko yagitanze ikererewe, maze ijurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, narwo rwemeza ko ubujurire bwayo nta shingiro bufite, yongeye gutanga ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya, maze uru Rukiko rwemeza ko ikirego cyayo nta shingiro gifite.

Mu bukemurampaka, inteko yemeje ko ikirego cya Experts Consultants United INC, Uganda, Ltd gifite ishingiro kuko Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yishe amasezerano, itegeka ko yishyura agaciro k'amasezerano yari asigaye gukorwa hamwe n'inyungu z'imyaka ine (4), indishyi z'akababaro, iz'ingendo n'icumbi hamwe n'igihembo cy'umukemurampaka.

Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yatanze ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba ko icyemezo cy'ubukemurampaka gikurwaho kuko kitakurikije amategeko, Urukiko rwemeza ko

icyo cyemezo gikuweho kubera ko kitubahirije amasezerano ababuranyi bagiranye, rwabishingiye ku kuba Umukemurampaka yarashyizweho n'Urukiko rw'Ubucuruzi kandi agakoresha amategeko atari ay'ishyirahamwe ry'Abakemurampaka mu gihe impande zombi zitumvikanye ku miburanishirize, bityo ko icyemezo inteko yafashe gikwiye kuvaho, rutegeka Experts Consultants United INC, Uganda, Ltd guha Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd indishyi zikubiyemo igihembo cya Avoka hamwe niz'ikurikiranarubanza.

Experts Consultants United INC, Uganda yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko umwanzuro w'Umukemurampaka utagombaga gukurwaho kubera ko wafashwe mu buryo bukurikije amategeko. Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga ariko Urukiko ruyisuzumye rusanga nta shingiro ifite.

Mbere y'iburanisha mu mizi, Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd yatanze indi nzitizi ivuga ko n'ubwo nta ngingo yari ihari mu gihe ubujurire bwatangwaga yabuzaga kujuririra icyemezo gifashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku mwanzuro w'Abakemurampaka, ariko kuba harasohotse itegeko ribuza kujurira icyo cyemezo kandi urubanza rukaba rugikomeza, icyemezo cyafashwe ku bubasha kigomba kuvaho kubera ko amategeko agenga imiburanishirize ahita ashyirwa mu bikorwa agisohoka. Naho Experts Consultants United ikavuga ko itegeko Royal Haskoning DHV Ltd ishingiraho, ryatangajwe urubanza rwarangije kujurirwa, ko rero nta mpamvu yari gutuma ubujurire butakirwa, kuko itegeko ryakoreshwaga icyo gihe ritabibuzaga. Urukiko rwemeza ko nubwo amategeko y'imiburanishirize (actes de procédure) yubahirizwa ako kanya, ibyakozwe mbere bukurikije amategeko bigumana agaciro kabyo.

Ku bijyanye no kumenya niba “Arbitration Act” yo muri 1965 ivugwa mu masezerano ariyo muri Afrika y’Epfo, Experts Consultants United Inc, UGANDA Ltd ivuga ko impande zombi zitabisobanuye neza, ko kandi kuba batari bumvikanye ku mukemurampaka, itegeko ryari gukoreshwa ni iryo mu Rwanda nk’uko impande zombi zabyumvikanyeho mu ngingo ya 2.4 y’amasezerano. Ikomeza isobanura ko n’ubwo impande zombi zitavuze neza Itegeko rizakoreshwa, isanga harabayeho kwibeshya ku mwaka, kuko aho kwandika 2008 kubera ko Itegeko ryerekeye ubukemurampaka n’ubwunzi mu bibazo by’ubucuruzi mu Rwanda ari iryo muri uwo mwaka, banditse 1965. Isobanura ko yasabye Royal Haskoning DHV (Pty)Ltd ngo bumvikane iranga, icyari gisigaye kwari ugukurikiza amategeko yo mu Rwanda, ko kuba barakoresheje amategeko ya KIAC, ntaho binyuranye n’ibyo impande zombi zumvikanye, kuko aricyo kigo cyemewe mu Rwanda gikora ibijyanye n’Ubukemurampaka.

Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yiregura ivuga ko ikigomba kurebwa muri uru rubanza, ari uburyo ingingo ya 2.4 irebana n’ibijyanye n’ururimi no kuburanisha urubanza mu mizi hamwe n’iya 9.1 ivuga ku bijyanye n’uburyo bwo gukemura impaka z’amasezerano impande zombi zagiranye zumvikana, ivuga ko ibyo Experts Consultants United Inc, UGANDA Ltd ivuga ko atari itegeko ryo muri Afurika y’Epfo ryagombaga gukoreshwa atari byo kuko hagombaga gukurikizwa “*Conduct of Association of Arbitrators*” nk’uko na KIAC ubwayo yabasubije ibabwira ko ibijyanye nayo bidateganyijwe ngo keretse bavuguruye amasezerano yabo bakayongeramo, bityo ibyakozwe rero bikaba binyuranyije n’ibyo impande zombi zumvikanyeho ariyo mpamvu Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwakuyeho icyemezo cy’Umukemurampaka kuko kitubahirije amategeko.

Incamake y'icyemezo: 1. Nubwo amategeko y'imiburanishirize (actes de procédure) yubahirizwa ako kanya, ibyakozwe mbere bikurikije amategeko bigumana agaciro kabyo.

2. Amasezerano y'Ubukemurampaka ni amasezerano yigenga nubwo aba agize zimwe mu ngingo zigize amasezerano muri rusange.

3. Inenge y'imyandikire ntiyashingirwaho mu gutesha agaciro amasezerano impande zombi zumvikanyweho. Bityo kuba mu masezerano bataranditse ko itegeko rigenga Ubukemurampaka ryo muri 1965 (*Arbitration Act of 1965*) n'Ishyirahamwe ry'Abakemurampaka (*Association of Arbitrators*) byombi bivugwa mu ngingo ya 9.1 y'amasezerano ari ibyo muri Afurika y'Epfo, bitavanaho ko icyo abagiranye amasezerano bari bagamije ari uko hazakoresheka amategeko n'imigendekere byo muri Afurika y'Epfo.

4. Iyo icyumvikanyweho n'impande zombi kidakurikijwe mu bijyanye n'imiburanishirize y'ubukemurampaka, iba ari imwe mu mpamvu zashingirwaho zatuma icyemezo cy'ubukemurampaka cyatashwe agaciro.

**Ubujurire nta shingiro bufite;
Icyemezo cy'ubukempurampaka cyari cyafashwe
kivanyweho;
Amagarama y'urubanza ahwanye nibyakozwe mu rubanza.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano mu Rwanda, ingingo ya 64 n'iya 66.

Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye
ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi,
ingingo ya 9 n'ya 31.

Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga:

Larry A. Dimatteo "International Business Law and the Legal
Environment, A Transactional Approach."

Urubanza

I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ssi Engeneers and Environment Consultants (Pty) yaje guhinduka Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd, ku wa 12/10/2010, yagiranye amasezerano (sub consultancy) na Experts Consultants United INC, Uganda Ltd yo kwishyira hamwe bagapatana igice cy'imirimo Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd yagombaga gukorera Minisiteri y'Ibikorwa remezo mu Rwanda.

[2] Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ivuga ko muri ayo masezerano bumvikanye ko mu gihe havutse impaka zizashyikirizwa Umukemurampaka umwe uzashyirwaho hakurikijwe itegeko ry'Ubukemurampaka rya Afurika y'Epfo, kandi ko imiburanishirize mu Bukemurampaka izumvikanwaho n'impande zombi, ko mu gihe hatabayeho kumvikana, hazakoreshwa amategeko mu miburanishirize yatangajwe n'Ishtyirahanwe ry'Abakemurampaka (Association of Arbitrators) azaba akurikizwa igihe Umukemurampaka agiriyeho.

[3] Nyuma impaka zaravutse zijyanye no kuba Experts Consultants United INC, Uganda Ltd itarishyuwe nk'uko amasezerano yabiteganyaga, Experts Consultants United INC, Uganda Ltd isaba Royal Haskoning DHV (Pty)Ltd kuyiha izina ry'umukemurampaka wafatanyaga n'ubwo, irabyanga. Experts Consultants United INC, Uganda Ltd itanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi isaba ko rushyiraho Umukemurampaka wakemura ikibazo ifitanye na Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd, urubanza ruhabwa RCOM 0610/15/TC/NYGE, rucibwa ku wa 30/04/2015, Urukiko rwemeza ko hashyizweho Umukemurampaka witwa Me Rubasha Herbert.

[4] Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yatambamiye urwo rubanza, urubanza rwayo rwandikwa kuri RCOM0619/15/TC/NYGE, Urukiko rw'Ubucuruzi rwemeza ko ikirego cyayo kitakiriwe kubera ko yagitanze igihe cy'ukwezi cyararangiyeye kuva aho imenyeye imikurizwe y'urubanza yatambamiraga.

[5] Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, rwandikwa kuri RCOMA00122/2016/CHC/HCC rucibwa ku wa 29/07/2016, Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd nta shingiro bufite, ruyitegeka kwishyura ECU Ltd 2.500.000 Frw y'igihembo cy'Avoka n'ikurikiranarubanza.

[6] Royal Haskoning DHV(Pty) Ltd yongeye gutanga ikirego mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba gusubirishamo urubanza RCOMA00122/2016/CHC/HCC ingingo nshya, urubanza rucibwa ku wa 03/11/2016, Urukiko rwemeza ko impamvu Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ishingiraho isubirishamo urubanza ingingo nshya nta n'imwe ihura n'iziteganyijwe n'amategeko, ko

rero ikirego cyayo kitakiriwe, ruyitegeka gutanga 600.000 Frw y'igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

[7] Umukemurampaka washyizweho yaburanishije urubanza Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd idahari, afata icyemezo ku wa 16/09/2016 yemeza ko ikirego cya Experts Consultants United INC, Uganda, Ltd gifite ishingiro kuko Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yishe amasezerano, rutegeka Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd guha ECU Ltd USD 47.993 y'agaciro k'amasezerano yari asigaye gukorwa; inyungu z'imyaka ine(4) zingana na USD 34.556 ni ukuvuga $47.993 \times 18/100 = \text{USD } 8.6394 = \text{USD } 34.556$, indishyi z'akababaro z'ingendo n'icumbi, bingana na 18.400 USD no kwishyura igihembo cy'ubukemurampaka kingana na 10.000 USD.

[8] Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yaregeye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi isaba ko icyemezo cy'ubukemurampaka gikurwaho ngo kubera ko kitakurikije amategeko. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza ku wa 29/09/2017, rwemeza ko icyemezo nkemurampaka gikuweho kubera ko kitubahirije amasezerano ababuranyi bagiranye, rutegeka Experts Consultants United INC, Uganda, Ltd guha Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd indishyi zingana na 650.000 Frw zikubiyemo igihembo cya Avoka n'ikurikiranarubanza.

[9] Urukiko mu gufata icyemezo, rwashingiye ku kuba ababuranyi barumvikanye mu masezerano bagiranye yiswe "*Association Agreement Document*" mu ngingo yayo ya 9, ko nihaba ubukemurampaka bizakorwa n'umukemurampaka umwe hakurikijwe Itegeko ryo muri Africa y'Epfo ryo muri 1965 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, ko kandi imiburanishirize y'ubwo bukemurampaka izakurikiza ibyo impande zombi zizumvikanaho, hagakurikizwa imigendekere iteganyijwe mu

mategeko y'imyitwarire y'abakemurampaka mu bukemurampaka. Ko kandi mu gice cya kabiri cy'iyi ngingo, ababuranyi bumvikanye ko uwo mukemurampaka uzashyirwaho, azaba yabanje kumvikanwaho (kwemezwa) n'impande zombi.

[10] Rwasobanuye ko hashingiwe kuri iyi ngingo y'amasezerano impande zumbikanyeho, rwasanze haragombaga gushyirwaho umukemurampaka umwe kandi wumbikanyeho n'impande zombi, agakora ubwo bukemurampaka ashingiye ku mategeko y'ubukemurampaka yo muri Africa y'Epfo yo muri 1965 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, agakurikiza imiburanishirize yumbikanyeho bitashoboka agakurikiza amategeko y'imiburanishirize yatangajwe n'Ishyirahamwe ry'Abakemurampaka; ko ariko atari ko byagenze kuko uburyo umukemurampaka yashyizweho bitakurikije amategeko ya Afrika y'Epfo n'imiburanishirize yakurikije ikaba itarakurikije amategeko y'Ishyirahamwe ry'abakemurampaka yariho muri icyo gihe nk'uko impande zari zabyumvikanye mu masezerano.

[11] Rwasobanuye kandi ko, uretse no kuba uwo mukemurampaka yaragombaga gushyirwaho hakurikijwe itegeko ryo muri Africa y'epfo, yagombaga no gukemura impaka ashingiye kuri ayo mategeko haba mu miburanishirize no ku mpaka ubwazo, ko rero kuba Umukemurampaka yarashyizweho n'Urukiko rw'Ubucuruzi kandi agakoresha amategeko atari ay'ishyirahamwe ry'Abakemurampaka mu gihe impande zombi zitumvikanye ku miburanishirize, icyemezo yafashe gikwiye kuvaho kubera ko kitubahirije amasezerano ababuranyi bumvikanyeho.

[12] Experts Consultants United INC, Uganda yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga ku wa 28/10/2017 ivuga ko umwanzuro

w'Umukemurampaka wo ku wa 16/09/2016 utagombaga gukurwaho kubera ko wafashwe mu buryo bukurikije amategeko.

[13] Royal Haskoning DHV(Pty)Ltd yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga ivuga ko Experts Consultants United INC, Uganda yajuriye nk'aho ari mu manza zisanze kandi atariko bimeze hirengagijwe ko ibyemezo by'Ubukemurampaka bitajuririrwa, ko ari nako Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada rwabyemeje.

[14] Urukiko mu cyemezo cyarwo cyo ku wa 08/06/2018, rwasanze iyo ntitizi nta shingiro ifite rwemeza ko Urubanza ruzaburanishwa mu mizi.

[15] Iburanisha ryongeye gusubukurwa ku wa 06/11/2018 ribera mu ruhamu, Experts Consultants United INC, Uganda Ltd iburanirwa na Me Munderere Léopold afatanyije na Me Mitsindo Tom, naho Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd, iburanirwa na Me Bizimana Emmanuel.

[16] Mbere y'uko iburanisha ritangira mu mizi, Me Bizimana Emmanuel, ashingiye ku ngingo ya 74, igika cya 3, y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 22/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi¹ no ku ngingo ya 82 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko², avuga ko ubwo

¹Icyakora iyo asanze hari ibyakozwe binyuranyije n'amategeko, hashobora gufatwa icyemezo cyo gutangira iburanisha bundi bushya cyangwa kugira ibihindurwa, hamaze kumvwa ababuranyi, hagasobanurwa impamvu

²Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruburanisha kandi imanza zigamije gusuzuma niba ibyemezo byafashwe n'abakemurampaka byubahirije amategeko.

Imanza ziciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku byemezo byavuzwe mu gika cya 4 cy'iyi ngingo ntizijuririrwa

inteko iburanisha ihindutse, yakongera igasuzuma icyemezo cyafashwe ku bubasha ikagihindura kubera ko kinyuranyije n'amategeko hakurikijwe ingingo zimaze kuvugwa, bityo, inteko yasanga ubujurire butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, ikemeza ko butari bukwiye kwakirwa, n'icyo cyemezo ku bubasha cyafashwe n'inteko yabanje kikavaho. Yongeraho ko, kuba icyemezo cyarafashwe, bitabuza ko indi nteko nshya yakongera kubisuzuma.

[17] Avuga ko kandi, n'ubwo nta ngingo yari ihari mu gihe ubujurire bwatangwaga yabuzaga kujuririra icyemezo gifashwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku mwanzuro w'Abakemurampaka, uwabaga atawishimiye yawuregeraga ariko atemerewe kujuririra icyemezo gifashwe, ko rero kuba harasohotse itegeko ribisobanura neza kandi urubanza rukaba rugikomeza, icyemezo cyafashwe ku bubasha kigomba kuvaho kubera ko amategeko agenga imiburanishirize ahita ashyirwa mu bikorwa agisohoka.

[18] Me Munderere Léopold uburanira Experts Consultants United INC, Uganda Ltd, avuga ko ibyo Me Bizimana Emmanuel avuga bitumvikana kuko icyemezo cyafashwe, nta buryo Urukiko rwakongera kwisubiraho, ko Urukiko rwareba niba igihe urubanza rwajuririrwaga, hari itegeko ryabuzaga bene izo manza kujuririrwa, ko itegeko Me Bizimana Emmanuel avuga, rireba izindi manza zishobora kujuririrwa muri uru Rukiko ariko bitareba imanza zari zarajuririwe mbere y'uko risohoka.

[19] Me Mitsindo Tom avuga ko itegeko Me Bizimana Emmanuel ashingiraho, ryatangajwe ku wa 02/06/2018 urubanza

rwararangije kujurirwa, ko rero nta mpamvu yari gutuma ubujurire butakirwa, kuko itegeko ryakoreshwaga icyo gihe ritabibuzaga.

[20] Urukiko rwariherereye rufata icyemezo kuri iyo nzitizi, rwemeza ko nubwo amategeko y'imiburanishirize (actes de procédure) yubahirizwa ako kanya, ibyakozwe mbere bikurikije amategeko bigumana agaciro kabyo, ko kandi hashingiwe ku manza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga, icyemezo cyafashwe ku wa 08/06/2018 ku bubasha bw'Urukiko ku bujurire bw'icyemezo cyerekeranye n'ubukemurampaka, cyari gikurikije amategeko, kikaba kigomba kugumana agaciro kacyo; rutegeka ko iburanisha rikomeza hasuzumwa impamvu z'ubujurire za Experts Consultants United INC, Uganda Ltd zijyanye no kureba niba umwanzuro w'Umukemurampaka wafashwe ku wa 16/09/2016, warafashwe mu buryo no mu nzira bikurikije amategeko.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba uburyo umukemurampaka yashyizweho n'uburyo yafashemo icyemezo haba mu mizi y'ikibazo n'imiburanishirize yarakurikije ibyo ababuranyi bumvikanyeho mu masezerano yabo (*Association Agreement Document*)

[21] Me Munderere Léopold uburanira Experts Consultants United INC, Uganda Ltd avuga ko ibyo Umucamanza yemeje mu gika cya 17 cy'urubanza RCOM0005/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ko Umukemurampaka yakemuye impaka adashingiye ku mategeko yumvikanyweho, atari byo, kuko mu masezerano impande zombi zagiranye, ntaho

biteganyijwe ko ari Itegeko ryo muri Afurika y'Epfo rizagenderwaho mu byerekeye imigendekere y'ubukemurampaka, iki kibazo kikaba cyarasuzumwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rukemeza ko ntaho bigaragara ko ari Itegeko ryo muri South Africa rigomba gukurikizwa kandi uru rubanza rukaba rwarabaye itegeko, ari nayo mpamvu hashyizweho Umukemurampaka hashingiwe ku Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi mu Rwanda.

[22] Avuga ko mu guca urubanza, ingingo ya 2.4 n'ya 9.1 z'amasezerano impande zombi zagiranye, zareberwa hamwe, ko mu ngingo ya 2.4 igika cya 1 impande zombi zumvikanye ku rurimi, naho mu gika cya 2 cyayo, impande zombi zumvikanye ko amategeko azakurikizwa ari ayo mu Rwanda; mu ngingo ya 9.1 ho, bumvikanye ko mu bukemurampaka hazakurikizwa "*Arbitration Act*" yo muri 1965 ariko ntaho bigeze bavuga ko ari iyo muri Afrika y'Epfo. Avuga ko Urukiko nirusuzuma neza ingingo ya 9.1 y'amasezerano ateganya Ubukemurampaka, ruzasanga impande zombi zaragombaga kumvikana ku mukemurampaka akaba aribwo hakoresheya "*Arbitration Act*" yo muri 1965, ariko ko mu gihe batumvikanye, hazakoresheya amategeko y'u Rwanda.

[23] Yongeraho ko imanza zose zabaye ku ishyirwaho ry'umukemurampaka, Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yazitsinzwe, ko n'ubwo bitagaragara ko "*Arbitration Act*" yo muri 1965 yavugwaga ari iyo muri Afurika y'Epfo, yagombaga gukurikizwa ari uko impande zombi zabyumvikanyeho, ko rero Umukemurampaka yashingiye ku mategeko ya KIAC³ kubera ko impande zombi zitari zumvikanye kuri "*Arbitration Act*" yo muri

³ KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTRE

1965, kuko bavuze ko ibizakurikizwa ari amategeko ya “*Association ya Arbitration*” mu gihe impande zombi zabyumvikanaho.

[24] Avuga ko aya masosiyete yombi, nta n'imwe ifite icyicaro mu Rwanda, ariyo mpamvu bumvikanye ko bazakurikiza amategeko yo mu Rwanda mu gihe batumvikanye ku bijyanye na “*Arbitration Act*” yo muri 1965.

[25] Ku bijyanye no kumenya niba “*Arbitration Act*” yo muri 1965 ivugwa mu masezerano ariyo muri Afrika y'Epfo, Me Munderere Léopold yasubije ko atabitindaho kuko ishobora kuba ariyo muri Afrika y'Epfo cyangwa muri Uganda kuko impande zombi zitabisobanuye neza, ko kandi kuba batari bumvikanye ku mukemurampaka, itegeko ryari gukoreshwa ni iryo mu Rwanda nk'uko impande zombi zabyumvikanyeho mu ngingo ya 2.4 y'amasezerano.

[26] Me Mitsindo Tom, avuga ko n'ubwo impande zombi zitavuze neza Itegeko rizakoreshwa, asanga harabayeho kwibeshya ku mwaka, kuko aho kwandika 2008 kubera ko Itegeko dufite ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi mu Rwanda ari iryo muri uwo mwaka, banditse 1965. Avuga ko Experts Consultants United INC, Uganda Ltd yasabye Royal Haskoning DHV (Pty)Ltd ngo bumvikane iranga, icyari gisigaye kwari ugukurikiza amategeko yo mu Rwanda, ko kuba barakoresheje amategeko ya KIAC, ntaho binyuranye n'ibyo impande zombi bumvikanye, kuko aricyo kigo cyemewe mu Rwanda gikora ibijyanye n'Ubukemurampaka.

[27] Me Bizimana uburanira Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd avuga ko ikigomba kurebwa muri uru rubanza, ari uburyo ingingo ya 2.4 n'iya 9.1 z'amasezerano impande zombi zagiranye

zumvikana, ko ingingo ya 2.4 irebana n'ibijyanye n'ururimi no kuburanisha urubanza mu mizi, iya 9.1 ikavuga ku bijyanye n'uburyo bwo gukemura impaka; ko ibyo ababuranira Experts Consultants United INC, Uganda Ltd bavuga ko atari Itegeko ryo muri Afurika y'Epfo ryagombaga gukoreshwa atari byo, ko kuri icyo kibazo harebwa inyandiko bagiranye cyane cyane ibaruwa yo ku wa 12.06.2014 Experts Consultants United INC, Uganda Ltd yandikiye KIAC, nayo ikabasubiza ko ibijyanye na KIAC bidateganyijwe ngo keretse bavuguruye amasezerano yabo bakayongeramo, ibi bikaba byerekana ko nabo ubwabo bari bazi ko mu gukemura ikibazo hazakoreshwa amategeko yo muri Afurika y'Epfo.

[28] Yongeraho ko ibyo ababuranira Experts Consultants United INC, Uganda Ltd bavuga ko nibatumvikana hazakoreshwa amategeko ya KIAC (KIAC Rules), atari byo kuko hagombaga gukurikizwa “*Conduct of Association of Arbitrators*” nk’uko na KIAC ubwayo yabasubije, ibyakozwe rero bikaba binyuranyije n’ibyo impande zombi zumvikanyeho ariyo mpamvu Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi rwakuyeho icyemezo cy’Umukemurampaka kuko kitubahirije amategeko.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[29] Ingingo ya 9 y'Itegeko N°005/2018 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi iteganya ko: «Amasezerano y'ubukemurampaka ni amasezerano impande zombi zigirana yo gushyikiriza ubukemurampaka ibibazo byose cyangwa bimwe mu bibazo zifitanye cyangwa bishobora kuvuka kubera imikoranire hagati yazo mu byerekeranye n'amategeko byaba ari ibishingiye ku masezerano zagiranye cyangwa ntayo bishingiyeho. Amasezerano

y'ubukemurampaka ashobora kuba akozwe n'ingingo ziteganywa ubukemurampaka ziri mu masezerano bagiranye cyangwa akaba ari andi masezerano ukwayo», naho igika cya 2 cy'iyi ngingo, kigateganywa ko ayo masezerano agomba kuba yanditse.

[30] Ingingo ya 31 y'iryo Tegeko rimaze kuvugwa haruguru, iteganywa ko uretse ibiteganywa n'iri tegeko, abiyambaje ubukemurampaka bafite uburenganzira bwo kumvikana ku buryo bw'ikemurampaka bwakoreshwa n'Inteko y'Abakemurampaka mu gihe isuzuma ikibazo bayigejejeho.

[31] Ingingo ya 64 y'Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano mu Rwanda riteganywa ko amasezerano akozwe neza abera itegeko abayagiranye ko kandi ayo masezerano agomba kubahirizwa nta buryarya⁴.

[32] Mu gika cya 1 cy'ingingo ya 2.4 y'amasezerano Experts Consultants United INC, Uganda Ltd na Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd bagiranye, impande zombi zumvikanye ko ururimi amasezerano akozwemo ari icyongereza, igika cya 2 cy'iyi ngingo kigateganywa ko Amategeko azakurikizwa mu gushyira mu bikorwa amasezerano, ari Amategeko y'u Rwanda⁵.

[33] Mu ngingo ya 9.1 y'ayo masezerano, impande zombi zumvikanye ko Ubukemurampaka buzakorwa n'Umukemurampaka umwe nk'uko biteganywa n'Itegeko ry'Ubukemurampaka ryo muri 1965 ryakoreshwaga igihe bakoraga amasezerano, imigendekere y'iburanisha

⁴Amasezerano akozwe ku buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye. Ashobora guseswa ari uko babyumvikanyeho cyangwa ku mpamvu zemewe n'amategeko. Agomba kubahirizwa nta buriganya

⁵The Language of the Agreement shall be the English language

ikumvikanwaho n’ababuranyi bitashoboka hagakurikizwa imigendekere y’Ubukemurampaka nkuko yatangajwe n’Ishyirahamwe ry’Abakemurampaka azaba arimo gukurikizwa igihe Umukemurampaka ashyiriweho⁶.

[34] Urukiko rurasanga mu gusesengura amasezerano impande zombi zagiranye hagomba kurebwa icyo abayagiranye bari bagamije n’icyo basezeranye nk’uko ingingo ya 66 y’Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano mu Rwanda⁷ ibiteganya.

[35] Urukiko rurasanga nk’uko ingingo ya 9 y’Itegeko N°005/2018 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n’ubwunzi mu bibazo by’ubucuruzi ibiteganya, amasezerano ateganya ubukemurampaka ashobora kuba mu masezerano ubwayo cyangwa akaba yakorerwa amasezerano yihariye, ibi bikaba byumvikanisha ko amasezerano ateganya ubukemurampaka aba yihariye ku buryo ashobora kugira agaciro n’igihe amasezerano azakoreshwamo yaba afite inenge yatuma ateshwa agaciro, ibivugwa muri iyi ngingo akaba ari nako umuhanga Larry A.Dimatteo abivuga mu gitabo cye cyitwa “*International Business Law and the Legal Environment, A*

⁶ *Arbitration shall be by a single arbitrator in accordance with the provisions of Arbitration Act of 1965 as amended and shall be conducted in accordance with such procedure as may be agreed between the parties or, failing such agreement, in accordance with the rules for the conduct of Arbitrations published by the Association of Arbitrators current at the date the arbitrator is appointed.*

⁷ Gusesengura amasezerano cyangwa imwe mu ngingo zayo ni ugusobanura icyo ayo masezerano agamije n’icyasezeranyijwe

Transactional Approach”, ku rupapuro rwa 122, ko amasezerano ateganya Ubukemurampaka aba yigenga kandi yihariye⁸.

[36] Urukiko rw'Ikirenga rushingiye kuri iyo ngingo imaze kuvugwa n'ibisobanuro bitangwa n'Umuhanga mu mategeko y'Ubukemurampaka, rwemeranya n'ibisobanuro byatanzwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi by'uko icyo ababuranyi bari bagamije mu masezerano y'ubukemurampaka, ari uko Ubukemurampaka buzakorwa n'umukemurampaka umwe nk'uko biteganyijwe mu itegeko rigenga ubukemurampaka ryo muri 1965⁹, ababuranyi bakumvikana uko ubukemurampaka buzagenda ku bijyanye n'imiburanishirize (Procedure), mu gihe batabasha kumvikana ku miburanishirize hagakoreshwa amategeko y'imyitwarire y'abakemurampaka yatangajwe n'Ishyirahamwe ry'Abakemurampaka azaba akoreshwa igihe Umukemurampaka ashyiriweho¹⁰, Umukemurampaka akagomba kwemerwa n'uwatsindiye isoko (Consultant) n'uwo yahaye akazi (Sub-Consultant).

[37] Urukiko rurasanga kandi, isesengura ry'ingingo ya 9.1 y'amasezerano impande zombi zagiranye, itagomba kureberwa

⁸The Severability principle recognizes the arbitration clause in a contract as a separate agreement independent of the contract. Therefore, a law is needed to determine the validity of the arbitration clause, Also, if viewed as a separate agreement, then It can be enforced even if the underlying of contract is determined to be invalid or unenforceable.

⁹Arbitration ACT 42 of 1965 as amended by Justice Laws Rationalisation Act 18 of 1996; General Law Amendment Act 49 of 1996 and Prevention and Combating of Corrupt Activities Act 12 of 2004, specifically in its provision 9 which provided that :« *Unless a contrary intention is expressed in the arbitration agreement, the reference shall be to a single arbitrator*».

¹⁰The Association of Arbitrators (Southern Africa) Rules for the Conduct of Arbitrations 2013 edition standard procedure rules.

hamwe n'ingingo ya 2.4 y'ayo masezerano nk'uko ababuranira Experts Consultants United INC, Uganda Ltd babiburanisha, kubera ko nk'uko byasobanuwe haruguru, amasezerano y'ubukemurampaka ari amasezerano yigenga nubwo aba agize zimwe mu ngingo zigize amasezerano muri rusange, bivuze ko mu gukemura ikibazo mu mizi, hazashingirwa ku ngingo ya 2.4 igika cya 2 y'ayo masezerano mpande zombi zagiranye ireba amategeko ababuranyi ubwabo bihitiyemo ku bijyanye no gukemura ibibazo mu gihe haba havutse ikibazo mu mizi (*Substantive Laws*), naho ibijyanye n'imigendekere (conduct) n'uburyo ubukemurampaka buzakorwamo (*Procedural rules*) bikaba ari byo bireberwa mu ngingo ya 9.1 y'amasezerano impande zombi zagiranye.

[38] Urukiko rurasanga, kuba ababuranyi bataranditse ko iri tegeko rigenga Ubukemurampaka ryo muri 1965 (*Arbitration Act of 1965*) n'Ishyirahamwe ry'Abakemurampaka (*Association of Arbitrators*) byombi bivugwa mu ngingo ya 9.1 y'amasezerano ari ibyo muri Afurika y'Epfo, bitavanaho ko icyo abagiranye amasezerano bari bagamije ari uko hazakoreshwa amategeko n'imigendekere byo muri Afurika y'Epfo kubera ko SSI Engineers and Environment Consultants (Pty) Ltd yahindutse Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yatanze akazi, ari isosiyete yo muri Afurika y'Epfo, kandi n'aya mategeko yavuzwe mu masezerano akaba ari ayo muri Afurika y'Epfo, Experts Consultants United INC, Uganda Ltd ikaba itarabashije kwerekana ko aya mategeko ari ayo mu Rwanda cyangwa ahandi, mu gihe bizwi ko mu Rwanda ibijyanye n'Ubukemurampaka bigengwa y'Itegeko N°005/2018 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, naho urwego rureberera Ubukemurampaka akaba ari KIAC (Kigali International Arbitration Centre).

[39] Rushingiye ku ngingo ya 64 y'Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano mu Rwanda ryavuzwe haruguru no ku bisobanuro byatanzwe muri uru rubanza, Urukiko rurasanga Umukemurampaka Me Rubasha Herbert icyemezo yafashe kitarubahirije amasezerano impande zombi zagiranye, bityo icyo cyemezo kikaba kigomba kuvaho nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabyemeje.

[40] Experts Consultants United INC, Uganda Ltd ivuga ko mu gihe byagaragaraga ko Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd yari yararegeye ubusa ihunga kuryozwa amakosa yayikoreye, Urukiko rukaba rwarabirenzeho rukayitegeka gutanga amafanga y'indishyi, igihembo cya Avoka n'amafranga yo gukurikirana urubanza, ko ibi bigomba guhinduka ku rwego rw'Urukiko rw'Ikirenga, Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ikishyura Experts Consultants United INC, Uganda Ltd 3.000.000 Frw akubiyemo ayo guhemba ba Avoka, indishyi z'akababaro n'ayo gukurikirana urubanza.

[41] Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ivuga ko ibyo Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze bikurikije amategeko kuko rwakuyeho icyemezo kandi mu by'ukuri kikaba cyari kibangamiye inyungu zayo kuko cyafashwe kidakurikije amasezerano impande zombi zagiranye, bityo ko amafanga Experts Consultants United INC, Uganda Ltd yaciwe akaba agomba kugumaho hiyongereyeho 3.000.000 Frw akubiyemo 2.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[42] Ingingo ya 258 yo mu gitabo cya gatatu cy'amategeko mbonezamubano, amasezerano n'imirimo nshinganwa iteganya ko igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse.

[43] Ku bijyanye n'uru rubanza, Urukiko rurasanga kuba Experts Consultants United INC, Uganda Ltd yarajuririye urubanza, byaratumye Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ishyiraho Abavoka bayiburaniye bikaba byarayiteje igihombo, icyo gihombo kibaba kigomba kwishyurwa na Experts Consultants United INC, Uganda Ltd itsinzwe urubanza, bityo Royal Haskoning DHV (Pty) Ltd ikaba igenewe 1.000.000 Frw agenwe mu bushishozi bw'Urukiko, akubiyemo ay'ikurikiranarubanza n'ay'igihembo cya Avoka.

[44] Ku bijyanye n'indishyi zasabwe na Experts Consultants United INC, Uganda Ltd Urukiko rurasanga nta shingiro zifite kubera ko ntacyo itsindiye muri uru rubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[45] Rwemeje ko ubujurire bwa Experts Consultants United INC, Uganda Ltd, nta shingiro bufite ;

[46] Rwemeje ko icyemezo cy'Umukemurampaka Me Rubasha Herbert cyafashwe ku wa 16/09/2016 kivuyeho ;

[47] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RCOM00005/2017/HCC/CHC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 29/09/2017 idahindutse ;

[48] Rutegetse Experts Consultants United, Inc Uganda, kwishyura Royal HASKONING DHV (Pty) Ltd 1.000.000 Frw y'indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka ;

[49] Rutegetse ko amagarama y'urubanza yatanzwe na Experts Consultants United INC, Uganda Ltd, ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

MININTCO Ltd v. DOBUSJES Ltd

[Rwanda URUKIKO RUKURU RW'UBUCURUZI –
RCOMA00402/2017/CHC/HCC (Mutajiri, P.J.) 29 Ukuboza
2017]

Amategako agamije kurengera iby'umutungo bwite mu by'ubwenge – Uburenganzira bwo kurengera ikirango – Sosiyete yanditseho ikirango ifite uburenganzira busesuye bwo kurega uwacyiganye cyangwa umucuruzi ufite ikirango gitera urujijo ku gicuruzwa cye

Amategako agamije kurengera iby'umutungo bwite mu by'ubwenge – Gusenya igicuruzwa cyigana ikindi gicuruzwa – Urukiko ntago rutegetswe byanze bikunze gutegeka ko igicurizwa gifite ikirango cy'ikiganano gisenywa, rushobora ahubwo gutegeka ko gisenywa cyangwa kikavanwa kw'isoko ryo mu gihugu mu bushishozi bwarwo – Itegeko N°31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera iby'umutungo bwite mu by'ubwenge. ingingo ya 284.

Incamake y'ikibazo: Sosiyete MININTCO ® Ltd yandikishije ikirango cyayo cya KANTA mu Ikigo cy'igihugu cy'iterambere (RDB). Iyo sosiyete yaje kumenya ko DOBUSJES Ltd yinjije mu gihugu ibicuruzwa bifite ikirango KANTO BLACK HAIR DYE, cyigana ikirango cya KANTA, kikanatera urujijo. Bityo yareze DOBUSJES Ltd mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge isaba ko ibyo bicuruzwa bifite ikirango cyigana ikirango cyayo cya KANTA byasenywa.

Urukiko rwaciye urubanza rwemeza ko ikirango KANTO kiri ku bicuruzwa byinjijwe mu Rwanda na DOBUSJES Ltd ari ikirango

cy'ikiganano cy'ikirango KANTA cyanditswe mu Rwanda kuri MININTCO Ltd, kandi ko icyo kirango giteza urujijo icyakoza rwemeza ko ibicuruzwa biriho bitagomba gusenywa, ahubwo rutegeka ko DOBUSJES Ltd itemerewe gushyira ku isoko ry'u Rwanda ibyo ibicuruzwa. MININTCO Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza maze ijurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko urukiko rubanza rwanze gutegeka ko ibyo bicuruzwa bifite ikirango cya KANTO Black Hair Dye bisenywa, ntirwayigenera indishyi zikomoka ku gihombo yagize no kuba urukiko ntacyo rwavuze ku itangazwa ry'urubanza mu binyamakuru bisomwa na benshi, anasaba indishyi zo gusiragizwa mu manza ku maherere, iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka.

Habanje hasuzumwa inzitizi yo kutakira ikirego kuberako urega nta bubasha afite bwo kurega ko umuntu runaka yiganye ikirango cye mu gihe atagaragaje ko asanzwe akora akazi k'inganda n'uregwa akaba adakwiye kuregwa kuko atari uruganda ahubwo ari umucuruzi urangura ikintu uko kiri akagisubiza ntacyo ahinduye.

Kuri iyo nzitizi, MININTCO Ltd ivuga ko isanga nta shingiro ifite kuko nka sosiyete y'ubucuruzi (personne morale) yandikishije ikirango cyayo mu Rwanda ifite uburenganzira bwo kurega uwariwe wese wigana icyo kirango, bityo DOBUSJES Ltd ikaba iregwa kuzana ibicuruzwa bifite ibirango by'ibiganano kandi bitera urujijo. Urukiko rwemeje ko iyo nzitizi nta shingiro ifite kuko MININTCO Ltd yari ifite uburenganzira busesuye bwo gukurikirana uwariwe wese wakwigana cyangwa agakoresha icyo kirango binyuranye n'amategeko.

Mu myiregurire ya DOBUSJES ivuga ko ibivugwa na MININTCO ko ibicuruzwa byagombaga gusenywa nta shingiro bifite kuko itegeko ridategeka umucamanza byanze bikunze gutegeka isenywa ry'ibyo bintu (peut ordonner non doit

ordonner), akaba rero yarashishoje asanga ibyo bintu bitagomba gusenywa, ikomeza ivuga ko nta kwigana ikirango cya MININTCO Ltd byabayeho kuko itavanye izo produits za KANTO mu ruganda ahubwo ko yazivanye mu iduka. Ku birebana n'indishyi zerekeranye n'igihombo zasabwe na MININTCO, ivuga ko itazihabwa kuko yagenewe amafaranga mu kirego cyihutirwa kandi ko bene izo ndishyi zisabirwa hamwe n'urubanza mu mizi, ivuga ko ziramutse zitanzwe yaba yishyuye inshuro ebyiri, DOBUSJES isoza nayo isaba indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihombo cy'Avoka.

Incamake y'icyemezo: 1. Sosiye yanditseho ikirango ifite uburenganzira busesuye bwo kurega uwacyiganye cyangwa umucuruzi ufite ikirango gitera urujijo ku gicuruzwa cye. Bityo, MININTCO Ltd ifite uburenganzira busesuye bwo gukurikirana uwariwe wese wakwigana cyangwa agakoresha ikirango cyayo binyuranye n'amategeko.

2. Urukiko ntago rutegetswe byanze bikunze gutegeka ko igicurizwa gifite ikirango cy'ikiganano gisenywa, rushobora ahubwo gutegeka ko gisenywa cyangwa kikavanwa kw'isoko ryo mu gihugu mu bushishozi bwarwo.

3. Indishyi z'igihombo zisabwa n' uwajuriye ntizatanga kuko itabasha kugaragariza urukiko igihombo yaba yaratewe n'ibicuruzwa by'uregwa cyane ko ibyo bicuruzwa bitigeze bishyirwa ku isoko ngo bibe byarayibangamiye mu bucuruzi bwayo.

Ubujurire nta shingiro bufite.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera iby'umutungo bwite mu by'ubwenge, ingingo ya 284.

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 2.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, MININTCO Ltd irega DOBUSJES Ltd isaba ko amakarito yayo ariho ikirango cya "KANTO Black Hair Dye" yasenywa.

[2] Inkomoko y'ikibazo ngo akaba ari ukuba ku wa 10/04/2012 Umwanditsi Mukuru (Registrar General) ashingiye ku itegeko N°11/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge yatanze icyemezo cy'iyandikisha ry'ikirango cyemeza ko ikirango "KANTA BRAND" ari icya MININTCO Ltd.

[3] MININTCO Ltd ikaba yarareze ivuga ko DOBUSJES Ltd yinjije amakarito 99 mu gihugu afite ikirango cya "KANTO BLACK HAIR DYE", aya makarito ngo akaba yarafatiriwe muri gasutamo ngo kuko ibirango biyariho byigana ibya KANTA, ikaba yarareze isaba ko byamburwa nyirabyo bigasenywa kandi ikiguzi cyo kubisenya kikaba icya nyirabyo, haramuka hari

ibyatangiye gushyirwa mu bucuruzi bikavanwamo kuko gukoresha no kwinjiza mu Rwanda ibicuruzwa bya “KANTO BKACK HAIR DYE” byigana ibya KANTA ari igikorwa cy’ipiganwa mu bucuruzi kirimo uburiganya kandi kinyuranyije n’amategeko n’imigirire y’ubunyangamugayo kuko kigana icya kanta ndetse kikanateza urujijo.

[4] Isaba kandi ko nyiri ukubyingiza yamenyesha MININTCO ® Ltd amazina y’abandi bantu n’ibigo by’ubucuruzi n’inganda bifite uruhare mu ikorwa n’ikwirakwiza ry’ibicuruzwa bifite ikirango cya KANTO ndetse inasaba ko yategekwa kwishyura MININTCO ® Ltd indishyi zinyuranye.

[5] DOBUSJES Ltd ikaba yaraburanye ivuga ko ibi bicuruzwa yabiranguriye mu gihugu cy’Ubushinwa (Chine) ko mu kubizana itumvaga ko icyo gicuruzwa gifite ikibazo, ko nyuma yo kugera mu Rwanda yatangajwe nuko ibicuruzwa byayo byafatiriwe na gasutamo ngo kuko byakoreshejwe byiganwe nayo. Ikaba yarasabye kutakira ikirego cya MININTCO Ltd ngo kuko yaba urega n’uregwa nta bubasha bafite mu gihe ikiburanwa ari ukwigana ibihangano by’undi ngo na cyane ko DOBUSJES Ltd nta ruganda igira ngo ibe yarakoze KANTO yigana KANTA.

[6] Urukiko mu guca urubanza rukaba rwaremeje ko inzitizi yatanzwe na DOBUSJES Ltd yo kutakira ikirego nta shingiro ifite, rwemeza ko ikirego cya MININTCO Ltd gifite ishingiro kuri bimwe, rwemeza ko ikirango KANTO kiri k’ubicuruzwa byinjijwe mu Rwanda na DOBUSJES Ltd ari ikirango cy’urwiganwa rw’ikirango KANTA cyanditswe mu Rwanda kuri MININTCO Ltd, rwemeza ko icyo kirango giteza urujijo ndetse ko ariko ibicuruzwa kiriho bitagomba gusenywa. Rukaba rwarategetse ko DOBUSJES Ltd itemerewe kwinjiza mu

bucuruza ku isoko ry'u Rwanda ibicuruzwa biriho ikirango cya KANTO ndetse runayitegeka kwishyura MININTCO Ltd indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka n'amafaranga y'igarama.

[7] MININTCO Ltd ikaba itarishimiye imikirize y'urubanza maze Me Mhayimana Isaie ajurira avuga ko kuba urukiko mu kwanga gutegeka ko amakarito 99 y'amavuta « KANTO Black Hair Dye » asenywa ngo kuko DOBUSJES yayaranguye idafite umugambi mubi wo kubangamira MININTCO (R) Ltd, rwirengagije ibiteganywa n'ingingo za 258 na 284 z'itegeko rirengera umutungo mu by'ubwenge, kuba urukiko rutarahaye MININTCO Ltd indishyi zikomoka ku gihombo yagize kubera ibikorwa binyuranije n'ubunyangamugayo bya DOBUSJES, ko kuba urukiko ntacyo rwigeze ruvuga mu kibazo yari yasabye ko gisuzumwa kijyanye nuko urubanza ruzacibwa kuri iki kirego rutangazwa mu binyamakuru bisomwa na benshi. Asoza asaba indishyi zo gusiragizwa mu manza ku maherere, iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka.

[8] Mu kugira icyo ivuga ku mpamvu z'ubujurire, Kigali Partners in Law ivuga ko nta shingiro zifite ngo nk'uko urukiko rwabyemeje koko DOBUSJES Ltd itumiza igicuruzwa cya KANTO nta mugambi mubisha wo kwangiriza MININTCO LTD yari ifite ku mpamvu z'uko icyo gicuruzwa atari cyo yaranguye gusa ahubwo yakiranguranye n'ibindi. Isoza isaba indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka.

[9] Muri uru rubanza hakaba hagomba gusuzumwa niba urukiko rwaragombaga gutegeka ko amakarito 99 y'amavuta « KANTO Black Hair Dye » asenywa, gusuzuma niba urukiko rwaragombaga gutegeka ko MININTCO Ltd ihabwa indishyi z'igihombo, gusuzuma niba urubanza rwaragombaga

gutangazwa mu binyamakuru bisomwa na benshi, gusuzuma niba indishyi zo gusiragizwa iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka zisabwa na MININTCO Ltd zatangwa no gusuzuma niba zisabwa na DOBUSJES zatangwa.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO

A. Ku birebana no gusuzuma niba urega n'uregwa nta bubasha bafite bwo kurega

[10] Me Mutarindwa Félix na Me Ndagijimana Augustin basobanura ko habanza gusuzumwa inzitizi yatanze mu rukiko rw'ubucuruzi itarakiriwe, aho basanga yaba urega cyangwa uregwa nta bubasha bafite. Uregwa nta bubasha bwo kuregerwa kwigana produit runaka z'abandi mu gihe atari uruganda ahubwo ari umucuruzi urangura uko ikintu kiri akagisubiza ntacyo ahinduyeho. Urega nawe ntiyabasha kurega umuntu ko yigana produit runaka ze mu gihe atagaragaje ko asanzwe akora akazi k'inganda cyangwa ngo abe yafashwe agakora ariko bitari bisanzwe bizwi.

[11] Me Mhayimana Isaie asobanura ko iyi nzitizi nta shingiro ifite kubera ko ububasha bwa MININTCO Ltd ku kirego cyo kwigana igicuruzwa cyayo cya KANTA ibufite kubera ko ari sosiyeti y'ubucuruzi (personne morale), iregera kuvogerwa mu burenganzira bwayo nka sosiyeti yandikishije ikirango cyayo mu Rwanda, aho kigomba kurindwa nyamara DOBUSJES Ltd ikaba ngo yarabirenzeho ikakigana. DOBUSJES Ltd ikaba iregwa kwigana icyo kirango KANTA, aho yagiye kubikorera mu Bushinwa, ikazana ibicuruzwa yita KANTO byigana ndetse iby'ikirango KANTA ikanabifatanwa, nubw bikaba bifatiriye muri gasutamo. Bityo bikaba bitumvikana ukuntu DOBUSJES

Ltd yavugaga ko nta bubasha MININTCO Ltd ifite bwo kuregera ibyayo DOBUSJES ihungabanya mu buryo bunyuranije n'amategeko nkuko urukiko rw'ubucuruzi rwabyemeje.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Ingingo ya 2 y'itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ko "ikirego nticyemerwa mu rukiko iyo urega adafite ububasha, inyungu n'ubushobozi bwo kurega. Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyingingo bireba n'amashyirahamwe, imiryango n'ibigo bidafite ubuzima gatozi kuko bidashobora kurega, bitabujijwe ariko ko bishobora kuregwa"

[13] Urukiko rusanga ibivugwa n'ababuranira DOBUSJES Ltd ko ikirego kitagombaga kwakirwa ngo kuko yaba urega cyangwa uregwa nta bubasha bafite bwo kurega ngo na cyane ko kuregerwa kwigana *produit* runaka z'abandi mu gihe atari uruganda ahubwo ari umucuruzi urangura, bitahabwa ishingiro kuko kuba MININTCO atari uruganda rukora KANTA bitayibuza nka sosiyete yanditsweho ikirango cya KANTA kugira inyungu, ububasha n'ubushobozi buteganywa n'ingingo ya 2 y'itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, bityo ikaba ifite uburenganzira busesuye bwo gukurikirana uwariwe wese wakwigana cyangwa agakoresha icyo kirango binyuranye n'amategeko.

[14] Urukiko rusanga kuba DOBUSJES Ltd atari uruganda rukora KANTA bitayibuza kuregwa kuko icyo iregwa ari ukwigana no gucuruza ikirango gitera urujijjo cya KANTO Black Hair Dye, kugira DOBUSJES Ltd iregwe bikaba bitagombera ko

iba ariyo ikora icyo gicuruzwa gitera urujijo na cyane ko mubyo iregwa harimo gucuruza no gukwirakwiza icyo gicuruzwa.

B. Ku birebana no gusuzuma niba urukiko rwagombaga gutegeka ko amakarito 99 y'amavuta « KANTO Black Hair Dye » asenywa.

[15] Me Mpayimana Isaie asobanura ko umucamanza yanyuranyije n'amategeko mu kutemeza ko amakarito avugwa asenywa. Ikindi umucamanza akaba ngo yarizaniye notion ya bonne et mauvaise foi kandi itegeko rihari, ikindi Murekatete uhagarariye DOBUSJOS Ltd ataribwo bwa mbere yari akoze ibi bikorwa, kuko yari yaranabikoze n'ubundi.

[16] Akomeza asobanura ko MININTCO Ltd ntiyishimiye icyemezo kigaragara mu gace ka 47 k'urubanza rujurirwa n'ibisobanuro bigaragara mu gace ka 29 karwo ku byerekeye kwanga ko amakarito 99 y'amavuta ya « KANTO Black Hair Dye » yafatiriwe muri Gasutamo asenywa, kuva Urukiko narwo rwari rwemeje ko ibyo bicuruzwa ari ibyiganano kandi bitera urujijo, bikaba bisanzwe byaranafatiriwe muri Gasutamo mu rwego rwo kubibuza kwinjira ku isoko ry'u Rwanda ntibyumvikana ukuntu urukiko ruhita rwivuguruza, rukemera ko DOBUSJES yahabwa ibyo bicuruzwa, ndetse ikemererwa ngo kujya kubicuruza hanze y'u Rwanda. Ntibyumvikana ukuntu urukiko rwirengagije ibimenyetso by'umugambi mubi rwagaragarijwe ku byerekeye ukuntu DOBUSJES n'umuyobozi wayo Murekatete Fabiola basanzwe bishobora mu bikorwa byo kwinjiza mu Rwanda amavuta yigana aya KANTA, rukanirengagiza ibiteganyijwe mu mategeko aho ingingo ya 5.1 na 258 ndetse na 284 za *Loi sur propriété intellectuelle* zisobanura zikanagena ibihano ku bikorwa by'ipiganwa birimo uburiganya, maze rugahindukira rukemeza ko DOBUSJES nta

mugambi mubi yari ifite yinjiza mu Rwanda KANTO yigana kandi itera urujijo. Dore bimwe mu bimenyetso byirengagijwe byerekana umugambi mubi wa DOBUSJES. Mu myiregurire yayo iburana, DOSUBJES ntiyigeze ihakana iby'uwo mugambi mubi, ahubwo yavugaga ko idashaka ko MININTCO Ltd ikomeza kwiharira isoko ry'ayo mavuta (monopole), reba uko ibisobanura mu gace ka 20 k'urubanza. Hari amagambo bwite Murekatete Fabiola, uyobora DOBUSJES ubwe yanditse ku ibaruwa yo ku wa 11/07/2012 MININTCO Ltd yandikiye DOBUSJES Ltd iyihanangiriza ngo ihagarike gucuruza KANTA z'inyiganano. icyo gihe DOBUSJES Ltd yemeye ko yari izifite ngo ariko nkeya, ngo yahabwaga n'abantu itari izi aho bazikura. Muri Chine, nta mavuta ya KANTA ahakorerwa. KANTA ni amavuta akorerwa muri India ariko agacuruzwa muri Afrika gusa. Nta mpamvu rero abo muri China bakwiha gukora ibicupuri batabasha gucuruza iwabo. Ahubwo ukuri, ni ibanga rizwi na bose (secret de polichinelle) ko abacuruzi bo muri Afrika (barimo DOBUSJES Ltd) aribo bajya gukoresha muri Chine bene ayo mavuta y'ibicupuri(ibyiganano/counterfeit) kubera ko badashobora kwemererwa kurangura KANTA Original muri India. Iyo rero DOBUSJES Ltd igiye gukoresha ibicupuri bya KANTO muri Chine, yitwaje KANTA Original ngo barebereho, hanyuma abachinois bakabakorera ibyo byiganano bakabizana kubicuruza ari nabyo yafatanywe. Byakumvikana bite rero ko none nyuma y'imyaka itanu (2012-2017) DOBUSJES yihanangirijwe ko igomba kureka ibikorwa bibi byayo byo gutumiza hanze no gucuruza amavuta yigana KANTA HAIR DYE, urukiko rutinyuka rukemeza ko nta mugambi mubi DOBUSJES ifite wo kuba ariyo iri gukura ibyo bicuruzwa muri Chine, ikabyinjiza mu Rwanda! (Reba ibaruwa yo ku wa 11/7/2012 MININTCO Ltd yandikiye DOBUSJES Ltd isaba

guhagarika gucuruza KANTA y'inyiganano nayo ikemera ko izicuruza) cyandikishijwe mu Rwanda.

[17] icyemezo RW-M100000413 cyo ku wa 10/04/2012 cyo kwandikisha ikirango, ingingo ya 284 y'itegeko rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge n'urukiko rwashingiyeho mu gace ka 28 k'urubanza, igaragaza ko "iyi ibicuruzwa byinjijwe mu gihugu ari ibyiganano, cyangwa bibangamiye ku buryo bugaragara uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka ko bisenywa kandi ko bikurwa ku isoko ry'u Rwanda kugirango uburenganzira bwa nyir'umutungo bwite mu by'ubwenge butabangamirwa». Naho iya 280 yaryo ikagaragaza ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka hagamijwe gukumira iyinjizwa ry'ibicuruzwa bibangamiye uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge butangwa mu Rwanda byafatwa n'inkiko zibifitiye ububasha. Izi ngingo zombi ziruzuzanya, ntabwo imwe ivanaho indi. Ahubwo Urukiko rubanza rwagombye kuba rwariboneye ko ibicuruzwa bya DOBUSJES Ltd byafatiriwe biramutse birekuriwe DOBUSJES Ltd mu gihugu cy'u Rwanda aho ikirango cya KANTA cyandikishijwe kigomba kurengerwa, ibyo MININTCO Ltd yaregeye byose byaba bibaye imfabusa, mu gihe n'ubundi DOBUSJES Ltd yaba yongeye guhabwa umwanya wo gukomeza mu bikorwa byayo bibi yagize akamenyero, ifatira ntacyo ryaba rimaze mu gihe urukiko rusanze ibikorwa by'iyigana no gutera urujijo byarakozwe, maze DOBUSJES Ltd aho kubihanirwa, ahubwo ikabwirwa gusa ngo ntizabishyire ku isoko ryo mu Rwanda kuko ishobora no kubicuruzwa rwihishwa kuko yabihawe contrôle, ko atabicuruzwa ntiyakunda. Bityo, MININTCO (R) ikurikije ibivugwa muri izi ngingo z'amategeko urukiko rubanza rwagaragaje kandi nayo yemera, isanga icyemezo cyagombaga

gufatwa kuri ariya makarito 99 ya Kanto yafatiriwe muri Gasutamo, ari ugusenywa, kandi amafanga agiye kuri icyo gikorwa agatangwa na DOBUSJES nkuko n'ubundi inkiko zagiye zibyemeza ku manza zisa n'uru zabaye itegeko.

[18] Me Mutarindwa Félix na Me Ndagijimana Augustin basobanura ko ibivugwa na Me Mhayimana Isaie nta shingiro bifite ngo kuko itegeko barivugira ibyo ritavuze kuko itegeko ridadegeka umucamanza byanze bikunze gutegeka isenywa ry'ibyo bintu (peut ordonner non doit ordonner), akaba rero yarashishoje asanga ibyo bintu bitagomba gusenywa. Ku kibazo cya *bonne ou mauvaise foi* umukiliya wabo yaranguye atagambiriye guhombya MININTCOLtd, ikindi umucamanza akaba yarakoze ibyo yemerewe n'amategeko. Na none basobanura ko mugutumiza biriya bicuruzwa umukiliya wabo yaranguye produits nyinshi iriya KANTO ikaba aribwo bwa mbere yari iyizanye. Gushingira ku ibaruwa yo mu mwaka wa 2012, ngo sibyo kuko icyo gihe DOMUSJOS itajyaga kurangura hanze ahubwo yaranguraga mu gihugu, iyo barwa ngo ikaba yarandikiwe abacurzi benshi, ko kandi icyo gihe umukiliya wabo mu gusubiza yaberetse ko ari KANTA ko kandi atariyo iburanwa uyu munsu. Bavuga ko ikimenyetso bazana cya KANTO ngo bakaba batayemera kuko idasa nizafatiriwe. Ko yakabaye agaragaza ikimenyetso cy'uko *carton* ari kwerekana ari iyo yakuye muzafatiriwe muri gasutamo.

[19] Bakomeza basobanura ko nkuko urukiko rwabyemeje koko DOBUSJES Ltd itumiza igicuruzwa cya KANTO nta mugambi mubisha wo kwangiriza MININTCO LTD yari ifite ku mpamvu z'uko icyo gicuruzwa atari cyo yaranguye gusa ahubwo yakiranguranye n'ibindi bicuruzwa bigera kuri 16 kandi izivana

mu iduka rimwe ryitwa YIWU CHENMIN IMPORT&EXORT CO Ltd risanzwe rirangurwaho n’abantu benshi.

[20] Ku bijyanye no kuvuga ko habayeho kwigana ikirango cya MININTCO LTD ibyo ngo sibyo kuko DOBUSJES Ltd ntiyavanye iyo produit mu ruganda ahubwo ni mu iduka. Iryo duka naryo rikaba ngo ryarazivanye muri WENLING JINGHUI COSMETIC CO, LTD nk’uko ibimenyetso biri ku mugereka byerekana aho byaranguwe.

[21] Ku bijyanye n’imanza zavuzwe na MININTCO urukiko rwagenderaho ngo basanga zidahuye n’uruburanwa ngo kuko iyo uzisomye usanga ibiburanwa atari bimwe ndetse n’abaregwa bemera ko ibyo bavanye hanze ari KANTA kandi bihuje amazina na KANTA ya MININTCO Ltd mu gihe bo ibicuruzwa byabo byatumijwe bidahuje amazina ndetse zikaba zitarakoreshejwe ahubwo zaranguwe mu iduka rizwi.

[22] Basozu bavugaga ko mu ibaruwa ivugwa na MININTCO yo muri 2012 havuzwe abantu batumiza ibicuruzwa bagateraho ikirango cya KANTA. Muri icyo gihe DOBUSJES nta bintu yatumizaga hanze yewe n’ibyo yavuze kuri iriya baruwa ngo ni ikarito zaje iwe zanditseho KANTA ntabwo ari produit ziburanwa ubu zitwa HAIR DYE.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[23] Ingingo ya 284 y’Itegeko N°31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamiye kurengera iby’umutungo bwite mu by’ubwenge iteganya ko iyo ibicuruzwa byinjijye mu gihugu ari ibyiganano, cyangwa bibangamiye ku buryo bugaragara uburenganzira ku mutungo bwite mu by’ubwenge, urukiko

rubifitiye ububasha rushobora gutegeka ko bisenywa kandi ko bikurwa ku isoko ry'u Rwanda, kugira ngo uburenganzira bwa nyir'umutungo bwite butabangamirwa“

[24] Urukiko rusanga ikibazo nyamukuru kigomba gusuzumwa ari ukumenya niba amakarito 99 y'amavuta ya KANTO Black Hair Dye agomba gusenya kuko aricyo cyajuririwe kikanaburanishwa mu bujurire, ibyo kuba ari ibicuruzwa by'ibyiganano bikaba bitarajuririwe.

[25] Urukiko rusanga nk'uko byemejwe n'umucamanza wa mbere mu gika cya 27 cy'urubanza rujuririrwa ko igicuruzwa cya KANTO Black Hair Dye ari ikiganano kandi gitera urujijo ku gicuruzwa cya KANTA ndetse akanategeka ko kitagomba gucuruzwa mu Rwanda ariko agategeka ko na none kidasenywa, akaba nta makosa yakoze kuko ingingo ya 284 y'itegeko N° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryavuzwe haruguru itavuga ko umucamanza ategetswe gutegeka ko bene ibyo bicuruzwa bisenywa, ahubwo iteganya ko ashobora gutegeka ko bisenywa;

[26] Urukiko rusanga ibisabwa n'ababuranira MININTCO Ltd ko amakarito 99 yavuzwe haruguru yasenywa bitahabwa ishingiro kuko nk'uko byasobanuwe n'umucamanza wa mbere, kuba nyiri kubigura atariwe wakoze ikirango KANTO Black Hair Dye, ahubwo yakiranguye nk'urangura ibindi bicuruzwa byose, kuba kandi mu kukinjiza mu Rwanda ntakigaragaza ko yari afite umugambi wo kubangamira MININTCO Ltd, uru rukiko narwo rusanga gutegeka DOBUSJES Ltd gusenya ibyo bicuruzwa nk'umucuruzi nayo byayitera igihombo kidasubirwaho, ahubwo nk'uko byemejwe n'umucamanza wa mbere, ikaba itemerewe kubicururiza k'ubutaka bw'u Rwanda, bivuga ko igomba gushaka ahandi itwara ibicuruzwa byayo bikavanwa k'ubutaka bw'u Rwanda.

C. Ku birebana no gusuzuma niba urubanza rwaragombaga gutangazwa mu binyamakuru bisomwa na benshi

[27] Me Mhayimana Isaie asobanura MININTCO Ltd mubyo yari yasabye mu rukiko rubanza, harimo ko rwategeka DOBUSJES Ltd ko urubanza ruzacibwa kuri iki kirego rutangazwa mu binyamakuru bisomwa na benshi mu Rwanda nka Imvaho Nshya, the new times, igihe.com kandi bikishyurwa na DOBUSJES mu gihe rwasanga ibikorwa by'ipiganwa mu bucuruzi birimo uburiganya bihama DOBUSJES Ltd, nyamara ntacyo urwo rukiko rwigeze rubivugaho. Akaba ariyo mpamvu asaba ko uru rukiko rubitegeka.

[28] Me Mutarindwa Félix asobanura ko rutangazwa mu binyamakuru bisomwa cyane ubifitemo inyungu ariwe wabikora kandi ko bitabujijwe n'amategeko.

[29] Me Ndagijimana asobanura ko nubundi iyo urubanza ruciwe ruba rwabaye publique, iyo publicité ngo akaba atakabaye abisaba urukiko ngo ikizava mu rubanza nikiramuka kimushimishije yazabyikorera.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[30] Urukiko rusanga ibisabwa n'ababuranira MININTCO ® Ltd ko urubanza rwaragombaga gutangazwa mu binyamakuru bisomwa na benshi bitahabwa ishingiro kuko byonyine kuba DOBUSJES yategetswe kudacururiza ibyo bicuruzwa ku butaka bw'u Rwanda ndetse akaba nta n'ibindi bicuruzwa nk'ibyo MININTCO Ltd yaba igaragaza ko DOBUSJES yaba yarabishyize ku isoko ngo itangazwa ry'urubanza ribe ariryo kwereka abantu ko ibyo bicuruzwa bitemewe, akaba nta mpamvu

yari gutuma umucamanza yemeza itangazwa ry'urubanza mu binyamakuru, ariko MININTCO ® Ltd iramutse ibishaka ikaba yakwitangariza urwo rubanza mu binyamakuru na cyane ko ariyo bifitiye inyungu.

D. Ku birebana no gusuzuma niba urukiko rwaragombaga gutegeka ko MININTCO ® Ltd ihabwa indishyi z'igihombo

[31] Me Mhayimana Isaie asobanura ko MININTCO Ltd ntiyahawe indishyi ku rubanza ku kirego cyihutirwa (référé) RCOM 00654/2017/TC/Nyge nkaho hari ikosa yakoze ndetse yimwe n'indishyi z'igihombo yatewe n'ibikorwa bya DOBUSJES Ltd byabangamiye imikorere yayo bijyanye n'iyigana no gutera urujijo mu baguzi yakoze kandi yahamijwe. MININTCO ® Ltd imaze kubona ko urubanza RCOM0149/2017/TC/Nyge rwahawe itariki ya kure 06/04/2017 kandi ukurikije uko amategeko ateye kuri ibyo birego bisaba ubwihutire kuko ibicuruzwa byari byafatiriwe kuri gasutamo bitagombaga kurenza iminsi icumi yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi isaba itariki ya vuba yo kuburanisha urwo rubanza (reba amabaruwa yoherejwe kuri IECMS) ntiyasubijwe, ari nayo mpamvu yatanze ikirego cyihutirwa kigamije ifatira ry'amakarito 99 yari muri gasutamo, mu rubanza RCOM 0311/2017/TC/Nyge, urukiko rwemeza ifatira ryayo makarito mu gihe cy'iminsi 20 y'akazi, irangiye kuko urubanza rw'iremezo rwari rutaraburanishwa itanga ikindi kirego ishingiyeye na none ku ngingo ya 277 y'itegeko ryerekeye kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge gihabwa RCOM 00654/2017/TC/Nyge.

[32] MININTCO ® Ltd isaba guhabwa indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka ndetse n'igarama yatanze kuri urwo rubanza zingana na 1,000,000 Frw no guhabwa

indishyi kubera ibikorwa bya DOBUSJES Ltd binyuranye n'ubunyangamugayo by'iyigana kandi bitera urujijo ikorera MININTCO ® Ltd zingana na 5,000,000 Frw zigatangwa kandi hashingiwe ku gihombo yatejwe na DOBUSJES Ltd iyirukansa mu nkiko ikayivutsa inyungu. Aha urukiko mu kuzigena rukanagendera ku makarito 99 yafatiriwe, noneho buri karito ibamo udukarito 24, natwo kamwe kabamo uducupa twa kanto 12, habariwe ko nibura buri gacupa kagura amafranga magana abiri (200 Frw) uwo mubare ni nawo uba mu twa KANTA byumvikane ko igihombo MININTCO ® Ltd ifite igiterwa n'ibyo byiganano byinjizwa na DOBUSJES Ltd kuko ahari kwinjira KANTA nyayo ubu noneho ni KANTO yinjizwa, inyungu zayo ikaba izivutswa yagombye kuzinjiza.

[33] Ababuranira uregwa basobanura ko izo ndishyi zitagomba gutangwa ngo kuko kuba baratanze ibirego byihutirwa bagenewe amafaranga, ko kandi bene izo ndishyi zisabirwa hamwe n'urubanza mu mizi, ibyo basaba rero bakaba bagamije kwishyurwa inshuro ebyiri ko kandi batazihabwa ngo kuko batsinzwe ikirego cyihutirwa.

[34] Bakomeza bavuga ko ahubwo DOBUSJES Ltd ikaba ariyo yari guhabwa indishyi kuri icyo kirego nubwo itazihawe yewe no mu mizi ntizihabwe. Ku bijyanye n'indishyi zikomoka ku kirango gitera urujijo nazo nta shingiro zahabwa kuko uwareze ntiyabashije kugaragaza ko igikorwa cyabaye cyari kigamije kwangiriza MININTCO Ltd.

[35] Ku birebana n'igihombo avuga ko zitagomba gutangwa ngo kuko itagaragaza igihombo yaba yaragize. Ko kandi niba ari indishyi nabwo zitatangwa (une personne morale) nta ndishyi igomba guhabwa.

[36] Me Ndagijimana Augustin asobanura ko ku ndishyi z'ibirego byihutirwa, ko nizo bahawe batagombaga kuzihabwa ngo kuko bene izo ndishyi zitangwa mu rubanza rw'iremezo. Avuga ko kuba ibirego byarabaye byinshi ari ku mpamvu za MININTCO ® Ltd ngo kuko ariyo yahoraga isaba kongera igihe cyo gufatira ibyo bicuruzwa.

[37] Akomeza avuga ko MININTCO ® Ltd imaze igihe kigera ku myaka 5 itazana KANTA ngo kubera imisoro yaciwe, ngo bikaba bitumvikana ukuntu umuntu yabuza abantu kuzana ibyo bicuruzwa kandi itazana ibyo bicuruzwa, harebwa itegeko rya *protection du consommateur*. Ikindi izi *produits* ngo zikaba zifite ubuziranenge nk'uko byagaragarijwe ibimenyetso.

[38] Ku kibazo cyo kumenya niba hari indishyi zatanzwe muri *référé* basubiza ko zatanzwe, ariko hagaragajwe urubanza RCOMA 00162/2017/CHC/HCC rwasibye ubujurire bwabo arinarwo rwatanzwemo indishyi zishingiwe ku mabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[39] Ingingo ya 320, igika cya 4 y'itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu iteganya ko "indishyi n'ibindi bijyanye n'amafaranga umuburanyi yakoresheje mu rubanza ku kirego cyihutirwa biregerwa hamwe n'ikirego cy'iremezo".

[40] Urukiko rusanga indishyi z'igihombo zisabwa na MININTCO ® Ltd zitagomba gutangwa kuko itabasha kugaragariza urukiko igihombo yaba yaratewe n'ibicuruzwa bya

DOBUSJES Ltd na cyane ko ibyo bicuruzwa bitigeze bishyirwa ku isoko ngo bibe byarabangamiye MININTCO ® Ltd mu bucuruzi bwayo.

[41] Urukiko rusanga indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka zisabwa ku birego byihutirwa RCOM 00311/2017/TC/NYGE na RCOM 00654/2017/TC/Nyge nta shingiro zifite kuko nko k'urubanza RCOM 00311/2017/TC/NYGE izo ndishyi zatanzwe mu rubanza rw'iremezo ruri kujururirwa uyu munsu nk'uko bigaragara mu gika cya 37 na 49 by'urwo rubanza.

[42] Ku kirego RCOM 00654/2017/TC/Nyge izo ndishyi zikaba zitarigeze zisabwa k'urwego rwa mbere ndetse zikaba zitagomba gutangwa kuko nta kimenyetso uzisaba agaragaza ko icyo kirego cyihutirwa cyanabayeho koko.

E. Ku birebana no gusuzuma niba indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka zisabwa na MININTCO ® Ltd zatangwa.

[43] Me Mhayimana Isaie asobanura ko MININTCO ® Ltd isaba indishyi zo gusiragizwa mu manza ku maherere, iz'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka za 1.000.000 Frw kubera ko ibikorwa bya DOBUSJES Ltd binyuranije n'amategeko byatumye ijya mu manza, ishaka abavoka kandi ibyo byose bitakagombye.

[44] KIGALI PARTNERS IN LAW isobanura ko izo ndishyi isaba ntiyazihabwa ahubwo n'izo yahawe yazakwa kuko zidakurikije amategeko. Ikindi kandi MININTCO ® Ltd niyo yishora mu manza ku bushake.

UKO URUKIKO RUBIBANA

[45] Urukiko rusanga izi ndishyi zitagomba gutangwa kuko uzisaba urubanza rumutsinda.

F. Ku birebana no gusuzuma niba indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihemb cya avoka zisabwa na na DOBUSJES zatangwa

[46] Ababuranira DOBUSJES Ltd basobanura ko kuva aho MININTCO ® Ltd itangiriye kurega DOBUSJES imaze kuyitumiza mu manza zirenga 5 kandi muri icyo gihe cyose yoherezaga avoka agakora ikagira n'ibindi itakaza, ngo akaba ariyo mpamvu isabye mu bushishozi bw'urukiko ko yakwishyurwa amafaranga 2,000,000.

[47] Me Mhayimana Isaie asobanura ko MININTCO ® LTD isanga izo ndishyi nta shingiro zifite kubera ko kuza mu manza byatewe n'ibikorwa bya DOBUSJES Ltd yishoyemo byo kwinjiza mu gihugu ibicuruzwa byigana igicuruzwa cya KANTA cyandikishijwe mu Rwanda. Ikaba rero idakwiye kwaka indishyi kuko kuza mu nkiko kwayo niyo yabigizemo uruhare kuko MININTCO ® Ltd yagombaga guharanira uburenganzira bwayo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[48] Ingingo ya 258 y'itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryerekeye urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano, igitabo cya gatatu ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano iteganya ko "igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse."

[49] Urukiko rusanga indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka zisabwa na DOBUSJES Ltd zifite ishingiro kandi zikaba zigomba hashingiwe ku ngingo ya 258 y'itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 ryavuzwe haruguru, kuko kuba MININTCO ®Ltd nyuma yo gutsinda urubanza ku rwego rwa mbere yarajuriye bigatuma DOBUSJES Ltd igira ibyo itakaza mu kuza kuburana urubanza mu bujurire, kuba nk'uko byasobanuwe mu rubanza ibyo yajuririye nta shingiro bifite, igihombo yateje DOBUSJES Ltd ikaba igomba kukirengera, ariyo mpamvu igomba kuyishyura amafaranga 700,000 akubiyemo ay'igihembo cya Avoka n'igikurikiranarubanza agenwe mu bushishozi bw'urukiko kuko ayasabwaga ari umurengera.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[50] Rwemeye kwakira ubujurire bwa MININTCO Ltd kuko bwatanzwe bikurikije amategeko, ariko rubusuzumye rusanga nta shingiro bufite.

[51] Rwemeje ko nta gihindutse ku mikirize y'urubanza RCOM 00149/2017/TC/NYGE.

[52] Rutegetse MININTCO Ltd kwishyura DOBUSJES Ltd amafaranga 700,000 y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya avoka mu bujurire.

[53] Rutegetse ko ibicuruzwa bya DOBUSJES Ltd bifite ikirango KANTO Black Hair Dye bitemewe gucururizwa k'ubutaka bw'u Rwanda, ko gasutamo ibiyiha igashaka ahandi ibijyana hatari mu Rwanda.

[54] Rutegetse ko amafaranga 75.000 MININTCOLtd yatanze ijurira aherera ku isanduku ya Leta.

URUBANZA RW'UBUTEGETSI

UMUJYI WA KIGALI v NDAKENGGERWA GASANA

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA –
RS/REV/INJUST/RAD00005/2018/SC – (Kayitesi Z, P.J.,
Mutashya na Cyanzaire J.) 15Werurwe 2019]

Amategeko agenga imanza z'ubutegetsi – Ibihano mu rwego rw'akazi – Uburyozwe bw'icyaha – Kuba Ubushinjacyaha bushyinguye dosiye bwari bukurikiranyeho umukozi mu rwego rw'inshinjabyaha ntibikuraho kuba yahanwa mu rwego rw'akazi.

Amategeko agenga imanza z'ubutegetsi – Ikosa rikomeye – Impamvu yongera uburemere bw'ikosa – Kuba umukozi wakoze ikosa ari umuyobozi ukuriye abandi, wagombye kubabera urugero mu kwirinda ibikorwa byose bishobora gusebya umukoresha we, ni impamvu yongera uburemere bw'ikosa.

Incamake y'ikibazo: Ndakengerwa wari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Mujyi wa Kigali hamwe n'umushoferi we bakurikiranywe n'Ubushinjacyaha ku cyaha cyo gushimuta n'ukwambura bakoresheje kiboko uwitwa Twahirwa, ibyo bikaba byarakozwe bamukingirana mu modoka, bakamujyana kumufungira mu Kigo cya “Kigali Rehabilitation Transit Center” i Gikondo, kubera ibibazo bwite bari bafitanye ariko bageze muri icyo Kigo, abahakora banze kumufunga kubera ko bafungiramo abazanywe na Polisi. Nyuma Ubushinjacyaha bwaje gusanga atari ngombwa gukomeza gukurikirana iyi dosiye burayishyiringura.

Umujyi wa Kigali wamusabye kwisobanura ku makosa yakoze yitwaje akazi akora, ku makosa yo gusiba akazi nta ruhushya no

kuba atarubahirije amabwiriza y'imyubakire kandi ari Umukozi ushinze kurwanya imyubakire y'akajagari, ibisobanuro yatanze ntibyanguze Umujyi wa Kigali, nyuma yo kugisha inama Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo Umujyi wa Kigali wamwirukanye burundu ku kazi kubera amakosa akomeye.

Yaje gutakambira Komisiyo y'Abakozi ba Leta, ariko imisubiza ko atarenganye, nyuma yaho yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye, asaba ko icyo cyemezo cyavanwaho kuko yirukanywe mu buryo budakurikije amategeko, asaba n'indishyi zinyuranye. Urwo Urukiko rwemeje ko ikirego cye gifite ishingiro kuri bimwe, rutegeka Umujyi wa Kigali kumuha indishyi zo kwirukanwa binyuranyije n'amategeko n'amafaranga y'igihembo cy'Avoka

Ababuranyi bombi ntibanyuzwe maze bajuririra Urukiko Rukuru, Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa Ndakengerwa bufite ishingiro kuri bimwe, ko ubujurire bw'Umujyi wa Kigali nta shingiro bufite, ko icyemezo cyo kwirukana Ndakengerwa kivanyweho, rutegeka Leta y'u Rwanda kumuha imishahara atishyuwe no kumusubiza mu kazi byaba bidashobotse ikamuha indishyi.

Umujyi wa Kigali wandikiye Urwego rw'Umuvunyi usaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, nyuma yugusuzuma ikibazo cy'Umujyi wa Kigali, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rusaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, nawe ashingiye kuri raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, yemeza ko urubanza rusubirwamo. Urukiko rwabanje gusuzuma niba amakosa yashingiweho yirukanwa amuhama; mu gihe yaba amuhama, hagasuzumwa niba igihano yahawe aricyo cyari gikwiye no kuba cyaba cyaratanzwe mu nzira zikurikije amategeko.

Ku birebana nu kumenya niba ahamwa n'amakosa yashingiweho yirukanwa, Umujyi wa Kigali uvuga ko kuba atarahamwe n'icyaha yari akurikiranyweho, Ubushinjacyaha bugashyingura dosiye, bitavanaho kuba yarakoze ikosa mu rwego rw'akazi yagombaga gukurikiranwaho kandi ikosa yari akurikiranyweho ari ugutwara umuntu ku bw'urugomo hakaba hari n'ibimenyetso bidashidikanywaho.

Ku bijyanye n'ikosa ryo kubaka mu kajagari, Umujyi wa Kigali uvuga ko nk'Umuyobozi wari ushinze kurwanya akajagari, nawe yagateje nk'uko komisiyo yasuye aho yubakaga yabyemeje, nyuma yo gusanga yarubatswe indi nzu nyuma yo guhabwa ingurane.

Mu kwiregura kwe, Ndakengerwa avuga ko ibyo Umujyi wa Kigali uvuga ko ari amakosa ataribyo ndetse n'Akanama gashinzwe imyitwarire kabisesenguye kagasanga atari amakosa, kagategeka ko asubira mu kazi kandi ko icyo yari akurikiranyweho atari ukugerageza gufungira abantu mu Kigo mu nyungu ze bwite, ko ahubwo ari ikibazo cy'amasezerano y'abantu babiri, ko kandi abo bantu bishyuranye kuri Polisi dosiye igahita isozwa. Avuga ko n'iyi byaba ari icyaha atariwe wagombaga kubihanirwa, akaba ariyo mpamvu yarekuwe n'Ubushinjacyaha n'ibye byari byarafatiriwe akabihabwa. Naho ku bijyanye no kuba yarubatswe mu kajagari avuga ko nta nyubako yigeze yubaka mu buryo bw'akajagari nyuma y'uko amaze guhabwa ingurane kandi ko n'umukozi ushinze iterambere mu Mujyi wa Kigali yahasuye akemeza ko nta nzu yubatswe nyuma yo guhabwa ingurane.

Incamake y'icyemezo: 1. Kuba Ubushinjacyaha bushyinguye dosiye bwari bukurikiranyeho umukozi mu rwego rw'inshinjabyaha ntibikuraho kuba yahanwa mu rwego rw'akazi.

2. Umukozi ufata umuntu udafite icyaha aregwa n'inzego zibishinzwe, yitwaje akazi akora agashaka kumufungisha (detention) ni ikosa rikomeye mu rwego rw'akazi.
3. Kuba umukozi wakoze ikosa ari umuyobozi ukuriye abandi, wagombye kubabera urugero mu kwirinda ibikorwa byose bishobora gusebya umukoresha we, ni impamvu yongera uburemere bw'ikosa.

**Ndakengerwa Gasana Aimable yirukanywe mu buryo
bukurikije amategeko;
Imikirize y'urubanza RADA00023/2017/HC/KIG-
RADA00027/2017/HC/KIG rugakosorwa n'urubanza
RS/RECT/RAD 00003/2017/HC/KIG, ihindutse kuri
byose;
Amagarama aherereye ku Isanduku ya Leta.**

Amategeko yashingiweho:

- Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003
ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 13 n'ya 29
- Itegeko Ngenga N°11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rihindura
kandi ryuzuza itegeko ngenga N°61/2008 ryo ku wa
10/09/2008 rigenga imyitwarire y'abayobozi mu nzego
za Leta, ingingo ya 2 n'ya 3
- Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha
bw'inkiko, ingingo ya 64
- Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 4/3/2014 rigena uburyo
bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta, ingingo ya 5, ya
7, n'ya 12
- Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati
Rusange y'Abakozi ba Leta, ingingo ya 3, 76, 78, 80, 81,
n'ya 98.

Nta manza zifashishijwe.

Ibitekerezo bya bahanga:

Georges Dupuis, Marie-Josée Guédon, Patrice Chretien, Droit
Administratif, 10 éme Edition, Sirey, 2007

Urubanza

I.IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ndakengerwa Gasana Aimable yari Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage mu Mujyi wa Kigali. Yakurikiranywe n'Ubushinjacyaha hamwe na Nsengiyumva Gilbert wari umushoferi, ku cyaha cyo gushimuta Twahirwa Oswald no kumwambura ibye bakoresheje kiboko, kikaba cyarakozwe bamukingirana mu modoka, bakamujyana kumufungira mu Kigo cya "Kigali Rehabilitation Transit Center" i Gikondo, kubera ibibazo bwite bari bafitanye. Dosiye igaragaza ko bageze muri icyo Kigo, abakozi banze kumufunga kubera ko bafungiramo abazanywe na Polisi. Ubushinjacyaha bwaje gusanga atari ngombwa gukomeza gukurikirana iyo dosiye buyishyingura ku wa 17/12/2015.

[2] Ndakengerwa Gasana Aimable yasabwe n'Umujyi wa Kigali kwisobanura ku makosa yakoze yitwaje akazi akora, ku makosa yo gusiba akazi nta ruhushya kuva ku itariki ya 04 kugeza ku ya 11/09/2015, no kuba atarubahirije amabwiriza y'imyubakire ngo kuko yubatswe mu kibanza N° 385 kiri ahantu hatemewe kubakwa, akabikora kandi ari Umukozi w'Umujyi wa Kigali ushinzwe kurwanya imyubakire y'akajagari. Ibisobanuro Ndakengerwa Gasana Aimable yatanze ntibyanuyuze Umujyi wa

Kigali, umuhagarika ku kazi by'agateganyo nyuma yo kugisha inama Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano (MIFOTRA), igatanga inama yo kumwirukana burundu kubera amakosa akomeye.

[3] Ku wa 29/01/2016, Umujyi wa Kigali wamwirukanye burundu ku kazi kubera amakosa akomeye, atakambira Komisiyo y'Abakozi ba Leta, iyi Komisiyo nayo imusubiza ko atarenganyijwe, ko yahawe igihano gikwiye. Ndakengerwa Gasana Aimable yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, asaba ko icyo cyemezo cyavanwaho kuko yirukanywe mu buryo budakurikije amategeko, asaba n'indishyi zinyuranye. Ikirego cyanditswe kuri RAD00272/2016/TGI/NYGE, Urukiko rwemeza ko gifite ishingiro kuri bimwe, rutegeka Umujyi wa Kigali kumuha indishyi zo kwirukanwa binyuranyije n'amategeko zingana na 11.520.738Frw, n'amafaranga y'igihembo cy'Avoka angana na 1.000.000 Frw.

[4] Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, mu kwemeza ko yirukanywe binyuranyije n'amategeko, rwashingiye ku kuba yaramaze icyumweru afungiyeye kuri Sitasiyo ya Police ya Muhima kuva ku wa 04/09/2015 kugeza ku wa 11/09/2015, kandi n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bukaba bwari bubizi; naho ku yandi makosa Umujyi wa Kigali wamwirukaniye ukaba utarabashije kuyatangira ibimenyetso.

[5] Ababuranyi bombi ntibanyuzwe bajuririra Urukiko Rukuru, urubanza rwandikwa kuri RADA00023/2017/HC/KIG-RADA00027/2017/HC/KIG, rucibwa ku wa 21/09/2017, Urukiko rwemeza ko ubujurire bwa Ndakengerwa Gasana Aimable bufite ishingiro kuri bimwe, ko ubujurire bw'Umujyi wa Kigali nta shingiro bufite, ko icyemezo cyo kwirukana

Ndakengerwa Gasana Aimable kivanyweho, rutegeka Leta y'u Rwanda kumuha imishahara atishyuwe ingana na 26.820.060 Frw no kumusubiza mu kazi byaba bidashobotse ikamuha indishyi zingana na 8.046.018Frw, n'indishyi z'ikurikiranarubanza zingana na 1.000.000 Frw. Urubanza rwasabiwe gukosorwa, ahanditse Leta y'u Rwanda handikwa Umujyi wa Kigali.

[6] Mu gufata icyemezo, Urukiko Rukuru rwashingiye ku kuba koko Ndakengerwa Gasana Aimable yarakoze amakosa nk'uko byari byagaragajwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi mu Mujyi wa Kigali, ariko ko yari akwiye guhanishwa gutinzwa kuzamurwa mu ntera aho kwirukanwa nk'uko Umujyi wa Kigali wabikoze.

[7] Nyuma y'uko urubanza ruciwe, Umujyi wa Kigali wandikiye Urwego rw'Umuvunyi usaba ko urwo rubanza rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Urwego rw'Umuvunyi rwasuzumye ikibazo cy'Umujyi wa Kigali, rwemeza ko urubanza RADA00023/2017/HC/KIG- RADA00027/2017/HC/KIG rwaciwe ku wa 21/09/2017 rurimo akarengane, rwandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rusaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[8] Urwego rw'Umuvunyi rwavuze ko urubanza RADA00023/2017/HC/KIG- RADA 00027/2017/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 21/09/2017 rurimo akarengane kubera impamvu zikurikira:

Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko Urukiko rwafashe icyemezo rushingiye ku biteganywa n'Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 4/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, naho

Umujyi wa Kigali ukaba warafashe icyemezo cyo kwirukana burundu Ndakengerwa Gasana Aimable ushingiyeye ku Itegeko Ngenga N°11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga N°61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta.

Urwego rw'Umuvunyi rusanga kuba Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi mu Mujyi wa Kigali kari kasabiye Ndakengerwa Gasana Aimable igihano cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera, ndetse icyo gihano n'Urukiko Rukuru rukaba aricyo rwasanze yari akwiriye guhanishwa, aruko ikosa yakoze rijyana n'ibihano byo mu rwego rwa kabiri, bisobanuye ko ikosa yakoze rikwiriye igihano kirenze kwihanangirizwa no kugawa.

Urwego rw'Umuvunyi rusobanura ko ingingo ya 20 y'Itegeko N°61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta itahinduwe cyangwa ngo ivanweho n'Itegeko Ngenga N°11/2013 ryo ku wa 11/09/2013, iyo ngingo ikaba iteganya ibihano ku muyobozi uhamwe n'amakosa birimo kwihanangirizwa mu nyandiko, kugawa mu nyandiko, kwirukanwa ku murimo no kwirukanwa ku murimo bigatangazwa mu binyamakuru, bigaragara ko muri iri Tegeko, igihano gikurikiraho mu gusumbya uburemere kwihanangirizwa no kugawa ari ukwirukanwa ku murimo; akaba ariyo mpamvu Ndakengerwa Gasana Aimable yari akwiye igihano cyo kwirukanwa ku murimo, ari nacyo yahawe n'Umujyi wa Kigali. Ndakengerwa Gasana Aimable yari Umuyobozi Mukuru ushinze Imibereho myiza y'Abaturage, akaba rero nawe agengwa n'Itegeko

Ngenga ryavuzwe haruguru, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 (3°)¹

Urwego rw'Umuvunyi ruvuga ko mu guhana Ndakengerwa Gasana Aimable hagombaga gushingirwa ku Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta aho gushingira ku Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi, harebwe uburyo amategeko asumbana, byongeye kandi ingingo ya 5 igika cya mbere y'Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi iteganya ko umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora, ashingiye ku mpamvu zongera uburemere bw'ikosa, guha umukozi wakosheje igihano gisumba igiteganyirijwe ikosa².

Urwego rw'Umuvunyi rwasanze niyo hashingirwa kuri iryo Teka rya Perezida, ntacyari gutuma Umujyi wa Kigali utirukana Ndakengerwa Gasana Aimable, mu gihe byabonekaga ko hari impamvu zongera uburemere bw'ikosa yari yakoze, kuko yakoze ikosa riremereye cyane.

¹Abayobozi Bakuru: abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, Abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga n'abandi bashyirwaho n'Iteka rya Perezida n'abandi bayobozi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kugeza ku Muyobozi Mukuru n'abandi bakozi bari ku rwego rumwe n'Umuyobozi Mukuru

² Hashingiwe ku mpamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa ziteganyijwe mu ngingo ya 6 n'ya 7 z'iri teka, Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gukuriraho umukozi wokosheje igihano, kumuha igihano gito cyangwa igisumba igiteganyirijwe ikosa”.

[9] Nyuma y'Uko Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, rusaba ko urubanza RADA00023/2017/HC/KIG-RADA00027/2017/HC/KIG rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, yasesenguye ikibazo, anashingiye kuri raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, yemeza ko urubanza rwandikwa mu bitabo byabugenewe kugira ngo ruzongere ruburanishwe. Urubanza rwanditswe kuri RS/INJUST/RAD00005/2018/CS.

[10] Iburanisha ryashyizwe ku wa 05/02/2019, ribera mu ruhame, Umujyi wa Kigali witabye uburanirwa n'Intumwa ya Leta Me Cyubahiro Fiat, Ndakengerwa Gasana Aimable yitabye yunganiwe na Me Musirimu Jean Claude. Muri uru rubanza ikibazo nyamukuru kigomba gusuzumwa akaba ari ukumenya niba Ndakengerwa Gasana Aimable yarirukanywe mu buryo bukurikije amategeko

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

Kumenya niba Ndakengerwa Gasana aimable yarirukanywe mu buryo bukurikije amategeko.

[11] Kugirango Urukiko rushobore kwemezwa niba Ndakengerwa Gasana Aimable yarirukanywe mu buryo bukurikije cyangwa budakurikije amategeko, ni ngombwa guzuzuma niba amakosa yashingiweho yirukanwa amuhama; mu gihe yaba amuhama, hagasuzumwa niba igihano yahawe aricyo cyari gikwiye kandi niba cyaratanzwe mu nzira zikurikije amategeko.

Kumenya niba Ndakengerwa Gasana Aimable ahamwa n’amakosa Umujyi wa Kigali washingiyeho umwirukana burundu ku kazi

[12] Me Cyubahiro Fiat uburanira Umujyi wa Kigali avuga ko kuba Ndakengerwa Gasana Aimable atarahamwe n’icyaha yari akurikiranyweho, Ubushinjacyaha bugashyngura dosiye, bitavanaho kuba yarakoze ikosa mu rwego rw’akazi yagombaga gukurikiranwaho nk’uko biteganywa n’ingingo ya 78 y’Itegeko rigenga abakozi ba Leta.

[13] Avuga kandi ko mu Bushinjacyaha, Ndakengerwa Gasana Aimable atari akurikiranyweho ibijyanye n’amasezerano y’ubwishyu nk’uko abivuga, ahubwo ari ugutwara umuntu ku bw’urugomo, ibimenyetso byerekana ikosa yakoze bikaba bihari kandi bidashidikanywaho, ndetse n’Abapolisi baba ku Kigo yari agiye gufungiramo uwo muntu bakaba barabajijwe bakemeza ko yahageze akabasaba ko bamufunga bakabyanga, nawe ubwe akaba adahakana ko yahageze koko.

[14] Ku bijyanye n’ikosa ryo kubaka mu kajagari, Me Cyubahiro Fiat avuga ko Ndakengerwa Gasana Aimable nk’Umuyobozi wari ushinzwe kurwanya akajagari, nawe yagateje nk’uko komisiyo yasuye aho yubakaga yabyemeje, nyuma yo gusanga yarubatse indi nzu nyuma yo guhabwa ingurane.

[15] Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko nta karengane kagaragara mu rubanza rwaciwe n’Urukiko Rukuru, ko iby’uburanira Umujyi wa Kigali avuga ko ari amakosa ataribyo kuko Akanama gashinzwe imyitwarire kabisesenguye kagasanga atari amakosa, kagategeka ko asubira mu kazi. Ku kibazo cyo kuba yaragiye gufungira abantu I Gikondo mu Kigo cya “Kigali

Rehabilitation Transit Center”, avuga ko ntabyo yigeze akora, ko ahubwo yagiye kuri icyo Kigo ajyanywe no gusaba raporo umudamu wahakoraga witwa Kayitesi, kubera ko yari imaze iminsi itaza kandi ubundi yarayihabwaga.

[16] Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko abantu bari mu modoka ye, bivugwa ko yari agiye kubafunga, ari abo yari atwaye bisanzwe abahaye “Lift”. Asobanura ko yabanje guhura n’uwitwa Twahirwa Oswald akamutwara, yagera imbere agashyiramo uwitwa Nsengiyumva Gilbert, nyuma akaza kumenya ko bari bafitanye ikibazo cy’ideni, ko rero atari abashimuse nk’uko uburanira Umujyi wa Kigali abivugaga. Yabajijwe niba hari icyo apfa n’abakozi bakora mu Kigo cya “Kigali Rehabilitation Transit Center”, avuga ko ntacyo bapfa uretse ko ibyo bavuze ataribyo.

[17] Me Musirimu Jean Claude uburanira Ndakengerwa Gasana Aimable we avuga ko kugeza ubu uwo yunganira yirukanwe mu buryo bunyuranyije n’amategeko, kuko ikosa cyangwa amakosa Umujyi wa Kigali washingiyeho umwirukana atigeze ayakora nk’uko byemejwe na Komisiyo yo kurwanya akarengane y’Umujyi wa Kigali ku wa 11/12/2015, ndeste n’Inama Njyanama idasanzwe y’Umujyi wa Kigali yateranye tariki ya 13/12/2015 ikaba aribyo yemeje.

[18] Avuga ko ikosa Umujyi wa Kigali uvuga ko Ndakengerwa Gasana Aimable yakoze ryo kugerageza gukoresha abakozi akuriye b’ikigo cya “Kigali Rehabilitation Transit Center” mu nyungu ze bwite, ritigeze ribaho kuko nta bimenyetso birimuhamba byigeze bigaragarizwa Urukiko, bityo ko ibyo Urukiko rwavuze mu gika cya 35 bidakwiye gufatwa nk’akarengane ahubwo ari imvugo y’Umucamanza. Avuga ko icyo Ndakengerwa Gasana Aimable yari akurikiranyweho atari

ukugerageza gufungira abantu mu Kigo mu nyungu ze bwite, ko ahubwo ari ikibazo cy'amasezerano y'abantu babiri, ko kandi abo bantu bishyuranye kuri Polisi dosiye igahita isozwa. Avuga ko n'iyi byaba ari icyaha atariwe wagombaga kubihanirwa, akaba ariyo mpamvu yarekuwe n'Ubushinjacyaha n'ibye byari byarafatiriwe akabihabwa.

[19] Me Musirimu Jean Claude yongeraho ko Ikigo gishyirwamo inzererezi (Kigali Rehabilitation Transit center) atari urwego rukorerwamo n'abasivile ku buryo gishobora kubarizwa mu nshingano za Ndakengerwa gasana Aimable, nk'uko uburanira Umujyi wa Kigali abivuga. Ku bijyanye n'abatangabuhamya babajijwe bakemeza ko uwo yunganira yashatse gufunga abantu, Me Musirimu Jean Claude avuga ko imvugo zabo zidakwiye gushingirwaho, kubera ko nta nyandiko-mvugo z'ibazwa ryabo zihari.

[20] Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko ku bijyanye no kuba yarubatse mu kajagari, nta nyubako yigeze yongeraho nyuma y'uko amaze guhabwa ingurane kubera impamvu y'umuhanda wari umaze kumusenyerera. Avuga ko amazu ahari, ari ayari ahasanzwe yashyizemo ibikoresho byavuye aho yimuwe. Me Musirimu Jean Claude umwunganira avuga ko umukozi ushinze iterambere mu Muji wa Kigali yasuye aho Ndakengerwa Gasana Aimable yubakaga, akemeza ko nta nzu yubatse nyuma yo guhabwa ingurane.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[21] Ingingo ya 80 y'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange y'Abakozi ba Leta iteganya ko nta gihano na kimwe gishobora gushyirwa mu bikorwa ikosa

ritarahama nyirubwite. Urukiko rurasanga rero hagomba kubanza gusuzumwa niba amakosa Umujyi wa Kigali washingiyeho wirukana burundu ku kazi Ndakengerwa Gasana Aimable, amuhama.

[22] Mu ibaruwa yo ku wa 29/01/2016, Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse yirukana burundu ku kazi Ndakengerwa Gasana Aimable, hagaragaramo ko yirukaniwe amakosa atatu akurikira:

Kumara icyumweru kirenga atari ku kazi kandi atabanje kumenyesha abamukuriye, n'aho agarukiye ntamenyeshe mu nyandiko icyatumye atubahiriza inshingano ze;

Kugerageza gukoresha abakozi b'Ikigo cy'Umujyi wa Kigali (Kigali Rehabilitation Transit Center) mu nyungu ze bwite;

Kutubahiriza amategako n'amabwiriza ajyanye n'imiturire n'imyubakire mu Mujyi wa Kigali kandi yari mu bayobozi bakuru ku rwego rw'Umujyi wa Kigali rushinzwe kurwanya imyubakire mu buryo bw'akajagari.

Ku bijyanye n'ikosa ryo kumara icyumweru atari mu kazi kandi atamenyesheje abamukuriye

[23] Mu rubanza RADA00023/2017/HC/KIG-RADA00027/2017/HC/KIG, rwaciwe n'Urukiko Rukuru, igika cya 11, hagaragaramo ko Ndakengerwa Gasana Aimable yafunzwe na Polisi tariki ya 04/09/2015, akarekurwa by'agateganyo ku wa 11/09/2015. Muri raporo yakozwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi mu kazi mu Mujyi wa Kigali ku wa 27/11/2015, bavuga ko Ndakengerwa Gasana Aimable yabagaragarije ubutumwa bugufi yandikiye Umuyobozi w'umujyi wa Kigali nawe akamusubiza,

amumenyesha ko nyuma yo gufungwa na Polisi “ku wa gatanu ushize”, yafunguwe by’agateganyo akazajya yitaba buri wa gatanu.

[24] Urukiko rurasanga ikigaragara mu bimaze kuvugwa, ari uko iminsi irindwi Ndakengerwa Gasana Aimable yabuze ku kazi (kuva ku wa 04/09/2015 kugera ku wa 11/09/2015), ari nabwo yari yafunzwe n’Urwego rwa Polisi, kandi akaba yarahise abimenyesha ubuyobozi bumukuriye akimara kurekurwa. Urukiko rurasanga rero, iryo kosa ritamuhama, kuko atari kubasha kujya ku kazi kandi afunzwe n’urwego rubifitiye ububasha.

Ku bijyanye n’ikosa ryo kugerageza gukoresha abakozi b’Ikigo cy’Umujyi wa Kigali kitwa “Kigali Rehabilitation Transit Center”(RTC) mu nyungu ze bwite

[25] Mu ibaruwa yirukana Ndakengerwa Gasana Aimable hagaragaramo ko yatwaye umuturage mu modoka akamugeza muri iki Kigo, agasaba abakozi bacyo ko bamufungira uwo muntu amwita igisambo. Abo bakozi bavuganye cyangwa babonanye na Ndakengerwa Gasana Aimable, bumviswe n’abagize Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y’abakozi mu kazi mu Mujyi wa Kigali, batanga ubuhamya bugaragara muri raporo yakozwe ku wa 27/11/2015, isinywaho n’abagize Akanama bose.

[26] Abakozi b’Ikigo RTC babajijwe bagera kuri bane, barimo na Komanda ukiyobora, bose bahuriye ku kuba Ndakengerwa Gasana Aimable yarabasabye kumufungira umuntu bari kumwe mu modoka ye, avuga ko ari igisambo, ariko bakamwangira. Ibyo uburanira Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko nta cyemeza ko imvugo zigaragara muri iyo raporo ari izabo, ngo kuko nta

nyandikomvugo y'ibazwa bashyizeho umukono, Urukiko rurasanga nta shingiro byahabwa kuko nta mpamvu yagaragaje yatuma abantu 6 basinye raporo y' Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi mu kazi mu Mujyi wa Kigali babeshya.

[27] Mu bimenyetso Ndakengerwa Gasana Aimable atanga agaragaza ko atakoze iryo kosa, harimo inyandiko y'inyemezabwishyu hagati ya Nsengiyumva Gilbert na Twahirwa Oswald (uyu akaba ariwe Ndakengerwa Gasana Aimable aregwa ko yagerageje gufungira muri RTC). Iyo nyandiko igaragaza ko Nsengiyumva Gilbert yishyuye Twahirwa Oswald amafaranga 400.000 y'indishyi, Urukiko rukaba rusanga ntacyo yafasha muri uru rubanza kuko, uretse no kuba idasobanura impamvu y'izo ndishyi, ntikuraho ikosa Ndakengerwa Gasana Aimable yirukaniwe.

[28] Ibyo Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko Ubushinjacyaha bwamukurikiranye kubera iyo nyandiko y'inyemezabwishyu, nyuma bugasanga ari ibibazo mbonezamubano bukamurekura, ngo kikaba ari ikindi kimenyetso ko nta kosa yakoze, Urukiko rurasanga nta shingiro byahabwa kuko icyaha ubushinjacyaha bwamukurikiranyeho ari icyo gutwara umuntu ku bw'urugomo, atari ubwishyu. Urukiko rurasanga kandi kuba iyo dosiye yarashyinguwe n'Ubushinjacyaha ntacyo byamumarira, kuko kuba umuntu adakurikiranywe mu rwego rw'inshinjabyaha, bidakuraho kuba yakurikiranwa mu rwego rw'akazi, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 78³ y'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013

³ *“The disciplinary sanction of a public servant shall be independent from criminal liability and punishment as provided by the criminal code to the extent that the same fault may cause both disciplinary procedure and criminal*

rishyiraho Sitati Rusange y'Abakozi ba Leta. Ibiteganywa n'iyi ngingo ninabyo bisobanurwa n'abahanga mu mategeko Georges Dupuis, Marie-Josée Guédon na Patrice Chretien⁴, bemeza ko ikosa umukozi akoze mu kazi rishobora gukurikiranwa mu rwego rw'akazi no mu rwego rw'inshinjabyaha.

[29] Ibindi bimenyetso Ndakengerwa Gasana Aimable atanga agaragaza ko atakoze ikosa ryo kugerageza gukoresha abakozi akuriye mu nyungu ze bwite, ni raporo ya Komisiyo yo kurwanya akarengane y'Umujyi wa Kigali yo ku wa 11/12/2015, hamwe n'imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateranye ku wa 13/12/2015. Raporo ya Komisiyo yo kurwanya akarengane ivuga ko inzego zakurikiranye Ndakengerwa Gasana Aimable ari nazo zatumye abura ku kazi zasanze nta kimuhama, Urukiko rukaba rusanga kuba inzego zamukurikiranyeho icyaha zarashyinguye dosiye bidakuraho

procedure/ La sanction disciplinaire est indépendante de la responsabilité pénale et de la répression prévue par la législation pénale à tel point qu'un même fait peut déclencher des poursuites disciplinaires et pénales ».

⁴ ***Une faute professionnelle d'un fonctionnaire peut entraîner, à la fois, une répression disciplinaire et une répression pénale. Dans les deux cas, il s'agit d'édicter une sanction en réponse à une faute. Il existe toutefois une réelle indépendance des deux procédures. L'autonomie de la répression disciplinaire tient à son lien avec l'exercice d'une fonction: la faute est fonctionnelle et la peine l'est aussi, alors que la répression pénale concerne tous les individus pour des faits qui ne sont pas liés à une fonction, et que la sanction pénale ne vise pas le coupable dans sa fonction mais dans sa liberté ou sa propriété. Pratiquement, la décision de l'autorité disciplinaire ne lie jamais le juge pénal: de nombreux agissements sont des fautes disciplinaires sans être, pour autant, des délits.***

De même, l'autorité disciplinaire n'est pas liée par la décision du juge pénal, sauf lorsque ce dernier s'est prononcé sur l'existence ou l'inexistence de certains faits: ses constatations matérielles s'imposent à l'autorité administrative » ; Georges DUPUIS, Marie-Josée GUÉDON, Patrice CHRETIEN, Droit Administratif, 10^{ème} Edition, Sirey, 2007, p. 381.

gukurikiranwaho amakosa mu rwego rw'akazi nk'uko byasobanuwe, iyi raporo ikaba rero ntacyo yafasha mu kugaragaza niba harakozwe cyangwa hatarakozwe ikosa mu rwego rw'akazi. Urukiko rurasanga Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama nayo ntacyo yafasha kuko ikivugwamo ari uko Inama Njyanama na Komite Nyobozi byabanza kuganira ku kibazo cya Ndakengerwa Gasana Aimable mu gushakisha igisubizo kimwe, hakaba nta cyemezo cyafashwe.

[30] Urukiko rurasanga kandi ibyo Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko atashoboraga gutanga amabwiriza mu Kigo cya RTC ngo kuko kitari mu nshingano ze, bitahabwa ishingiro, kuko hakurikijwe inyandiko igaragaza imiterere y'inzego z'imirimu mu Mujyi wa Kigali (Organizational Chart), iki Kigo kiri mu nzego z'imirimu yari akuriye nka "Director General of Social Development". Ndakengerwa Gasana Aimable kandi ntahakana kuba yaragiye ku Kigo cya RTC umunsi bivugwa ko yakoreyeho ikosa, ari kumwe na Twahirwa Oswald na nsengiyumva Gilbert mu modoka ye. Ibyo yabwiye Urukiko ko yari ajyanyweyo no gufata raporo y'akazi ihabwa abayobozi buri munsi, ku Muyobozi wungirije w'Ikigo, Urukiko rurasanga bitumvikana mu gihe we avuga ko ntaho ahurira n'icyo Kigo; ikindi kandi akaba yarashoboraga gusaba iyo raporo atagombye kwigirayo nk'Umuyobozi.

[31] Urukiko rurasanga nanone, ibyo uwunganira Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko kuba Umujyi wa Kigali waremeye kurangiza urubanza bishimangira ko nta makosa yakoze, nta shingiro byahabwa kuko gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bidahagarika irangiza ryarwo hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 64, igika cya mbere, y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.

[32] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga Ndakengerwa Gasana Aimable ahamwa n'ikosa ryo kugerageza gukoresha abakozi b'Ikigo cy'Umujyi wa Kigali kitwa "Kigali Rehabilitation Transit Center" (RTC) mu nyungu ze bwite.

Ku bijyanye n'ikosa ryo kutubahiriza amategeko n'amabwiriza ajyanye n'imiturire n' imyubakire mu Mujyi wa Kigali

[33] Mu nyandiko zigize dosiye harimo raporo yakozwe ku wa 24/11/2015, n'itsinda ryashyizweho n'Umujyi wa Kigali kugirango rikore ubugenzuzi ku nyubako iri mu kibanza No 385 ya Ndakengerwa Gasana Aimable. Muri iyo raporo, hagaragaramo ifoto y'inzu ntoya ifite imiryango ibiri ngo yubakishije ibikoresho bishaje, abagize itsinda bakaba barasabye Ndakengerwa Gasana Aimable kwerekana icyemezo cyo kubaka iyo inzu ivugwa ko ari iyo kubikamo ibikoresho, yaba atabifite agahita ayikuraho. Urukiko rurasanga abagize itsinda bataramaze niba iyo nzu yarubatswe nyuma y'uko Ndakengerwa Gasana Aimable yimurwa kubera inyungu rusange, cyangwa niba yari ihasanzwe igashyirwamo ibikoresho byavuye ku nzu zakorewe "expropriation" nk'uko uyu abiburanisha.

[34] Muri raporo yo ku wa 27/11/2015, y'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi mu kazi mu Mujyi wa Kigali, hagaragaramo ko uwitwa Muhinda Arhtur, umukozi ushinze ibijyanye n'imyubakire mu Karere ka Gasabo, yabwiye Akanama ko nta nzu Ndakengerwa Gasana Aimable yubatswe, ko ihari yari ihasanzwe mbere y'uko hakorwa "expropriation", ikaba ibitse ibikoresho by'inzu zahasenywe. Urukiko, rushingiye ku bikubiye muri raporo zimaze kuvugwa, rurasanga ikosa ryo kutubahiriza

amategeko n'amabwiriza ajyanye n'imiturire n'imyubakire mu Mujyi wa Kigali ridahama Ndakengerwa Gasana Aimable.

[35] Urukiko, rushingiye ku isesengura ryakozwe ku makosa yose uko ari atatu yarezwe Ndakengerwa Gasana Aimable, rurasanga ikosa rimuhama ari rimwe ryo kugerageza gukoresha abakozi b'Ikigo cy'Umujyi wa Kigali kitwa "Kigali Rehabilitation Transit Center" (RTC) mu nyungu ze bwite.

Kumenya niba igihano cyo kwirukanwa burundu ku kazi cyahawe Ndakengerwa Gasana Aimable cyari gikwiye kandi cyaratanzwe mu nzira zikurikije amategeko

[36] Me Cyubahiro Fiat uburanira Umujyi wa Kigali avuga ko mu guhana Ndakengerwa Gasana Aimable hashingiwe ku Iteka rya Perezida rigena ibihano ku bakozi ba Leta, no ku Itegeko Ngenga rigenga imyitwarire y'Abayobozi, kuko yari Umuyobozi Mukuru mu Mujyi wa Kigali. Avuga ko mu bika bya 35, 36 na 37 by'urubanza rusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, Urukiko Rukuru rwasanze Ndakengerwa Gasana Aimable yarahamwaga n'amakosa yo kugerageza gukoresha abakozi yari akuriye mu nyungu ze bwite, ariko rwanzura ruvuga ko yagombaga guhabwa igihano cyavuzwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa mu kazi, aricyo cyo gukererezwa kuzamurwa mu ntera rushingiye ku ngingo ya 12 agace ka 5 y'Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 4/3/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta, rwirengagije ko n'ubwo Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kari kabibonye gutyo, nta cyabuzaga Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ibihano kubibona ukundi hashingiwe ku buremere bw'amakosa yari yakozwe.

[37] Me Cyubahiro Fiat avuga kandi ko ingingo ya 5 y'Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 4/3/2014 ryavuzwe haruguru, iteganya ko bitewe n'uburemere bw'ikosa, umuyobozi ashobora gutanga igihano gisumba igiteganyijwe; naho ingingo ya 7 ikaba iteganya impamvu zongera uburemere bw'amakosa. Asobanura ko kubireba Ndakengerwa Gasana Aimable, uburemere bushingiye ku ruhurirane rw'amakosa yakoze, no kuba yarashatse gufunga umuntu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, kandi yari Umuyobozi Mukuru ufite mu nshingano kureberera Ikigo yashatse gukoresha mu nyungu ze bwite. Me Cyubahiro Fiat avuga ko izi mpamvu zose zahaye ikosa uburemere bwatumye Ndakengerwa gasana Aimable ahabwa igihano cyo kwirukanwa burundu.

[38] Me Cyubahiro Fiat yongeraho ko Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yatanze igihano amaze kubona inama yatanzwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa ku bihano byari bikwiye gutangwa, akaba yaranagishije inama Minisiteri ishinze abakozi ba Leta (MIFOTRA), nayo ikaba yaramushubije ko hakurikijwe uburemere bw'amakosa yakozwe, uwo mukozi akwiye kwirukanwa burundu. Avuga ko na Ndakengerwa Gasana Aimable yandikiye Komisiyo ishinze Abakozi ba Leta, imusubiza ko igihano yahawe gikurikije amategeko.

[39] Me Musirimu Jean Claude wunganira Ndakengerwa Gasana Aimable avuga ko Urukiko Rukuru rwagaragaje ko uwo yunganira atagombaga kwirukanwa, ahubwo ko yagombaga guhanishwa igihano giteganywa n'Iteka rya Perezida N°65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu ngingo yaryo ya 12, igika cya 2, n'ubwo we atemera iryo kosa

[40] Avuga kandi ko Umujyi wa Kigali ukoresha amategeko nabi, kuko uhura ku Iteka rya Perezida ryavuzwe haruguru mu gushaka impamvu zongera uburemere bw'icyaha, ariko mu guhana ugashingira ku Itegeko-Ngenga rigenga imyitwarire y'Abayobozi mu nzego za Leta. Yongeraho ko n'ubwo uwo yunganira atemera ko hari ikosa ryakozwe, igihano cyifujwe n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa mu kazi cyo gukererezwa kuzamurwa aricyo cyagombaga gutangwa, nk'uko Urukiko Rukuru rwabyemeje.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[41] Ingingo ya 98 y'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati Rusange y'Abakozi ba Leta iteganya ko kwirukanwa burundu ku kazi ari icyemezo gifatwa mu nyandiko n'umuyobozi ubifitiye ububasha cyo kuvana burundu umukozi wa Leta mu bakozi ba Leta, bitewe n'ikosa rikomeye yakozwe. Iteganya kandi ko ikosa rikomeye rihanwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha amaze kugisha inama Minisitiri.

[42] Ingingo ya 3 y'Itegeko rimaze kuvugwa isobanura ko ikosa rikomeye ari ikosa rikorwa hashingiwe ku buremere bw'icyakozwe, ikitakozwe cyangwa imyitwarire, uburyo byabayemo, ingaruka byateje mu butegetsi bwa Leta, kuri serivisi itangwa no ku bo serivisi igenerwa.

[43] Ikosa rikomeye rihanishwa ibihano byo mu rwego rwa kabiri, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 76 y'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 ryavuzwe haruguru. Ingingo ya 81 y'iryo tegeko, isobanura ko umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rwa kabiri, ari uwashyize umukozi mu mwanya, amaze kugisha inama Minisitiri. Minisitiri

uvugwa, ni Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze, hakurikijwe ibiteganywa n’ingingo ya 3 y’Itegeko N°86/2013 ryavuzwe haruguru.

[44] Hashingiwe kuri ibi bisobanuro bitangwa n’Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange y’abakozi ba Leta, kugirango umukozi wa Leta yirukanwe burundu ku kazi, agomba kuba ahamwa n’ikosa rikomeye. Mu kwemeza ko ikosa ryakozwe rikomeye, hakaba harebwa uburemere bw’icyakozwe, uburyo cyakozwemo, n’ingaruka zacyo. Kwirukanwa Burundu kandi ni kimwe mu bihano byo mu rwego rwa kabiri, bitangwa n’uwashyize umukozi mu mwanya kandi akabikora mu nyandiko, nyuma yo kugisha inama Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

[45] Nk’uko byasobanuwe haruguru, Ndakengerwa Gasana Aimable ahamwa n’ikosa ryo kugerageza gukoresha abakozi b’Ikigo cy’Umujyi wa Kigali kitwa “Kigali Rehabilitation Transit Center” (RTC) mu nyungu ze bwite, abasaba kumufungira umuntu amwita igisambo. Itegeko Nshinga Igihugu kigenderaho, mu ngingo yaryo ya 13, riteganywa ko umuntu ari umunyagitinyiro kandi ari indahungabanywa. Ingingo ya 29 y’iri Tegeko nayo igashimangira ihame ry’uko umuntu afungwa ari uko yakoze icyaha giteganywa kandi gihanwa n’amategeko. Kuba Ndakengerwa Gasana Aimable yaragerageje gufungisha umuntu udafite icyaha aregwa n’inzego zibishinzwe, ahantu hatagenewe gufungira abantu, Urukiko rurasanga ari uguhohotera no guhungabanya umuntu hatitawe ku mahame amurengera, ashimangirwa n’Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, bikaba ari ikosa rikomeye. Urukiko rurasanga kandi, kuba yarakoze iryo kosa ari umuyobozi ukuriye abandi, ugombye kubaha urugero akirinda ibikorwa byose bishobora

gusebya Leta nk'umukoresha we, ari impamvu yongera uburemere bw'ikosa.

[46] Hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 76 y'Itegeko N°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 ryavuzwe haruguru, ikosa rikomeye rihanishwa ibihano byo mu rwego rwa kabiri. Ibihano byo mu rwego rwa kabiri ku bakozi bagengwa n'iri Tegeko, bigizwe no gukererezwa kuzamurwa mu ntera, guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu adahemberwa, no kwirukanwa burundu. Urukiko rurasanga Ndakengerwa Gasana Aimable yari mu bakozi bagengwa n'iri Tegeko nk'umukozi wa leta, bakanagengwa ariko by'umwihariko n'Itegeko Ngenga N°11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko ngenga N°61/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rigenga imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, kubera umwanya yari ariho w'Umuyobozi Mukuru ushinze imibereho myiza. Ingingo ya 2 n'ya 3 z'iri Tegeko Ngenga ziteganyaga ko abayobozi bagengwa naryo barimo Abayobozi Bakuru (Director General) n'abandi bari kuri urwo rwego.

[47] Urukiko rurasanga, ibyo uwunganira Ndakengerwa Gasana Aimable avugaga ko icyo ikosa rimuhama yagombaga guhanishwa gukererezwa kuzamurwa mu ntera, nta shingiro byahabwaga kuko icyo gihano kitari mu biteganywa n'Itegeko Ngenga N°11/2013/OL ryo ku wa 11/09/2013 rigenga imyitwarire y'abayobozi mu nzego za Leta, kandi iri Tegeko Ngenga rikaba ariryo ryagombaga gukoreshwa hashingiwe ku ihame ry'amategeko rivugaga ko itegeko ryihariye riza mbere y'itegeko riri rusange (specialia generalibus derogant). Ibyo avugaga nanone ko hagombaga gukurikizwa inama yatanze n'Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa y'abakozi b'Umujyi wa Kigali, katanze inama ko Ndakengerwa Gasana

Aimable akwiye guhabwa igihano cyo gukerereweza kuzamurwa mu ntera, Urukiko rurasanga nta shingiro bifite kuko icyemezo ntakuka kiba kigomba gufatwa n'Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano.

[48] Hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 20 y'Itegeko Ngenga rimaze kuvugwa, ibihano byo mu rwego rwa kabiri bihabwa abayobozi bahamwe n'ikosa rikomeye ni ukwirukanwa ku murimo, cyangwa kwirukanwa ku murimo impamvu igatangazwa mu binyamakuru iyo bifitiye rubanda akamaro. Urukiko rukaba rurasanga rero, Ndakengerwa Gasana Aimable yarahawe igihano kijyanye n'ikosa rikomeye rimuhama.

[49] Urukiko rurasanga kandi igihano cyo kwirukanwa burundu cyahawe Ndakengerwa Gasana Aimable cyaratanzwe mu nzira zikurikije amategeko, kuko cyatanzwe mu nyandiko n'Umuyobozi wamushyize mu mwanya ariwe Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali hakurikijwe ibaruwa yo ku wa 30/10/2014, akaba ari nawe wamwirukanye burundu hakurikijwe ibaruwa yo ku wa 29/01/2016, kandi akaba yarabikoze amaze kugisha inama Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano nk'uko bigaragazwa n'amabaruwa yo ku wa 11/12/2015⁵ no ku wa 27/01/2016⁶.

[50] Hashingiwe ku bisobanuro byose byatanzwe, Urukiko rurasanga Ndakengerwa Gasana Aimable yarakoze ikosa rikomeye ryo kugerageza gukoresha abakozi b'Ikigo cy'Umujyi wa Kigali kitwa "Kigali Rehabilitation Transit Center" (RTC) mu

⁵ Ibaruwa y'umuyobozi w'Umujyi wa Kigali igisha inama Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo ku mushinga w'ibihano.

⁶ Ibaruwa ya Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo itanga inama ku gihano cyo kwirukana burundu ku kazi Ndakengerwa Gasana Aimable.

nyungu ze bwite, igihano yahawe cyo kwirukanwa burundu ku kazi kikaba aricyo cyari gikwiye kandi kikaba cyaratanzwe mu nzira zikurikije amategeko, akaba rero yarirukanywe mu buryo bukurikije amategeko. Kubera iyo mpamvu, Urukiko rurasanga atari ngombwa kwirirwa rusuzuma ibirebana n'indishyi yari yasabye.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[51] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe n'Umujyi wa Kigali gisaba gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RADA00023/2017/HC/KIG-RADA00027/2017/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 21/09/2017, rugakosorwa n'urubanza RS/RECT/RAD00003/2017/HC/KIG ku wa 07/11/2017, gifite ishingiro;

[52] Rwemeje ko Ndakengerwa Gasana Aimable yirukanywe mu buryo bukurikije amategeko;

[53] Rwemeje ko icyemezo cyo kwirukana Ndakengerwa Gasana Aimable kigumyeho;

[54] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RADA00023/2017/HC/KIG-RADA00027/2017/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 21/09/2017, rugakosorwa n'urubanza RS/RECT/RAD 00003/2017/HC/KIG ku wa 07/11/2017, ihindutse kuri byose;

[55] Rutegetse ko amagarama y'ibyakoze mu rubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

URUBANZA NSHINJABYAHA

UBUSHINJACYAHA v. Col. BYABAGAMBA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPA00001/2019/CA
(Mukanyundo, P.J.,Kanyange na Rugabirwa,J.) 12 Nyakanga
2019]

Amategeko mpanabyaha – Igihano cy'igifungo – Iyicarubozo – Kuba ufunze afungiwe ahantu ha wenyine, ubwabyo ntibyakwitwa iyicarubozo mu gihe uburyo afunzwemo bwubahirije uburenganzira bw'ikiremamuntu.

Ubwishingizi bw'indwara – Ubwishingizi bw'indwara bukoreshwa ku muntu ufunze – Ku byerekeye ubwishingizi bukoreshwa mu kwivuzwa icyangombwa si ubwoko bw'ubwishingizi bukoreshwa ahubwo icyangombwa ni ukumenya niba ufunze avurwa uko bikwiye, kuba hadakoreshe ubwishingizi ufunzwe yifuza gukoresha, ubwabyo ntibyafatwa nk' impamvu yo gufungurwa by'agateganyo.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare, abaregwa aribo Col. Tom Byabagamba, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd. Sgt Kabayiza François bakurikiranywe n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare ibyaha binyuranye.

Urwo rukiko rwabahamije ibyaha baregwa uretse Rtd. Sgt Kabayiza utarahamijwe icyaha cyo gutunga imbunda mu buryo bunyuranije n'amategeko maze urwo Rukiko ruhanisha Col. Byabagamba igihano cy'igifungo cy'imyaka 21, ruhanisha Rtd Brig.Gen. Rusagara igihano cy'igifungo cy'imyaka 20 naho Rtd. Sgt Kabayiza ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 5.

Abaregwa ntibishimiye imikirize y'urubanza maze bajuririra Urukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ivugururwa ry'amategako urubanza rwabo rwaje kwimurirwa mu Rukiko rw'Ubujurire maze muri uru rukiko Ubushinjacyaha bwa Gisirikare butanga inzitizi yo kutakira ubujurire bw'abaregwa buvuga ko butakozwe nk'uko amategako abiteganyaga. Abaregwa nabo batanze inzitizi basaba ko bafungurwa by'agateganyo bakaburana bari hanzu, bagaragaza ko bafite ikibazo cy'uburwayi, bavugaga kandi ko batishimiye uburyo bavuzwa kubera ko ngo batabonana n'abaganga igihe babishakiye kandi ko Gereza itabemerera gukoresha ubwishingizi bw'indwara bari basanganywe bwa MMI. Bakomeza bavuga ko nta banga ribaho hagati yabo na muganga mu gihe basuzumwa kuko baba bahagarikiwe n'umusirikare wa *military police*.

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bwo buvuga ko kuba abaregwa barwaye, igisubizo kuri ubwo burwayi bwabo kitaba kubafungura, kuko iyi mpamvu idateganywa n'amategako kugira ngo ishingirweho hemezwa ko umuntu arekurwa by'agateganyo. Ku byerekeranye no kwivuka, buvuga ko abaregwa bivuka uko bikwiye, ko hari n'umuganga wa *Military Police* ubakurikirana umunsi ku wundi, naho kuvuka ko muganga abasuzuma hari umusirikare ucunga umutekano, igihari nuko baherekezwa kwa muganga, kandi bakavurwa uko bikwiye.

Indi mpamvu abaregwa batanga basaba gufungurwa by'agateganyo, buvuga ko bafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategako buvuga ko bafungirwe ahantu hatategatswe n'Urukiko kuko ubu bafungirwe muri Military Police i Kanombe aho kuba muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, bongeraho ko bafungirwe mu kato, ko baba ahantu hafunganywe cyane kandi hashyizwe za cameras, bakaba nta muntu n'umwe bashobora kubonana nawe uretse umusirikare ubazanira ibiryo, ikindi kibazo buvuga bafite nuko nta burenganzira bafite bwo gusurwa

n'imiryango yabo bityo rero bakaba babona nta mpamvu nimwe ituma batabemerera gusurwa nk'uko bimeze ku bandi bagororwa.

Ubushinjacya bwa Gisirikare bwo buvuga ko akato abaregwa bavuga ko bafungiyemo nta kuri kurimo kuko nk'uko Urukiko rwabyiboneye mu gihe cy'iperereza, baryama ahantu hisanzuye, ko aho bafungiyeye hatabangamiye ikiremhamuntu kuko bafite ibyangombwa byose ndetse bemererwa ko imiryango yabo iboherereza amafaranga bakagura icyo bashatse, ko ariko batagomba kwirengagiza ko iyo ufunzwe hari ibyo udashobora kubona nk'uko ubyifuza, busaba Urukiko ko rwazita kucyarujyanye igihe rwari rugiyeye gukora iperereza kuko ibindi abagororwa bavugaga ntaho bihuriye n'urubanza.

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bukomeza buvuga ko kuba hari cameras zashyizwe aho bafungiyeye nta kibazo kibirimo, kuko ziriya cameras zashyizweho mu rwego rwo gucungira abafungwa umutekano kandi ko ibihugu byose bifite amikoro bibikora, naho kuba badafungiyeye muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, Ubushinjacyaha buvuga ko bafungiyeye muri extension ya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi (i Kanombe) bikaba byaratewe n'urwego barimo (rank bafite) ari nayo mpamvu aho Col. Byabagamba na Rtd Brig.Gen. Rusagara bafungiyeye hatandukanye naho Rtd Sgt Kabayiza afungiyeye kuko we afungiyeye mu nzu ya rusange.

Incamate y'icyemezo: 1. Kuba ufunze afungiyeye ahantu ha wenyine, ubwabyo ntibyakwitwa icyarubozo mu gihe uburyo afunzweho bwubahirije uburenganzira bw'ikiremhamuntu.

2. Kuba abaregwa batabonera muganga igihe bamushakiyeye si ikibazo gihoraho cyangwa cy'umwihariko kuri bo kubera ko bafunzwe, ahubwo bagisangiyeye n'abandi badafunzwe kuko ahanini biterwa n'ubucye bw'abaganga b'inzobere igihugu gifite,

bityo iyo mpamvu ikaba itatuma abaregwa bafungurwa by'abyagatenyo.

3. Ku byerekeye ubwishingizi bukoreshwa mu kwivuzwa icyangombwa si ubwoko bw'ubwishingizi bukoreshwa ahubwo icyangombwa ni ukumenya niba ufunze avurwa uko bikwiye, kuba hadakoreshwa ubwishingizi ufunzwe yifuza gukoresha, ubwabyo ntibyafatwa nk' impamvu yo gufungurwa by'agateganyo.

4. Uburenganzira kw'ibanga ryo kwivuzwa ku muntu ufunzwe bugomba guhuzwa n'inshingano y'Ubuyobozi bwa Gereza yo kurinda buri gihe cyose abo bashinzwe, ariko bigakorwa mu buryo nta kibangamiye ikindi.

5. Abafungwa bagomba kwemererwa, ariko babigenzurwamo, gushyikirana n'imiryango yabo n'iy'inshuti zabo zashobora kwizerwa, buri gihe runaka byaba mu nyandiko cyangwa se byaba gusurwa, bityo abaregwa bakaba bagomba gusubizwa uburenganzira bwo gusurwa n'imiryango yabo.

**Inzitizi zisaba gufungurwa by'agateganyo nta shingiro
zifite;
Urubanza ruzakomeza mu mizi.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003 ryavugururwe mu mwaka wa 2015, ingingo ya 14 (1), (2), iya 21 n'iya 22.

Itegeko ngenga N°01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko, ingingo ya 176.

Itangazo Mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948, Ingingo ya 25, igika cya mbere.

Amasezerano Mpuzamahanga mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19/12/1966 yashyizweho umukono n'u Rwanda ku wa 12/02/1975, ingingo ya 7, n'iya 10, igika cya mbere.

Amasezerano Mpuzamahanga ajyanye n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho y'abantu n'umuco yo ku wa 19/12/1966 u Rwanda rwemeje ku wa 12/02/1975, ingingo ya 12

Amasezerano Nyafurika y'uburenganzira bwa muntu n'abaturage yo ku wa 27/06/1981, u Rwanda rwashyizeho umukono ku wa 11/11/1981, rukayemeza ku wa 17/05/1983, ingingo ya 16, igika cya mbere.

Amabwiriza Mpuzamahanga agenga uburyo abagororwa bafatwamo yitiriwe Mandela (Nelson Mandela rules), Ingingo ya 10, iya 37 n'iya 44

Imanza zifashishijwe:

Bagosora v. the Prosecutor, ICTR, Case No. ICTR-98-41-A, Decision on Aloys Ntabakuze's Motions for Provisional Release and Leave to File Corrigendum, 2 September 2009.

Prosecutor v. Rašić, ICTY, Case No. IT-98-32/1-R77.2-A, Judgement, 16 November 2012.

Karemera et al. v. the Prosecutor, ICTR, Case No. ICTR-98-44-A, Decision on Mathiew Ngirumpatse's Motion for Provisional Release, 11 December 2012.

Rhode v. Denmark, European Court of Human rights, application N°10263/83

Ramirez Sanchez v. France, European Court of Human rights, application N°59450/00.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare burega Col. Tom Byabagamba, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd. Sgt Kabayiza François ibyaha byavuzwe haruguru, urwo Rukiko ruca urubanza N° RP0006/014/HCM ku wa 31/03/2016, rwemeza ko icyaha cyo guteza imvururu cyangwa imidugararo, icyaha cyo gukora igikorwa kigamije gusebya Igihugu cyangwa Leta uri umuyobozi, icyaha cyo guhisha nkana ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha n'icyaha cyo gusuzugura ibendera ry'Igihugu, bihama Col. Tom Byabagamba akaba agomba kubihanirwa, ko icyaha cyo guteza imvururu cyangwa imidugararo muri rubanda, icyaha cyo gukora igikorwa kigamije gusebya Leta ari umuyobozi n'icyaha cyo gutunga imbunda mu buryo bunyuranyije n'amatgeko bihama Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara akaba agomba kubihanirwa, rwemeza kandi ko icyaha cyo gutunga imbunda mu buryo bunyuranyije n'amategeko kidahama Rtd Sgt Kabayiza François akaba atagomba kugihanirwa, rwemeza ko ahamwa n'icyaha cyo guhisha nkana ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha, akaba agomba kugihanirwa.

[2] Ururukiko rwahanishije Col. Tom Byabagamba igifungo cy'imyaka 21, rumuhanisha kandi igihano cy'ingereka cyo kunyagwa amapeti ya Gisirikare, ruhanisha Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara igifungo cy'imyaka 20, naho Rtd Sgt Kabayiza François rumuhanisha igifungo cy'imyaka 5 n'ihazabu ya 500.000 Frw.

[3] Col. Tom Byabagamba, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François, bajuririye Urukiko Rw'Ikirenga. Nyuma y'ivugururwa ry'amategako, urubanza rwimuriwe mu Rukiko rw'Ubujurire hashingiwe ku ngingo ya 105 y'Itegeko N°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko, ikirego gihabwa N° RPA00001/2019/CA.

[4] Mu Rukiko rw'Ubujurire, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bwatanze inzitizi yo kutakira ubujurire bw'abaregwa kuko butakozwe nk'uko amategako abiteganyaga. Col. Byabagamba Tom, Rtd Brig. Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François nabo batanze inzitizi basaba ko bafungurwa by'agateganyo bakaburana bari hanze, bavuga ko ifungurwa ry'agateganyo basaba barishingira ku ngingo ya 105, igika cya mbere n'icya kabiri, y'Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 22/05/2019, Col. Byabagamba Tom yunganiwe na Me Musore Gakunzi Valery, Rtd Brig. Gen. Kanyambo Rusagara Frank yunganiwe na Me Buhuru Pierre Célestin, naho Rtd Sgt Kabayiza François yunganiwe na Munyandatwa S. Nkuba Milton, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare buhagarariwe na Cpt Nzakamwita Faustin, habanza gusuzumwa inzitizi zatanze, ababuranyi bamenyeshwa ko icyemezo ku nzitizi kizasomwa ku wa 31/05/2019.

[6] Ku wa 31/05/2019, Urukiko rw'Ubujurire rwaciye urubanza rubanziriza urundi ku nzitizi yo kutakira ikirego cy'ubujurire yatanze n'Ubushinjacyaha maze rwemeza ko iyo nzitizi nta shingiro ifite. Ku birebana n'inzitizi yatanze n'abajuriye, Urukiko rwemeje ko mbere yo kuyifataho icyemezo,

ruzabanza gukora iperereza rukagera aho bafungiyeye, ko iburanisha rizasubukurwa ku wa 13/06/2019.

[7] Iperereza ryashyizwe ku wa 05/06/2019, saa tatu n'igice za mu gitondo, uwo munsu ugeze, rikakorwa hari abaregwa, ababunganira mu mategeko hamwe n'Ubushinjacyaha.

[8] Ku itariki ya 13/06/2019, urubanza rwarasubukwye, abaregwa bajuriye ndetse n'Ubushinjacyaha, bunganiwe banahagarariwe nka mbere, buri ruhande ruhabwa umwanya kugira ngo rugire icyo ruvuye ku byavuye mu iperereza.

[9] Ku wa 28/06/2019, Urukiko rwafashe icyemezo gitegeka Ubuyobozi bwa Gereza ya Military Police, Rtd Sgt Kabayiza François afungiyemo cyo kumujyana kwa muganga usanzwe amuvura, kugira ngo amusuzume, akore raporo azageza ku rukiko yerekana uko ubuzima bwe buhagaze muri iki gihe kandi anerekane niba uburwayi bwe busaba ko avurirwa mu bitaro cyangwa ko yajya yivuye ataha kuri Gereza nk'uko bisanzwe.

[10] Iburanisha ryasubukwye ku wa 08/07/2019, abaregwa bitabye kandi bunganiwe nk'uko bisanzwe, Ubushinjacyaha buhagarariwe ndetse na Dr Nahayo wakoze raporo ashingiye kuri dosiye yo kwa muganga (electronic medical file) ya Rtd Sgt Kabayiza François, yitabye Urukiko kugira ngo agire ibisobanuro atanga kuri icyo raporo yakozwe.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

II.1. Kumenya niba Col Tom Byabagamba, Rtd Brig. Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François

bafungurwa by'agateganyo kubera ko batavuzwa mu buryo bukwiye

[11] Col.Tom Byabagamba avuga ko imwe mu mpamvu zituma asaba gufungurwa by'agateganyo, ari uko afite ikibazo cy'uburwayi bw'umugongo bumukomereye, ko umuti we ari siporo yo kugenda ndetse no koga, ko rero ibyo bitashoboka agumye aho afunguye kuko ari hato cyane kandi ko aho kogera ho atahabona. Rtd Brig. Gen Frank Kanyambo Rusagara we avuga ko arwaye indwara y'izabukuru yitwa prostate imukomereye, ko ariko afunguwe yashobora kwivuza neza ikaba yakworoha.

[12] Me Munyandatwa S.Nkuba Milton wunganira Rtd. Sgt. Kabayiza François avuga ko kuva agitangira kuburanishwa, atigeze ahwema kugaragariza Inkiko ikibazo cy'ubuzima bw'umukiliya bubangamiye n'uburwayi avuga ko bwatewe n'iyicarubozo yakorewe akimara gufatwa aho avuga ko ryamuteye uburwayi bw'imitsi ndetse n'ubujyanye n'umuvuduko w'amaraso uri hejuru cyane (180) (hypertension), ibyo bikaba byaraje byiyongera ku bundi burwayi bw'umwijima wa Hepathite B yari asanganywe. Avuga ko yivuriza muri CARAES i Ndera no muri RMH, akaba anywa ibinini 25 ku munsu. Asaba ko yafungurwa kuko n'igihano yakatiwe kigiye kurangira, ariko ko kuba aho afunguye nta bwinyagamburiro buhari bitewe n'uko aba mu buryamo bwa rusange, bikaba bimubangamiye nk'umurwayi urembye, ndetse n'Ubuyobozi bwa Gereza bukaba bwaranze ko ajya kurwarira mu bitaro nk'uko Muganga yabimwandikiye.

[13] Urukiko rwategetse ko Rtd Sgt Kabayiza François yazashyikirizwa Umuganga kugira ngo azamusuzume maze akore raporo yerekana uko ubuzima bwe bumeze muri iki gihe.

Ubushinjacyaha bwavuze ko Rtd Sgt Kabayiza François yanze ko bamujyana kuri RMH, nyirubwite we akavuga ko atanze, ko ahubwo yashakaga ko bamujyana ku Bitaro bya CARAES i Ndera kuko aribo basanzwe bamuvura. Dr Ndahayo Ernest wasuzumye dosiye ye ibitse mu buryo bw'ikoranabuhanga, yasobanuriye mu Rukiko ibikubiye muri raporo yakoze, avuga ko ubwe atasuzumye Kabayiza ariko yagendeye kuri raporo z'abandi baganga bamuvuye mbere. Yavuze ko Kabayiza afite uburwayi butuma igice gihera cy'amaguru n'icy'amaboko bigira intege nkeya, ko afite uburwayi bwa Hepatite B ndetse n'umuvuduko w'amaraso uri hejuru (hypertension), yagaragaje kandi ko izo ndwara arwaye ari izisanzwe ndetse ko bitamubuza kugira icyo akora keretse ari igisaba ingufu, ko ibimenyetso agaragaza bitatuma ajya mu bitaro keretse bibaye ngombwa ko aterwa imiti yo mu mutsi kandi nabwo yakoroherwa agataha.

[14] Abaregwa bose bavuga ko batishimiye uburyo bavuzwa kubera ko batabonana n'Abaganga igihe babishakiye kuko gereza hari ubwo ivuga ngo nta modoka ihari, ubundi ntibabajyane mu buryo bwihuse kandi Muganga hari ibyo aba yategetse bikenewe gusuzumwa, ko ikindi kibazo bafite mu kwivuzwa ni uko akenshi bahabwa abaganga batari inzobere zifite ubumenyi bujyanye n'indwara barwaye (specialists).

[15] Kuri icyo kibazo cyo kwivuzwa, Rtd Brig. Gen Frank Kanyambo Rusagara na Me Buhuru Pierre Célestin umwunganira, Rtd Sgt Kabayiza François na Me Munyandatwa S.Nkuba Milton, umwunganira, bavuga ko bafunguwe by'agateganyo, babasha kwivuzwa mu bwisanzure kuko uko bikorwa ubu, bivuzwa bahagarikiwe n'umusirikare wa Military Police, ku buryo batabona uko bavugana na Muganga ku burwayi bwabo, ko ibanga rigomba kuba hagati ya Muganga n'umurwayi

ntaryo bagirirwa bikaba bibangamiye ubuzima bwabo. Bakaba basaba ko mu gihe Urukiko rwasanga bagomba gukomeza gufungwa, rwategeka ko bafungwa mu buryo butabangamiye ubuzima bwabo kandi bakavuzwa uko bikwiye.

[16] Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara avuga na none ko afite ubwishingizi bwa MMI ariko ko yimwe uburenganzira bwo kubukoresha, ko ahubwo bamujyanye mu bwishingizi bwa Mutuelle de santé kandi hari imiti atabona bitewe n'ubwo bwishingizi ndetse no kuba yasuzumwa n'abaganga b'inzobere. Iki kibazo agihuriyeho na Col Tom Byabagamba uvuga ko cyagakwiye gusuzumwa mu buryo bugari kuko atumva impamvu umuntu ufunzwe yari umusirikare, yahagarikirwa ubwishingizi bwe muri MMI igihe cyose atarahamwa n'icyaha burundu, kuko igihe akiburana, aba agifatwa nk'umwere ku byaha uregwa(presumption of innocence) nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

[17] Me Munyandatwa S.Nkuba Milton avuga ko ingingo ya 14 n'ya 15 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ziteganya ko umuntu afite uburenganzira bwo kuvurwa, kandi ko umuntu ari umunyagitinyiro, ko ariko Rtd Sgt Kabayiza François we yahohotewe akimara gufatwa ari nabyo byamuviriyemo uburwayi afite, akaba asaba Urukiko ko rwamurekura by'agateganyo kugirango ashobore gushaka Umuganga umuvura kandi yihitiyemo.

[18] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko kuba abaregwa barwaye(Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara uvuga ko arwaye prostate), asanga igisubizo kuri ubwo burwayi bwabo kitaba kubafungura, kuko iyi mpamvu idateganywa n'amategeko kugira ngo ishingirweho hemezwa ko umuntu arekurwa by'agateganyo. Avuga ko ifungurwa ryabo ry'agateganyo basaba

uru Rukiko bashingira ku ngingo ya 105 y'Itegeko N°30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryavuzwe haruguru, ataribyo, ko ahubwo bagombye kurisaba bashingira ku ngingo ya 184 y'iryo tegeko, iteganya ko umucamanza wo mu Rukiko rwajuririwe ashobora gusabwa gufungura umuntu by'agateganyo.

[19] Ku byerekeranye no kwivuzwa, avuga ko abaregwa bivuzwa uko bikwiye, ko hari n'umuganga wa Military Police ubakurikirana umunsi ku wundi, naho kuvuga ko muganga abasuzuma hari umusirikare ucunga umutekano, Urukiko ntabyo rwabonye gusa igihari nuko baherekezwa kwa muganga, kandi bakavurwa uko bikwiye.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[20] Urukiko rurasanga, kugira ngo umuntu ufunzwe akurikiranyweho icyaha afungurwe by'agateganyo, agomba kwerekana impamvu zidasanzwe zituma arekurwa, Urukiko rusuzuma ishingiro ryazo harebwe umwihariko w'ikibazo cy'uregwa.

[21] Ingingo ya 21 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003 ryavugururwe mu mwaka wa 2015, iteganya ko "Abanyarwanda bese bafite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza", naho ingingo ya 22 yaryo ikavuga ko "Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye kandi hadafite ingaruka mbi ku buzima."

[22] Ingingo ya 16, igika cya mbere, y'Amasezerano Nyafurika y'uburenganzira bwa muntu n'abaturage yo ku wa 27/06/1981, u Rwanda rwashyizeho umukono ku wa 11/11/1981,

rukayemeza ku wa 17/05/1983¹, iteganya ko buri muntu afite uburenganzira ku buzima bwiza bw'umubiri no mu mutwe ashobora kwigezaho. Igika cya kabiri giteganya ko Ibihugu byasinye aya masezerano byiyemeje gufata ingamba za ngombwa kugirango zirengere ubuzima bw'abaturage no kubafasha kwivuza igihe barwaye.

[23] Ingingo ya 10, igika cya mbere, y'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 19/12/1966 yashyizweho umukono n'u Rwanda ku wa 12/02/1975² ateganya ko buri muntu wese ufunzwe agomba gufatwa neza kandi hubahirijwe agaciro gakwiye ikiremwa muntu. Naho ingingo ya 12 y'Amasezerano Mpuzamahanga ajyanye n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho y'abantu n'umuco yo ku wa 19/12/1966 u Rwanda rwemeje ku wa 12/02/1975³ ivuga ko Ibihugu byayashyizeho umukono byemeye ko buri muntu afite uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza bw'umubiri no mu mutwe ashobora kwigezaho. Igika cya 2, agace ka d) k'iyi ngingo kongeraho ko mu ngamba ibihugu bigomba gufata kugirango ubwo burenganzira bwubahirizwe harimo no gushyiraho uburyo bwihariye butuma buri wese abasha kuvurwa kandi akabona ubwishingizi cyangwa ubufasha bwo kuvurwa mu gihe arwaye.

[24] Ingingo ya 25, igika cya mbere, y'Itangazo Mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948, iteganya ko buri muntu wese afite uburenganzira ku mibereho myiza kugirango yite ku buzima bwe

¹ Reba Itegeko N° 10/1983 ryo ku wa 17/05/1983.

² Reba Itegeko-Teka N° 85/75 ryo ku wa 12/02/1975.

³ Reba Itegeko-Teka N° 85/75 ryo ku wa 12/02/1975.

n'ubw'umuryango we, abona ibiryo, imyambaro, icumbi, ubuvuzi n'ibindi bikenewe.

[25] Ku bijyanye n'uburenganzira bw'abagororwa ku buvuzi, Inama Rusange y'Umuryango w'Abibumbye yabifasheho umwanzuro A/RES/70/175 ku wa 17/12/2015 mu rwego rwo kuvugurura Amabwiriza Rusange ajyanye n'uburyo bwo kwita ku bagororwa azwi cyane nka Nelson Mandela Rules, yemeza ko mu byo abagororwa bemerewe harimo ibi bikurikira:

a) ko kuvurwa kw'abagororwa ari inshingano ya Leta, bagahabwa serivisi nk'iz'abandi baturage kandi mu buryo bwikurikiranya (ibwiriza rya 24);

b) ko buri gereza igomba kuba ifite serivisi z'ubuvuzi zitandukanye, zifite abakozi babifitiye ubumenyi, zikurikirana ubuzima bw'abagororwa hitawe cyane cyane ku bakeneye ubuvuzi bwihariye (ibwiriza rya 25);

c) ko serivisi zo kwa muganga zishobora kubika dosiye z'abagororwa barwaye, abagororwa bagahabwa dosiye zabo igihe bazikeneye cyangwa zikaba zasuzumwa n'undi muntu, umugororwa yifuza (ibwiriza rya 26)

d) ko mu gihe bikenewe, umugororwa ashobora kugezwa kwa muganga vuba kandi agahabwa ubuvuzi butanzwe n'inzobere hagendewe ku mwihariko wa buri ndwara (ibwiriza rya 27).

[26] Ku bijyanye n'ifungurwa ry'agateganyo kubera impamvu zidasanzwe z'uburwayi, mu gihe urubanza rw'ubujurire rukiburanishwa, Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda, n'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho icyahoze cyitwa Yugoslaviya, zahuriye ku kwemeza ko nta hame runaka ririhwo inkiko zikwiye

kugenderaho, ko ahubwo uko byagenda kose, bene izo mpamvu zisuzumwa hitawe ku mwihariko wa buri rubanza.⁴ Izo nkiko zasobanuye kandi ko impamvu zidasanzwe zituma uregwa afungurwa by'agateganyo zigomba kuba zishingiye ku bisobanuro bifatika (an acute justification) bijyanye no kugira ubumuntu.⁵

[27] Urukiko rurasanga, uburenganzira ku buzima buteganywa n'ingingo ya 21 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu mwaka wa 2003 ryavugururwe mu mwaka wa 2015, bushyirwa mu bikorwa hakurikijwe ingamba Leta yafashe kugirango abaturage bashobore kuvurwa kandi babone ubufasha bwatuma bavurwa igihe barwaye, iyi nshingano akaba ariyo u Rwanda rwiyejeje mu ngingo 16, igika cya mbere, y'Amasezerano Nyafurika y'uburenganzira bwa muntu n'abaturage yo ku wa 27/06/1981 no mu ngingo ya 12 y'Amasezerano Mpuzamahanga ajyanye n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibireho y'abantu n'umuco yo ku wa 19/12/1966, gushyira mu bikorwa izi nshingano akaba ari uguhesha agaciro ikiremwa muntu kabone nubwo yaba ari umuntu ufunzwe,

⁴ Reba *Bagosora v. the Prosecutor*, Case No. ICTR-98-41-A, Decision on Aloys Ntabakuze's Motions for Provisional Release and Leave to File Corrigendum, 2 September 2009, para. 16; *Prosecutor v. Rašić*, Case No. IT-98-32/1-R77.2-A, Judgement, 16 November 2012, para. 6. Reba kandi *Karemera et al. v. the Prosecutor*, Case No. ICTR-98-44-A, Decision on Matthew Ngirumpatse's Motion for Provisional Release, 11 December 2012, para. 4.

⁵ *Bagosora v. the Prosecutor*, Case No. ICTR-98-41-A, Decision on Aloys Ntabakuze's Motions for Provisional Release and Leave to File Corrigendum, 2 September 2009, para. 23; *Karemera et al. v. the Prosecutor*, Case No. ICTR-98-44-A, Decision on Matthew Ngirumpatse's Motion for Provisional Release, 11 December 2012, para. 4. Reba kandi *Karemera et al. v. the Prosecutor*, Case No. ICTR-98-44-A, Decision on Matthew Ngirumpatse's Motion for Provisional Release, 11 December 2012, para. 11.

nk'uko biteganywa n'ingingo ya 10, igika cya mbere y'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'imbenezamubano na politiki yo ku wa 19/12/1966 yibukijwe haruguru.

[28] Urukiko rurasanga, buri muntu afite uburenganzira ku mibereho myiza kugirango yite ku buzima bwe, ingingo ya 25, igika cya mbere, y'Itangazo Mpuzamahanga ku burenganzira bwa muntu ryo ku wa 10/12/1948, ikaba ivuga ko kubera iyo mpamvu umuntu wese ahabwa amahirwe ku ifunguro, ubuvuzi, imyambaro n'ibindi.

[29] Ku bijyanye n'ikibazo cyo kwivuka muri rusange, biragoye kumenya niba abagororwa bavurwa uko bikwiye, ariko na none byose biterwa n'intera ubuvuzi buba bugezeho mu gihugu. Kugira ngo umugororwa yivuze biramugora koko kuko nta baganga bahagije Gereza ziba zifite kandi kwivuka bikaba bihenze, ariko ku birebana n'uru rubanza, nubwo abaregwa bavugaga ko batishimiye uburyo ubuyobozi bwa gereza bubavuzi, ntibahakana ko bavurwa, kuko nk'inbandiko yo kwa muganga Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara yeretse uru Rukiko igaragaza ko yasuzumwe kandi yakurikiranywe n'Umuganga w'inzobere ubifitiye ubumenyi. Nanone kandi, inbandiko zo kwa Muganga, Sgt Kabayiza François yivurizaho, zeretswe uru Rukiko, zigaragara ko nawe avurirwa mu bitaro bishoboye nka RMH, CARAES i Ndera ndetse ko hari n'ibizamini yandikiwe kujya gukorera kuri Mediheal. Ikibazo bahura nacyo cyo kutabonera Muganga igihe bamushakije, Urukiko rwasanze atari ikibazo gihoraho cyangwa se cy'umwihariko kuri bo kubera ko bafunzwe, ko ahubwo bagisangiye n'abandi baturage badafunzwe kuko ahanini biterwa n'ubucye bw'abaganga b'inzobere Igihugu gifite, ibi rero bikaba bitaba impamvu yatuma bafungurwa by'agateganyo mu gihe Ubuyobozi bwa Gereza

bukurikiranira hafi ubuzima bwabo hakaba hari n'Umuganga ubasura hafi buri munsu areba ibibazo bafite, byaba ngombwa akabasabira rendez-vous ku muganga w'inzobere bifuzwa kwivurizaho.

[30] Ku kibazo cya Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara uvuye ko ibanga ryo kwivuka riba hagati y'umurwayi na Muganga ritubahirizwa iyo arimo asuzumwa, Urukiko rurasanga n'ubwo umuntu afite uburenganzira bwo gusuzumwa na muganga nta wundi uhari, byumvikana na none ko umuntu ufungurwa atafatwa nk'umuturage usanzwe, kumuherekeza aho asuzumirwa bikaba byakumvikana ko bikorwa mu rwego rwo kumucungira umutekano, uwa rubanda n'uwo Igihugu, ubwo burenganzira kw'ibanga ryo kwivuka bukaba bugomba guhuzwa n'inshingano y'Ubuyobozi bwa Gereza yo kurinda buri gihe cyose abo bashinzwe, ariko bigakorwa mu buryo nta kibangamiye ikindi.

[31] Ku kibazo cya Col Tom Byabagamba na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara cy'uko Ubuyobozi bwa Gereza butabemerera kwivuka bakoresheje ubwishingizi bari basanganywe bwa MMI, Urukiko rurasanga icyangombwa atari ubwoko bw'ubwishingizi bakoresha bavurwa ahubwo ari ukumenya niba bavurwa uko bikwiye, imbere y'uru Rukiko bakaba baremeye ko bavurirwa mu Bitaro bya Gisirikare bya Kanombe, bimwe mu bitaro bikomeye mu gihugu, bifite inzobere zifite inararibonye mu kuvura indwara zitandukanye, kuba bavurwa hakoreshejwe Mutuelles de Santé akaba ataribwo byaba impamvu idasanzwe yatuma bafungurwa by'agateganyo kuko iyo bibaye ngombwa, ubuyobozi bwa Gereza bubavuka aho basuzumwa n'abaganga babifitiye ubushobozi.

[32] Ku kibazo cya Rtd Sgt Kabayiza François uvuga ko afite uburwayi butatuma akomeza gufungwa, Urukiko rurasanga mu cyemezo cyarwo cyo ku wa 28/06/2019, rwarifuje kumenya uko ubuzima bwe bwifashe muri iki gihe, niba ari ngombwa ko avurwa ari mu bitaro, ariko nk'uko byagaragariye urukiko igihe cy'iburanisha ryo ku wa 08/07/2019, ntiyatumye icyo cyemezo gishyirwa mu bikorwa, kuko uwagombaga kumujoyana kwa muganga kugira ngo asuzumwe, yabwiye urukiko ko yanze ko ajyanwa gusuzumirwa mu bitaro bya Kanombe, ko ashaka gusuzumirwa mu bitaro by'i Ndera, kandi na Rtd Sgt Kabayiza François ubwe akaba yemera ko yagaragaje icyo cyifuzo, mu gihe nyamara iyo ajyanwa gusuzumirwa mu bitaro bya Kanombe, aribyo byashoboraga kumwohereza ahandi igihe byari gusanga ari ngombwa.

[33] Byongeye kandi, nk'uko byavuzwe no ku bandi, Rtd Sgt Kabayiza François akurikiranwa n'abaganga, ndetse ubwo Urukiko rwakoraga iperereza aho afungiyey, rwiboneye dosiye ye yo kwa muganga, igaragaza ko anashakirwa rendez-vous ku baganga b'inzobere, ndetse no mu iburanisha ry'ubushize, akaba yararetse Urukiko ko afite *rendez-vous* yo gukoresha ibizamini kuri MEDIHEAL.

[34] Urukiko rurasanga imvugo z'abaregwa ko batishimiye uburyo bavurwa, nta bimenyetso bifatika byerekana ko uko bikorwa bibangamiye ubuzima bwabo, kuko Leta ibavuze nk'uko ibikora ku bandi baturage bose, ndetse bo bakaba bafite akarusho kuko hari Umuganga wa Gereza ukurikiranira hafi ubuzima bwabo, igihe umuturage usanzwe utari mu gihano atari igihe cyose abona amahirwe n'amikoro yo gusuzumwa n'inzobere uko abishatse. Byongeye kandi, igihe Urukiko rwajyaga mu iperereza, abaregwa barubwiye ko Gereza yemerera imiryango

yabo kubashakira imiti ihenze igihe ikiguzi cyayo kirenze amikoro ya Leta, kuba rero ibiteganywa n'Itegeko Nshinga, amategeko n'Amasezerano Mpuzamahanga ndetse n'amabwiriza y'Umuryango w'Abibumbye byavuzwe haruguru, ku birebana n'uburyo imfungwa n'abagororwa bavuzwa, byubahirizwa uko bikwiye, iyi mpamvu yo gusaba gufungurwa kubera kutavurwa mu buryo bukwiye nta shingiro ifite.

II.2. Kumenya niba Col Tom Byabagamba, Rtd Brig. Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François bafungurwa by'agateganyo kubera ko bafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko

[35] Me Buhuru Pierre Célestin wunganira Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara, Me Musore Gakunzi Valery wunganira Col Tom Byabagamba na Me Munyandatwa S.Nkuba Milton, umwunganira, avuga ko Rtd. Sgt Kabayiza François bavuga ko abo bunganira bafungiwe ahantu hatategetswe n'Urukiko kuko ubu bafungiye muri Military Police i Kanombe aho kuba muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, ko ibyo Ubushinjacyaha buvuga ko Military Police i Kanombe ari extension ya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi atari byo kuko nta teka ryigeze riyishyiraho, kandi ko niyo yaba ari extension, Military Police itagomba gukuraho icyemezo cy'Urukiko Rukuru rwa Gisirikare rwategetse aho bafungirwa . Bavuga ko aho abagororwa bafungirwa n'uburyo bafungwamo, bigengwa n'amategeko aho kuba imicungire ya Gereza (management) nkuko Uhagarariye Ubushinjacyaha bwa Gisirikare abivuga, kuko byaba ari ukwirengagiza ibiteganywa n'Itegeko Nshinga by'uko ibyemezo by'inkiko bigomba gukurikizwa na buri wese.

[36] Me Buhuru Pierre Célestin na Me Musore Gakunzi Valery bavuga kandi ko abo bunganira bafungiye mu kato, ko

baba ahantu hafunganye cyane kandi bakaba nta muntu n'umwe bashobora kubonana nawe uretse umusirikare ubazanira ibiryo, ko aho bafungiye ubuyobozi bwa Military Police bwabanje kuhakora basiba imyanya yose yatuma bumva amajwi y'abandi bantu cyangwa bakabonana, yemwe n'abandi bahafungiye, ibyo bikaba bimaze igihe kija kungana n'imyaka itanu (5), ko rero basanga abaregwa barimo gukorerwa iyicarubozo ryo mu mutwe no mu bitekerezo (torture psychologique) kandi bibuzwa n'ingingo ya 6 y'amahame agenga abafungwa.

[37] Col.Tom Byabagamba asobanura ko impamvu avuga ko afungiye mu kato, ari ko aba wenyine akaba nta muntu ahura nawe (human contact), ko adashobora no kubonana na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara bavuga ko ari icyitso cye. Avuga ko yibaza impamvu afunzwe muri ubwo buryo nyamara ibyaha aregwa bidahanishwa gufungirwa mu kato, ibi we akaba abifata nk'iyicarubozo bakorerwa kuko amabwiriza mpuzamahanga azwi ku izina rya Mandela Rules abibuza, cyane cyane ingingo yayo ya 43 iteganya ko akato kadafite aho kagarukiye mu gihe kabujijwe, kuko n'igihe byaba ngombwa ko bagashyiramo umufungwa, bidakwiye ko birenga iminsi 15, naho ingingo ya 41(2) y'amabwiriza amaze kugvugwa ikavuga ko umuntu ufungiwe mu kato agomba kumenyeshwa impamvu afashwe gutyo, ko rero we kugeza ubu atigeze amenyeshwa impamvu yashyizwe muri ako kato.

[38] Akomeza asobanura ko n'ubushakashatsi bw'abahanga bwagaragaje ko iyo umuntu amaze amasaha 22 ku munsu adahuye n'undi muntu ngo baganire amubwire icyo ashatse ndetse anamubaze icyo ashatse atariwe ubyishakiye, bikamara iminsi 15 ikurikiranye, biba byabaye akato kandi ko banabonye ko akato

(social isolation) gashobora kwangiza umuntu mu mutwe kurusha ibiyobyabwenge.

[39] Col. Tom Byabagamba avuga ko asaba Urukiko ko rwamufungura by'agateganyo agakurikiranwa ari hanze, kuko ingingo ya 45 ya Mandela Rules ibuza ko umufungwa ashirwa mu kato mu gihe afite ikibazo cyo mu mutwe, cyangwa cy'ubuzima muri rusange, nitewe n'uko ako kato katuma icyo kibazo kiyongera, ku bimurena akaba yerekanye ko afite ikibazo cy'ubuzima butameze neza.

[40] Me Buhuru Pierre Célestin na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara, bavuga ko ikindi kimubangamiye, ari uko nta bwisanzure afite mu buzima bwe bwite (privacy) kuko hari za cameras zitunze ku cyumba cye ; ikindi kibazo gikomeye afite kikaba kijyanye nuko ntahateganyirijwe imikino n'indi myidagaduro ku mfungwa (aha barinubira ko badakora siporo).

[41] Abajuriye uko ari batatu bahuriye kandi ku kibazom kijyanye n'uko badahabwa uburenganzira bwo kubonana na ba Avoka babo iyo atari igihe cyo kuburana, ko hari hashize imyaka itatu batabonana nabo, kuko baherukanaga igihe urubanza rwabo rwasomwaga mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare ku itariki ya 30/03/2016, aba Avoka bakaba bongeye gukomorerwa ejo bundi mu kwa Gicurasi 2019, ari uko urubanza rw'ubujurire ruhamagawe, nyamara nta mpamvu nimwe yatuma Avoka abuzwa gusura uwo yunganira nk'uko biteganywa n'amahame mpuzamahanga ajyanye n'uburyo abantu bafunze bagomba gufatwa. Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Col Tom Byabagamba binubira na none kuba batabemerera gusurwa n'imiryango yabo, mu gihe ingingo ya 43 (3) ya Mandela Rules, ivuga ko mu bihano byose umufungwa ashobora guhabwa kubera imyitwarire ye, hatabamo kwamburwa uburenganzira bwo

gusurwa n'umuryango we; bityo rero bakaba babona nta mpamvu nimwe ituma batabemerera gusurwa n'imiryango yabo nk'uko bimeze ku bandi bagororwa.

[42] Me Buhuru Pierre Célestin avuga ko ibisobanuro byatanzwe na Col. Kayigire Joseph, uyobora Military Police, igihe Urukiko rwajyaga mu iperereza aho abaregwa bafungiye, ko impamvu ituma uwo yunganira adasurwa ari ukubera imyitwarire ye, asanga imvugo ye itahabwa ishingiro, kuko iyo myitwarire itigeze igaragazwa. Byongeye kandi, ingingo ya 18 y'Amahame agenga abafungwa itanga uburenganzira k'umufungwa bwo gusurwa na Avoka we ; ariko ko n'ubwo igihe urubanza rwari rumaze gushyirwa kuri gahunda y'iburanisha y'Urukiko baje guha abaregwa uburenganzira bwo gusurwa na ba Avoka babo, Urukiko rwabonye ko aho baganirira nta bwisanzure buhari, kuko bavugana hari abandi bantu, mu gihe nyamara nta muntu wemerewe kumviriza ibyo Avoka aganira n'umukiliya we.

[43] Me Musore Gakunzi Valery, ashimangira ibyavuzwe na mugenzi we haruguru, avuga ko umuntu uregwa afite uburenganzira ahabwa n'amategeko bwo kunganirwa, igihe cyose akiburana kabone n'iyo urubanza rwaba rwararangiye rwarabaye ndakuka, ko kuba baramubujije gusura umukiliya we mu gihe cy'imyaka itatu (3) yose nta kundi byakwitwa uretse gufungirwa mu kato kavugwa mu masezerano mpuzamahanga ku iyicarubozo (voir PIDCP) no mu mabwiriza mpuzamahanga yitiriwe Nelson Mandela azwi ku izina rya Mandela Rules. Asoza asaba ko uwo yunganira afungurwa by'agateganyo kuko impungenge zo kwotsa igitutu abatangabuhamya Inkiko zari zifite, nta zigihari bitewe nuko yamaze gucurwa urubanza ku

rwego rwa mbere, ko ahubwo bibaye ngombwa yategekwa ibyo yakubahiriza mu gihe ari hanze.

[44] Me Musore Gakunzi Valery avuga ko imiburanire yabo yose igamije gushimangira ubusabe bwabo bunganira bwo gufungurwa by'agateganyo igihe urubanza ruriko kuburanishwa mu mizi, ko n'ubwo nawe yemera ko gufungwa ari ukwamburwa uburenganzira bwo kujya aho ushaka, asanga nta gufungwa neza kubaho kwatuma umuntu adahura n'abandi, ko ibyo Ubushinjacyaha buvuga ko aho Col.Tom Byabagamba na bagenzi be bari bahashyizwe kubera icyubahiro cyabo, abona atari byo kuko hari abandi ba Colonnels bafungiyeye ku Mulindi.

[45] Uhagarariye Ubushinjacyaha, Cpt.Faustin Nzakamwita, avuga ko akato abaregwa bavuga ko bafungiyemo nta kuri kurimo kuko nk'uko Urukiko rwabyiboneye, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara aryama ahantu hisanzuye, hari igitanda, umufariso, inzitiramibu, frigo, kandi muri icyo cyumba harimo ubwiherero, amazi n'amashanyarazi, ikindi kandi inzugi n'amadirishya birahagije ndetse birafungurwa. Ibyo kuvuga ko atabona aho akorera siporo, nabyo sibyo kuko imbere y'icyumba cye hari imbuga nini yatemberamo kandi nk'uko byagaragaye igihe cy'iperereza, abari aho basanze afite akagare ka siporo yanyonga, bityo rero, ibyo bavuga ko akorerwa iyicarubozo sibyo kandi umwunganizi we azi icyo iyicarubozo ari cyo, akaba yibaza niba koko gufungirwa ahantu ha wenyine ari iyicarubozo kandi nk'uko byagaragaye, aho bafungiyeye ntihabangamiye ikirenwamuntu kuko bafite ibyangombwa byose ndetse bemererwa ko imiryango yabo iboherereza amafaranga bakagura icyo bashatse, ko ariko batagomba kwirengagiza ko iyo ufunzwe hari ibyo udashobora kubona nk'uko ubyifuza, asaba Urukiko ko

rwazita kucyarujiyanye igihe rwari rugiye gukora iperereza kuko ibindi abagororwa bavuga ntaho bihuriye n'urubanza.

[46] Ku bijyanye no kuba hari inzugi n'amadirishya byishwe cyangwa hari cameras zashyizwe aho bafungiye, uhagarariye Ubushinjacyaha bwa Gisirikare abona nta kibazo kibirimo, kuko ziriya cameras zashyizweho mu rwego rwo gucungira abafungwa umutekano kandi ko ibihugu byose bifite amikoro bibikora. Ku bijyanye no kuba bafungiye muri extension ya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, avuga ko byatewe n'urwego barimo (rank bafite) ari nayo mpamvu aho bafungiye hatandukanye naho Rtd Sgt Kabayiza François afungiye kuko we afungiye mu nzu ya rusange. Yongeraho ko ikindi cyatumye nka Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara avanwa muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi agashyirwa aho ari ubu, byatewe n'imyitwarire ye no kugirango adakomeza gushyira umwuka mubi mubandi bafungwa kuko yari yatangiye kubikora akiri muri Gereza ya Gisirikare ya Mukindi.

[47] Ubushinjacyaha buvuga ko ibi bibazo byose bijyanye n'aho abaregwa bafungiye, uburyo bafunzwe, isurwa ryabo, kwivuzwa n'ibindi bigomba guharirwa Management ya Gereza bafungiyemo, ko Ubuyobozi bwayo bujya gufata icyemezo cyo kugira ibintu bimwe na bimwe buba bubabujije mu gihe runaka, byatewe n'imyifatire yabo. Ku mvugo y'abaregwa ko badasurwa n'imiryango yabo, avuga ko nko kuri Col Tom Byabagamba, hari inyandiko yafatanywe zifitanye isano n'icyaha bakurikiranyweho, ko ariko nibahindura imyitwarire yabo bazakomorerwa bikongera gukorwa nk'uko mbere byari bimeze.

[48] Ubushinjacyaha buvuga ko Rtd Sgt Kabayiza François yavanywe muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi ajyanywa gufungirwa muri Military Police i Kanombe kubera inyungu ze,

kuko Ubuyobozi bwa Gereza bwagiraga ngo bumwegereze Umuganga w'inzobere muri Rwanda Military Hospital i Kanombe, ko ariko adashaka kuhaba yabisaba Military Police igahita imusubiza ku Mulindi, asoza avuga ko kubijyanye n'uburenganzira bwo gusurwa, Kabayiza we nta kibazo afite kuko umuryango we umusura.

[49] Ubushinjacyaha buvuga ko ibyo abaregwa bavuga ko bafungiyeye mu kato ataribyo, kuko Gereza ya Gisirikare yubahiriza amategeko nk'ayandi magereza, ko nta hantu igira ho gufungira mu kato kuko nta abahanishijwe icyo gihano ifite, naho ibyo bavuga ko bafungiyeye mu Kigo cya Gisirikare nabyo nta kuri kurimo, kukoaho bafungiyeye i Kanombe ari ishami (extension) rya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi.

[50] Ubushinjacyaha buvuga ko ibyo Avoka wa Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara avuga ko bumvirizwa iyo aganira n'umukiliya we, nta bimenyetso abitangira uretse kubivuga gusa, bityo bikaba nta gaciro byahabwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[51] Ingingo ya 14 (1) niya (2) y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavugururwe muri 2015, iteganya ko “umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahunzabanywa ku mubiri no mu mutwe. Ntawe ushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by'ubugome, ibikorwa bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro”.

[52] Ingingo ya 22 y'Itegeko Nshinga rimaze kuvugwa, iteganya ko “umuntu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hatunganye kandi hadafite ingaruka mbi ku buzima”.

[53] Ingingo ya 44 y'Amabwiriza Mpuzamahanga agenga uburyo abagororwa bafatwamo yitiriwe Mandela (Nelson Mandela rules) iteganya ko “akato (solitary confinement) ari ugufunga umugororwa igihe kingana n'amasaha 22 cyangwa umunsi wose nta muntu avugana nawe; gufungirwa mu kato bimara igihe kirekire ntibigomba kurenza iminsi 15 ikurikiranye⁶”.

[54] Ingingo ya 10 y'amahame agenga imicungire ya gereza riteganya ko “muri buri cyumba umunyururu agomba kuryamamo nijoro bigomba kuba bihuje n'amategeko y'isuku, hakurikijwe imiterere y'ibihe, nk'ibyerekereye ibipimo by'umwuka ukenerwa, ubuso ntaregwa bugenewe buri munyururu, urumuri, ubushyuhe n'umwuka.”

[55] Urukiko rurasanga, ibyo Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara, Col Tom Byabagamba na Rtd Sgt Kabayiza François bavuga ko bafunzwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko kubera ko bafungiye ahantu hanyuranye n'aho icyemezo cy'Urukiko cyategetse, ko aho kuba muri Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, ahubwo bafungiye muri Military Police, nta shingiro bikwiye guhabwa, kuko kuba barindwa na Military Police ataricyo kigaragaza ko bafungiye muri kasho y'Ubugenacyaha bwa Gisirikare mu gihe uwo mutwe ushinze no kurinda abakatiwe

⁶ Mandela rules, rule 44 provides that solitary confinement shall refer to the confinement of prisoners for 22 hours or more a day without meaningful human contact. Prolonged solitary confinement shall refer to solitary confinement for a time period in excess of 15 consecutive days.

n'inkiko za gisirikare, ahubwo ubuyobozi bwa Military Police basobanuriye urukiko ko aho bafungiye ari ishami rya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi, naho ku birebana n'amazu cyangwa ibyumba bagomba gufungirwamo, Urukiko rurasanga ari ikibazo kirebana n'imirere ya Gereza kuko ariyo ifite ububasha bwo gushyira umugororwa aho ibona ari ngombwa ikurikije ubuzima bwe, imimerere ye bwite, imyifatire ye, ubuzima yabayemo, icyubahiro cye, uburemere bw'ibyaha akurikiranyweho n'ibindi, ibi bigakorwa hubahirijwe uburenganzira bwe bw'ibanze n'agaciro gahabwa ikiremhamuntu, bityo akaba nta bimenyetso batanga byerekana ko aho bafungiye hanyuranyije n'amategeko kuko Ubuyobozi bwa Military Police n'Ubushinjacyaha basobanuye ko ari ishami rya Gereza ya Gisirikare ya Mulindi kandi ko bahabazanye kubera impamvu zumvikana zirimo nko kwegereza Sgt Kabayiza François abaganga ba RMH, bamukurikirana naho abandira hakaba harimo ikibazo cy'imyitwarire kuri Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara bangaga ko akomeza gushyira umwuka mubi mu bandi bafungwa, bityo akaba ntaho bashingira bavuga ko bafungiwe ahantu hanyuranyije n'amategeko.

[56] Ku bivugwa na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Col Tom Byabagamba ko bafungiye mu kato kandi ko ibyo bisobanuye ko barimo gukorerwa iyicarubozo, ingingo ya 176 y'Itegeko N°01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko ahana iteganya ko "Iyicarubozo ari igikorwa icyo ari cyo cyose kibabaza umubiri cyangwa ubwenge, cya kinyamaswa, gikoranywe ubugome cyangwa gitesha agaciro, gikozwe ku muntu ku bushake hagamijwe kumushakaho inkuru cyangwa ukwemera, kuryozwa igikorwa yakoze ubwe cyangwa akekweho kuba yakoze, cyangwa yakozwe n'undi uwo ariwe wese, hagamijwe kumutera ubwoba cyangwa kumushyiraho

agahato cyangwa kubikorera undi n'izindi mpamvu zose zishingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose”.

[57] Ingingo ya 7 y'Amasezerano Mpuzamahanga mu bya Politiki n'Imbonezamubano yo ku wa 10/12/1966 yemejwe n'u Rwanda, iteganya ko “umuntu atagomba kwicwa urubozo cyangwa ngo agirirwe ibikorwa bibabaza umubiri, naho ingingo ya 10 (1) yayo igateganya ko buri muntu wese agomba gufatwa neza kandi hubahirijwe agaciro gakwiye ikiremhamuntu.”

[58] Ikibazo cy'abagororwa bafungirwa ahabonyine, cyagiye kivugwaho n'abantu benshi, nk'Akanama k'uburenganzira bwa muntu mu Muryango w'Abibumbye, gasesengura urubanza rwa Vuolanne vs. Finland, wari wareze Igihugu cye avuga ko yafungirwe ahawenyine, iyo Komite yasanze hagomba gusuzumwa umwihariko wa buri rubanza kugira ngo hemezwe niba kuba umuntu ufungirwe ahawenyine (contextual appraisal) bisobanuye ko aba yakorewe icyarubozo. Iyi Komite yemeje ko Vuolanne nta kato yashyizwemo kuko icyumba afungirwemo gifite ubuso bwa 2x3 metres, gifite amadirishya, uburiri, intebe, ameza n'umuriro w'amashanyarazi, kandi ko yemererwaga kujya hanze gukora imyitozo ngororamubiri no gufata umwuka wo hanze n'ubwo atari yemerewe kuvugana n'abandi bagororwa⁷.

[59] Uyu ni nawo murongo wafashwe n'Urukiko rw'i Burayi ku burenganzira bw'ikiremhamuntu, aho mu rubanza rwa Rohde v. Denmark rwemeje ko n'ubwo Rhode afungirwe ahawenyine, nta icyarubozo akorerwa kuko afungirwe mu cyumba gifite ubuso bungana na m² 6, kandi akaba yemerewe kumva radiyo, kureba televiziyo, gukora imyitozo hanze mu gihe kingana n'isaha imwe

⁷Communication N^o 265/1987, A. Vuolanne v. Finland (view adopted on 7 April 1989), in UN doc. GAOR, A/44/40, p.249, para.2.2 and p.250, para.2.6.

buri muni, ko yemerewe gutira ibitabo mu isomero rya gereza, ko avuzwa, ko avugana n'abakozi ba gereza harimo n'abamurinda, rimwe na rimwe n'abapolisi bamukoresha ibazwa cyangwa igihe yagiye mu Rukiko kuburana, ndetse ko yemerewe gusurwa n'umuryango we n'ubwo bavugana abamurinda bari hafi aho⁸ ; ibi kandi binahura n'ibyemejwe n'urwo Rukiko mu rubanza rwa Ramirez Sanchez v. France, rwaburanishijwe n'abacamanza 17, bagasanga kuba umugororwa afite ibyangombwa by'ibanze umuntu akenera mu cyumba ariyemurira, afite umwanya uhagije, ubwihereho, aho kwiyuhagira, afite ibitabo n'ibinyamakuru asoma,televiziyo na radiyo ndetse akagira aho atemberera hafi y'icyumba cye, aba afunzwe mu buryo bukwiye ikiremamwamuntu, ko kuba umuntu afungirwe ahawenyine ubwabyo bitafatwa nk'igikorwa kidakwiye ikiremamwamuntu. Basanze kandi kuba uwo mufungwa yaraturwaga rimwe mu cyumweru n'umupadiri na rimwe mu kwezi n'Abavoka be, atari afunzwe mu buryo bw'akato kuzuye (isolement social total) ko akato yarimo katari kari igice (isolement partiel).⁹

⁸ European commission of human right, R v. Denmark, application N°10263/83, PP.153-154: Commission concluded that having regard to the particular circumstances of the confinement in question , it was not of such of such severity as to fall within the scope of article 3 of the convention, because the applicant was kept in cell of approximately six square metres, that he was allowed to listen radio and watch television , he allowed exercise in open air for one hour every day , he could borrow books from prison library , he was in daily contact with the prison staff several times a day and sometimes also with other persons in connection with police interrogations and the courts hearings, he was under medical observation , and finally , that although he was subjected to restrictions with regard to visits during this period, he was allowed to receive controlled visits by his family.

⁹ Cour européenne des droits de l'homme, requête N° 59450/00: l'exclusion d'un détenu de la collectivité carcérale ne constitue pas en elle-même une sorte de traitement inhumain.

[60] Mu gusesengura urundi rubanza rw'uwitwa Gomez de Voituret v. Uruguay, Akanama k'uburenganzira bwa muntu mu Muryango w'Abibumbye kabonye ariko, ko kuba yari afungiyeye ahawenyine mu gihe kingana n'amezi arindwi (7) ari iyicarubozo kuko mu cyumba cye nta rumuri rw'izuba rwahageraga (natural light), ibyo bikaba bitubahirije agaciro gakwiye ikiremnamuntu, bityo kemeza ko ingingo ya 10 (1) y'Amasezerano Mpuzamahanga mu bya Politiki n'Imbonezambano¹⁰ itubahirijwe.

[61] Urukiko rurasanga, hashingiwe ku byemezo byafashwe mu nkiko z'ahandi zavuzwe haruguru, ndetse no ku isesengura ryakozwe n'Akanama k'uburenganzira bwa muntu mu Muryango w'Abibumbye ku manza zaciwe n'izo nkiko hasuzumwa ibirego by'abafungwa bavugaga ko kuba bafungiyeye mu cyumba cya bonyine ari iyicarubozo bakorerwa, hagomba kurebwa niba ibyo Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Col Tom Byabagamba bavugaga ko kuba buri wese afungiyeye mu cyumba cya wenyine (solitary confinement) ari ugukorerwa iyicarubozo imbere y'amategeko y'u Rwanda n'Amasezerano Mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

[62] Mu iperereza Urukiko rwakoreye aho abaregwa bafungiyeye, rwasanze Col. Tom Byabagamba na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara bahabwa iby'ibanze umugororwa akenera kuko icyumba buri wese abamo gifite ubuso buhagije, kirimo igitanda n'umufariso, inzitiramibu, ubwiherero bwo mu nzu, amazi, amashanyarazi; gifite inzugi n'amadirishya bihagije, buri wese afite kandi imbuga ashobora kugendagendamo igihe abishatse akaba yakota n'izuba. Byagaragariye Urukiko kandi ko

¹⁰ Communication N° 109/1981, T. Gomez de Voituret v. Uruguay (views adopted on 10 April 1984) in UN doc. GAOR, A/39/40, p.168, paras.12.2-13.

bakorerwa isuku, bafite ubamesera, bafite igare rya siporo bakoresha imyitozo ngororamubiri, kandi Col. Kayigire Joseph uyobora Military Police yarusobanuriye (bahari) ko imiryango yabo iboherereza amafaranga bibikira bakayagura ibyo bakeneye. Urukiko rurasanga kandi, kuvuga ko nta muntu babonana (human contact), atari byo, kuko bahura n'abakozi ba Gereza, bafite Umuganga wa Gereza ubasura uko bamukeneye, byaba ngombwa bakajyanwa kwa muganga, ndetse bahawe umusirikare ubafasha bakamutuma ibyo bakeneye byose, akabategurira amafunguro akanayabazanira.

[63] Ku birebana no gusurwa, Col Kayigire Joseph yabwiye Urukiko ko abagororwa basurwa n'imiryango n'inshuti zabo hakurikijwe amabwiriza ya Gereza, ko udasurwa ari uko umuryango we uba utabisabye kuko ntawe ubyangirwa, yongerako ko icyatumye muri iki gihe barahinduye gahunda y'isurwa ya Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Col Tom Byabagamba, byatewe n'imyitwarire yabo, ko ariko nibayihindura bakubahiriza amabwiriza ya gereza, bazongererwa ibihe byo gusurwa, ibi byose bikaba byumvikanisha ko ibyo baburanisha ko bafungiyemo mu kato nta shingiro bifite.

[64] Urukiko rurasannga ariko, hashingiwe ku biteganwya n'amabwiriza agenga imicungire y'amagereza, mu mutwe wa gatanu wayo, mu ihame rya 37, ateganya ko abafungwa bagomba kwemererwa, ariko babigenzurwamo, gushyikirana n'imiryango yabo n'iy'inshuti zabo zashobora kwizerwa, buri gihe runaka byaba mu nyandiko cyangwa se byaba gusurwa, bityo rero Col Tom Byabagamba na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara bakaba bagomba gusubizwa uburengazira bwo gusurwa n'imiryango yabo, bigakorwa hakurikijwe amabwiriza y'imicungire ya Gereza bafungiyemo.

[65] Urukiko rurasanga kuba Col. Tom Byabagamba na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara, buri wese afungiye mu cyumba cya wenyine, bitakwitwa iyicarubozo ubwabyo ku mpamvu zasobanuwe haruguru, kuko uburyo bafunzwemo bwubahirije uburenganzira bw'ikiremnamuntu, bitandukanye n'ibyo Urukiko rwasanze mu rubanza rwa Gomez de Voituret wareze igihugu cye Uruguay, kuko we icyumba yabagamo kitageragamo urumuri nk'uko byasobanuwe haruguru.

[66] Hashingiwe ku byasobanuwe haruguru, Urukiko rurasanga ifungurwa ry'agateganyo abaregwa basaba batarihabwa kuko impamvu bashingiraho babisaba, nta shingiro zifite.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[67] Rwemeje ko inzitizi yatanze na Col. Tom Byabagamba, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François yo gufungurwa by'agateganyo igihe bakiburana ubujurire bwabo, nta shingiro ifite.

[68] Rutegetse ko Col. Tom Byabagamba, Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara na Rtd Sgt Kabayiza François bakomeza kuburana urubanza ku bujurire bwabo bafunzwe.

[69] Rutegetse ko Col. Tom Byabagamba na Rtd Brig Gen Frank Kanyambo Rusagara basubizwa uburenganzira bwo gusurwa n'imiryango yabo, bigakorwa hakurikijwe amabwiriza y'imicungire ya Gereza bafungiyemo.

[70] Rwemeje ko iburanisha ry'urubanza mumizi rizaba ku wa 24/07/2019, saa mbiri n'igice za mu gitondo.

[71] Ruvuze ko amagarama y'urubanza asubitswe

**RWANDA LAW
REPORTS**

ENGLISH VERSION

TABLE OF CONTENTS

TEAM OF EDITORS.....	ii
MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE.....	iii
PREFACE	v
SCOPE OF THE REPORTS	vi
CITATION	vi
LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED.....	vii
LIST OF CASES CONSIDERED.....	ix
SUBJECT INDEX.....	x
KIGALI CITY v NDAKENGERRWA GASANA.....	1
MUTONI v NIWENSHUTI ET.AL.....	27
SUCCESSION MUKAGAHIMA v. NGARAMBE.....	51
EXPERTS CONSULTANTS UNITED INC, UGANDA Ltd (ECU) v. ROYAL HASKONING DHV(Pty) Ltd.....	73
MININTCO Ltd v. DOBUSJES Ltd	93
PROSECUTION v. Col. BYABAGAMBA ET.AL.....	115

TEAM OF EDITORS

LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

MWIHOREZE Claudine

MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	:	President of the Committee Judge at the Court of Appeal
Dr. MUHIRE G. Yves	:	Vice President of the Committee Lecturer at the School of Law/UR
BUKUBA Claire	:	Secretary of the Committee Inspector of Courts
Dr.KARIMUNDA M. Aimé	:	President of Court of Appeal
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	:	Judge at Supreme Court
NDAHAYO Xavier	:	President of High Court
RUTAZANA Angeline	:	Inspector General of Courts
KALIWABO Charles	:	Judge at the Court of Appeal
Dr. KAYIHURA Didas	:	Rector of ILPD
BWIZA N. Blanche	:	Inspector of Courts

KIBUKA Jean Luc	:	Judge at Commercial High Court
HABARUREMA Jean Pierre	:	Prosecutor at National level
BUNYOYE Grace	:	Prosecutor at National level
KABIBI Specioza	:	State Attorney
MUREREREHE Saouda	:	Judge at High Court
Lt. col. MADUDU A. Charles	:	Judge at Military Court
UWANTEGE Yvette	:	President of the Intermediate Court
GIRANEZA Clémentine	:	Judge at the Intermediate Court
Me BAGABO Faustin	:	Advocate at Rwanda Bar Association

PREFACE

Esteemed readers,

This Volume IV [2019] is the last to be published in the year 2019. Throughout this year, we were pleased to receive your feedbacks indicating that you access the Law report and is of importance in your daily activities.

This volume contains six (6) cases including two (2) civil cases, two (2) commercial cases, one (1) administrative case and one (1) criminal case

Please be reminded that the published cases can be easily and quickly accessed on the website of the judiciary:
<http://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
President of the Supreme Court
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court, the Court of appeal and Commercial High Court cited under the heading below:

CITATION

The Reports in this volume are cited thus:
[2019] 4 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

<i>The constitution of the Republic of Rwanda of 2003 as it is amended in 2015,</i>	
<i>article 13 and 29.....</i>	<i>4</i>
<i>article 14(1), (2), 21 and 22.....</i>	<i>118</i>
<i>Organic Law N° 11/2013/OL of 11/09/2013 modifying and complementing the Organic Law N°61/2008 of 10/09/2008 on the leadership code of conduct, article 2 and 3.....</i>	<i>4</i>
<i>Universal Declaration of Human Rights of 10/12/1948, article 25 paragraph one.....</i>	<i>118</i>
<i>International Covenant on Civil and Political Rights of 19//12/1966 adopted by Rwanda on 12/02/1975, article 7 and 10 paragraph one.....</i>	<i>118</i>
<i>International Covenant on Economic, Social and Cultural Rights of the 19/12/1966 ratified by Rwanda on 12/02/1975, article 12.....</i>	<i>118</i>
<i>African Charter on Human and Peoples Rights 27/06/1981, adopted by Rwanda on 11/11/1981 and ratified on 17/05/1983, article 16 paragraph one.....</i>	<i>119</i>
<i>Law N° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of Courts, article 64.....</i>	<i>4</i>
<i>Law N° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service article 3, 76, 78, 80, 81 and 98.....</i>	<i>4</i>
<i>Law N° 43/2013 of 16/06/2013 43/2013 governing land in Rwanda, article 10.....</i>	<i>53</i>

<i>Law N° 45/2011 of 25/11/2011 governing contracts in Rwanda, article 64 and 66.....</i>	<i>77</i>
<i>Law N° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property (amended), article 284.....</i>	<i>95</i>
<i>Law N° 59/2008 of 10/09/2008 on prevention and punishment of gender-based violence, article 39.....</i>	<i>31</i>
<i>Law N° 005/2008 of 14/02/2008 on arbitration and conciliation in commercial matters, article 9 and 31.....</i>	<i>77</i>
